



EQUIPPING CHURCH LEADERS
• EAST AFRICA •

IMBABAZI N'UBWIYUNGE

Byanditswena

Jonathan M. Menn

B.A., University of Wisconsin-Madison, 1974

J.D., Cornell Law School, 1977

M.Div., Trinity Evangelical Divinity School, 2007

Equipping Church Leaders East Africa, Inc.

714 S. Summit St., Appleton, WI 54914

+1-920-2846841 (mobile and WhatsApp)

jonathanmenn@yahoo.com

www.ecllea.net

Gicurasi 2007; bisubirwamomuri Gicurasi 2013, bikosorwamuri Nyakanga 2014; bikosorwa mu Gushyingo 2017

Imbabazi n'ubwiyunge biri mu mutima w'umurimo wa Yesu kuritwe kandi ni ishingiro ry'imibanire yacu nabandi. Izi nyigisho zirifashisha ibyanditswe bishingiye ku mbabazi n'ubwiyunge. Zigasobanura icyo imbabazi aricyo n'ubwiyunge ndetse nicyo bitaribyo zikerekana ukuntu ubwiyunge butandukanye n'imbabazi. Impamvu zo gushyira mu bikorwa imbabazi n'ubwiyunge ziganirwaho muri izi nyigisho n'ingeri z'ukuntu twababarira ndetse no kwiyunga nazo zirimo. Harimo kandi na none isanohagati yo kwihanana imbabazi n'ingingo y'ukuntu umuntu yakwibabarira.

IBIRIMO

| | |
|--|----|
| IMBABAZI | 2 |
| <u>Ibyanditswe by'ingenzi twareberaho</u> | 2 |
| I. Imbabazi ni ikintu kibanze kiba muri kamere y’Imana | 2 |
| II. Dutegekwa naKristo—nk’igice kibanze kigize icyo twita kuba abakristo—kubabarira abandi | 3 |
| III. Intumwa ziduhamagarira kubabarira abandi, haba mubitekerezo, mubikorwa hamwe nokuba ikitegererezo | 4 |
| <u>Gusobanukirwa no gukoresha imbabazi mu buzima bwacu</u> | 5 |
| I. Icyo Imbabazi ATARI cyo | 5 |
| II. Icyoimbabazi ARI cyo | 9 |
| III. Impamvu zituma tugomba kubabarira abandi | 11 |
| IV. Ni gute twababarira | 13 |
| V. Kwibabarira ubwawe | 19 |
| VI. Imbabazi no kwihana | 20 |
| VII. Kwakira imbabazi kubyaha wacumuye ku Mana no kubantu | 24 |
| UBWIYUNGE | 28 |
| <u>Ibyanditswe by'ingenzi twareberaho</u> | 28 |
| I. Imana yiyunze natwe kandi yaduhaye n’umurimo wo kuyunga n’abandi (2 Kor 5:16-21) | 28 |
| II. Imana yakuyeho inzitizi zose zatandukanyaga abantu ndetse n’abafite ibibatandukanya bikomeye (Ef 2:11-22) | 28 |
| III. Ukuba twariyunze n’abagenzi bacu bifite akamaro ko muburyo bw’umwuka kandi bigirana isano no kuramya Imana kwacu (Mat 5:21-26) | 29 |
| IV. Abakristo bategekwa na Kristo n’intumwa gukora uko bashoboye ngo babe mubuzima bw’amahoro n’ubwiyunge hagati yabo ndetse n’abandi bantu muri rusange | 30 |
| V. Yaba Kristo yaba n’intumwa ze bose bagaragaje ubwiyunge mu buzima bwabo bwite | 30 |
| VI. Igihe tudashoboye gukemura amakimbirane twe ubwacu, Imana itegeka itorerero dusengeramo guteraintambwe mugushakira umuti icyo kibazo rikazana ubwenge bwaryo, ubutunzi n’ubutware mugushaka umuti w’ikibazo (Mat 1:16-17; Ef 4:23; 1 Kor 6:1-8) | 31 |
| <u>Gusobanukirwa no gushyira mubikorwa ubwiyunge mu buzima</u> | 31 |
| I. Itandukaniro hagati y’ubwiyunge n’imbabazi | 31 |
| II. Kubera iki ubwiyunge ari igikorwa cy’ingirakamaro | 32 |
| III. Twakwiyunga dute | 32 |
| IBITABO BYIFASHISHIJE | 36 |
| UMUGEREKA: Urugero rw’icyemezo gishingiye ku mbabazi mu gusana urushako rwangiritse mu muryango | 37 |
| UMWANDITSI | 40 |

IMBABAZI

Ibyanditswe by'ingenzi twareberaho¹

I. Imbabazi ni ikintu kibanze kiba muri kamere y'Imana

A. Imbabazi ni umutima wa kamere n'ibigize Imana

1. Imana ubwayo itangaza ibi bikurikira: ⁶ *Uwiteka anyura imbereye arivuga ati “Uwiteka, Uwiteka Imana y'imbazi n'ibambe, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, ⁷ igumanira abantu imbabazi ikageza kubuzukuru habo ibihe ibihumbi ibabarira gukiranirwa ibicumuro n'ibyaha ntitindishiriza nahato abo gutsindwa ihora abana gukiranirwa kwa base kugeza kubuzukuru n'abuzukuruza n'ubuvivi.” (Kuv 34:6-7)*

2. Ibi byaramenywe bihanywa n'abandi: (Kub 14:17-19; Zab 103:2-3; na Zab 103:3-4).

3. Imbabazi z'Imana kubyaha byacu zigaragaza Ubudahemuka bwayo: “Nitwatura ibyaha byacu niyo yo kwizerwa kandi ikiranurwa kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kwacu kose” (1 Yoh 1:9).

B. Imbabazi ni kimwe mubigize Yesu Kristo kandi nicyo cyamuzanye

1. Kristo ubwe atangaza ko afite ubutware bwo kubabarira ibyaha by'abantu: ³ *Haza abantu bane bahetse ikirema, ⁴ ariko babuze uko bakimwegereza kuko abantu bahuzuye, basambura hejuru y'inzu, aharinganiye naho ari, bamaze kuhapfumura bamanuriramo ingobyi ihetswemo icyo kirema. ⁵ Yesu abonye ukwizera kwabo abwira ikirema ati “mwana wanjye ibyaha byawe urabibabariwe” ⁶ Ariko hariho abanditsi bamwe bicayemo, biburanya mu mutima yabo bati ⁷ “Ni iki gitumye uyu avuga atyo? Arigereraniye, Ni nde ushobora kubabarira ibyaha uretse Imana yonyine?” ⁸ Uwo mwanya Yesu amenya mu mutima we, yuko biburanya batyo mu mitima yabo arababaza ati “ni iki gitumye mwiburanya mutyo mu mitima yanyu?” ⁹ icyoroshye ni ikihe, ari ukubwira iki kirema nti ibyaha byawe urababarwei, cyangwa ari ukumubwira nti “byuka, wikorere ingobyi yawe utaha?” ¹⁰ Ariko nimumenye yuko umwana w'umuntu afite ubutware mu isi, bwo kubabarira abantu ibyaha” nuko abwira icyo kirema ati ¹¹ “Ndagutegetse byuka, wikorere ingobyi yawe utaha.” ¹² Arabyuka, yikorera ingobyi ye uwo mwanya asohokera imbere yabo. Nuko bese baratangara bahimbaza Imana bavuga bati “Bene ibi ntabwo twigeze kubibona.” (Mariko 2:3-12) Ahandi havugaga ibini Mat 9:2-8 na Luka 5:17-26. Reba nanone Luka 7:48-50: Ubutware bwa Kristo bwo kubabarira bwavuzwe n'abandi; Luka 23:33-34: Kristo yababariye yababariye ababandi no kumusaraba.*

2. Imbabazi za Kristo ku byaha byabantu biri mu gice cy'umurimo we hano ku Isi: ninacyogice nyamukuru kigize ubutumwa bwavuzwe n'intimwa za Yesu, aribwo natwe tuvugaga uyumunsi.

a. **Ibyak 5:29-32:** ²⁹ *Petero n'izindi ntumwa barabasubiza batni “ibikwiriyeyi mwishye mumubambye ku giti. ³¹ Imana yaramuzamuye imushyira iburyo bwayo ngo abe ukomeye n'umukiza, aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha. ³² Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira.”*

b. **Ibyak 13:36-39:** ³⁶ *kuko Dawidi amaze gukora ibyo Imana yashatse mu gihe cye arasinzira, ashirwa kuri basekuruzwa arabura, ³⁷ ariko uwo Imana yazuye ntarakabura. ³⁸ nuko bagabo bene Data mumenye ko ari muri uwo tubabwirwa kubabarirwa ibyaha, ³⁹ kandi uwizera wese atsindishirizwa nawe mu bintu byose, ibyo amategeko ya Mose atabashaga kubatsindishiriza.*

c. **Kol 3:14:** ¹³ *Niwe wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mubwami bw'umwana we akunda. ¹⁴ Niwe waducunguje amaraso ye ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu.*

d. Reba na none: **Luka 24:46; Ibyak 2:38; 10:43; 13:38-39; 26:15-18; ukumvira Imana kuruta abantu. ³⁰ Imana ya sogokuru yazuye Yesu, uwo**

Ef 1:17; 1 Yoh 2:12.

¹Imirongo yose ya Bibiriya yakoreshejwe yakuwe muri Bibiliya yitwa New American Standard version keretse aho byagaragajwe.

II. Dutegekwa na Kristo—nk’igice kibanze kigize icyo twita kuba abakristo—kubabarira abandi

A. Isengesho ry’Umwami ridusaba kubabarira abandi nk’uko natwe twababariwe: ⁹Nuko musenge mutyamuti “Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe, ¹⁰ Ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi, nk’uko biba mu ijuru. ¹¹ Uduhe none ibyokurya byacu by’uyu muni, ¹² Udugarire imyenda yacu, nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu, ¹³ Ntuhane mu bitwoshya, ahubwo udukize umubi, kuko ubwami n’ubushobozi n’icyubahiro ari ibyawe, None n’iteka ryose. Amen.” ¹⁴Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na so wo mu ijuru azababarira namwe, ¹⁵ ariko nimutababarira abantu, na so na we ntazababarira ibyaha byanyu. (Mat 6:9-15) Ibindi byanditswe bisa n’ibi Luka 11:2-4.

1. Murebe neza y’uko agace konyine k’isengesho ry’Umwami Yesu ashimangira akagatangaho ubusobanuroari agace ko muri iryo sengesho karebana n’imbabazi.

2. Mu menye kandi kokutababarira ari icyaha.

3. Mu menye kandi ko nyuma Kristo agaragaza neza yuko imbabazi z’Imana kuri twe zifitanye isano n’imbabazi zacu kubandi: Imana izatubabarira niba tubabarira abandi;ariko ntizatubabarira niba tutababarira abandi. Nkuko D. A. Carson abivuga: “Abantu ubwabo bikura mu mubare w’abakwiye imbabazi binangira imitima yabo kubera ubusharirirwe kugeza ubwo badashobora kubabarira abandi, Igihe nka kiriya, ntiberekana kubabara, agahinda, no kumenya agaciro gakomeye k’imabazi nta no gusobanukirwa uruhare rwabo mu cyaha nta no kwikana. (Carson 2002: 790)²

B. Umugani muremure kurusha indi yose Yesu yaciye uvuga ko kubabarira abandiari ngombwa: ²¹Nuko Petero aramwegera aramubaza ati “Datubajya, mwene data nangirira nabi nzamubabarira kangaha? Ngeze karindwi?” ²² Yesu aramusubiza ati “sinkubwiye yuko ugeza karindwi.” ²³Nicyo gituma ubwami bwo mu ijuru bwagereranywa n’umwami washatse kubarana n’abagaragu be umubare wibyo yababikije. ²⁴Abanje kubara, bamuzanira umwe muri bo yishyura italanto inzovu. ²⁵Ariko kuko yari adafite ibyo kwishyura, shebuja ateguka kumugura n’umugore we n’abana be nibyo afite byose, ngo umwenda ushire. ²⁶Umugaragu aramufukamira aramwinginga ati ‘Mwami, nyihanganira nzakwishyura byose. ²⁷Shebuja aramubabarira aramureka, amuharira umwenda. ²⁸ “ariko uwo mugaragu arasohoka, asanga umugaragu mugenzi we yaguriye idenariyo¹ ijana aramufata aramuniga, aramubwira ati ‘nyishyura umwenda wanjye’. ²⁹Umugaragu mugenzi we yikubita hasi, aramwinginga ati “nyihanganira nzakwishyura. ³⁰Ntiyakundamaze aragenda amushyira munzu y’imbohe, kugeza aho azamarira kwishyura umwenda. ³¹Abagaragu bagenzi be babonye ibibaye barababara cyane, bagenda babibwira shebuja uko bibaye byose. ³²Maze shebuja aramuhamagara aramubwira ati ‘wa mugaragu mubi we, naguhariye wamwenda wose kuko wanyingize. ³³Nawe ntiwari ukwiriye kubabarira mugenzi wawe nk’uko nakubabariye?’ ³⁴Shebuja ararakara, amuha abasirikare kugeza aho azamarira kwishyura umwenda wose. ³⁵ “Na Data wo mu ijuruniko azabagira, nimutababarira umuntu wese mwene so mubikuye ku mutima.” (Mat 18:21-35)³

C. Umugani muremure kurusha indi yose Yesu yaciye muri Luka (ndetse ni muri bibliya yose) uvuga ku mbabazi no kuriha ibyangiritse. ¹¹Kandi arababwira ati “hariho umuntu wari ufite abahungu babiri. ¹²Umuherezzi abwira se ati ‘Data, mpa umugabane w’ibintu unkwiriye. nuko agabanya amatungo ye. ¹³Iminsi mike ishize umuherezzi ateranya ibintu bye byose, aragenda ajya mu gihugu cya kure, yayisha ibintu bye ubugoryi bwe. ¹⁴Abimaze byose inzara nyinshi itera muri icyo gihugu, atangira gukena. ¹⁵Aragenda ahakwa ku muntu wo muri icyo gihugu, amwoherereza mugikingi cye kuragira ingurube. ¹⁶Yifuza guhazwa n’ibyo izo ngurube zaryaga, ariko ntihagira ubimuha. ¹⁷Nuko yisubiyemo aribwira ati ‘abagaragu ba Data ni benshi kandi bahazwa n’imitsima bakayisigaza, naho njye inzara intsinze hano. ¹⁸Reka mpaguruke njye kwa data mubwire nti: Data nacumuye kuyo mu ijuru no mu maso yawe, ¹⁹ ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe, mpaka mbe nk’umugaragu wawe, ²⁰ arahaguruka ajya kwa se. “Agituruka kure, se aramubabarira aramuhobera, aramusoma, ²¹uwo mwana aramubwira ati ‘Data, nacumuye ku yo mu ijuru no mu maso yawe, sibinkwiriye

² Randy Alcon ashirahira ikintu nk’iki “Dukomeretsa bitewe n’ubusharirirwe nkuko natwe ubwacu twikomereza. Umuntu umwe yambwiye ko ubusharirirwe ari nko kunwa uburozi ugategereza ko mugenzi wawe ariwe upfa.” (Alcorn 2009: 425)

³ Umugani muremure wa Yesu uvuga ku bacakara babiri (Mat 18:21-35) ugizwe n’amagambo 245 mu nyandiko z’Ikigiriki harimo ikibazo cya Petero abaza uko wababarira uwa guhemukiye aribyo byatumye Yesu awuca “Yesu aramubwira ati” akoresheje umugani wa kabiri muremure w’abakozi mu ruzabibu (Mat 20:1-16) ugizwe n’amagambo 241mu Kigiriki amagambo abiri ashidikanywaho inkomoko yayo. Nyamara ayo magambo yose ni amagambo ya Yesu bwite (Aland, et al. 2001)

kwitwa umwana wawe.’²²Ariko se abibwira abagaragu be ati ‘mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi muwumwambike, mumwambike n’impeta ku rutoki n’inkweto mu birenge,²³ muzane n’ikimasa kibyibushye mukibage turye twishime,²⁴ kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye none akaba azutse, yari yarazimiye none dore arabonetse.’ Nuko batangira kwishima²⁵ ariko umwana we w’imfura yari ari mu murima, amaze kuza ageze hafi y’urugo yumva abacuranga n’ababyina.²⁶ Ahamagara umugaragu amubaza ibyabaye ibyo ari byo.²⁷ Aramubwira ati ‘murumuna wawe yaje none so yamubagiye ikimasa kibyibushye, kuko amubonye ari muzima.’²⁸ Undi ararakara yanga kwinjira, nuko se arasohoka aramwinginga.²⁹ maze asubiza se ati ‘maze imyaka myinshi ngukorera, ntabwo nanze itegeko ryawe. Ariko hari ubwo wigeze umpa n’agasekurume, ngo nishimane n’inshuti zanjye?’³⁰ Maze uyu mwana wawe yaza, wamaze ibyawe abisambanisha, akaba ari we ubagira ikimasa kibyibushye!³¹ Nawe aramubwira ati ‘mwana wanjye, turabana iteka kandi ibyanjye byose ni ibyawe,³² ariko kwishima no kunezerwa biradukwiriye rwose, kuko murumuna wawe uyu yari yarapfuye none arazutse, yari yarazimiye none dore arabonetse.’” (Luka 15:11-32)

D. Yesu ahuza neza ukubabarira kwacu n’urukundo rwacu:³⁶ Umwe muBafarisayo aramuririka ngo asangire nawe, yinjira munzu yearicara ngarye.³⁷ Umugore wo muri uwomudugudu wari umunyabyaha, amenyako ari munzu y’uwo Mufarisayo, azana umukondo w’amavuta meza amaze nk’amadahano,³⁸ ahagarara inyuma ye hafi y’ibirenge bye arira, atangira kumutonyangiriza amarira ku birenge abihanaguza umusatsi we, asoma ibirenge bye, abisiga ayo mavuta.³⁹ Uwo Mufarisayo wmuraritse, abibonye aribwira ati “uUyu muntu iyo aba amuhanuzi, yajya kumenya uyu mugore umukozeho uwo ari we kandi uko ameze, ko ari umunyabyaha.”⁴⁰ Yesu aramubwira ati “Simoni, mfite icyo nkubwira.” Ati “Mwigisha mbwira.”⁴¹ Ati “hariho umuntu wagurizaga, wari ufite abantu babiri bamubereyemo imyenda. Umwe yarimo w’idenariyo maganatana, undi arimo idenariyo mirongo itanu.”⁴² Ariko kuko bari babuze ubwishyu azibaha rira bombi. Mbese muri abo bombi uwarushije undi kumukunda ni nde?”⁴³ Simoni aramusubiza ati “Ngirango ni uwo yahariye nyinshi?” Nawe aramubwira ati “uvuze neza.”⁴⁴ Akebuka uwo mugore abwira Simoni ati “urareba uyu mugore? Ninjye munzu yawe ntiwampa amazi yo koza ibirenge, ariko uyu mugore we yantonyangirije amarira ku birenge, abihanaguza umusatsi we.”⁴⁵ Ntiwansomye, ariko aho ninjiriye uyu nyahwemye kunsoma ibirenge.⁴⁶ Ntiwansize amavuta mu mutwe, ariko uyu we ansize amavuta meza ku birenge.⁴⁷ Ni cyo gituma nkubwira yuko ababariwe bya byaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rwinshi. Ariko ubabariwe bike akunda buke.”⁴⁸ Abwira umugo ati “Ubabariwe ibyaha bya we.”⁴⁹ Nuko abasangiraga nawe batangira kubazanya bati “Uyu ni nde ubabarira n’ibyaha?”⁵⁰ Nuko abwira uwo mugore ati Kwizera kwawe kuragukijije, genda amahoro.” (Luka 7:36-50)

E. Yesu ahuza neza kubabarira kwacu n’ubuzima bwacu bwo gusenga:²³ Ndababwira ukuri yuko umuntu uzabwira uyu musozi ati ‘shinguka utabwe munyanja’, ntashidikanye mu mutima we yizeye yuko icyoavuze gikorwa yakibona.²⁴ Nicyo gitumye mbabwiye nti “ibyho musaba byose mubishyizeho umutima mwizeye yuko mubihawe, kandi muzabibona. Kandi nimuhagarara musenga hakaba ha ri umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugirango So wo mu ijuru nawe abababarirenawe ibyaha byanyu.²⁶ Ariko ni mutababarira abandi, So wo mu ijuru ibyaha byaha byanyu.” (Mariko 11:23-26)

1. Mu menye neza ko Yesu yavuze ibi amaze kwinjira muri Yerusalemu ari ku cyanacy’indogobe, mbere gato yuko abambwa. Nubwo ibintu Yesu yavuze byose bifite akamaro, amagagamba yavuze yegereje gupfa kwe yakoraga kumutima cyane.

2. Murabona kandi ko muri aya mategeko Yesu yayasubiyemo igihe yashimangiraga akamaro ko kubabarira muri rya sengesho Yesu yigishaga abigishwa be. Ibyo Yesu yavugaga yabisubiragamo ngo yerekane akamaro kabyo.

III. Intumwa ziduhamagarira kubabarira abandi, haba mubitekerezo, mubikorwa hamwe nokuba ikitegererezo

A. Pawulo adutegeka kubabarira: Mugirirane neza, mugirirane imbababazi, mubabarirane nk’uko Imana yababariye muri Krisko (Ef 4:32; reba na none 2 Kor 2:7; Kol 3:13).

Carson atanga ubusobanuro burebana niyi mirongo: “Igiterekerezo si uko twababariwe gusa, kubwiby natwe tugomba kubabarira, ariko nk’uko Imana ubwayo yatubabariye muri Kristo, kandi umwenda wacu ntiwabarikaga ibyaha twaba twarakorewe byose uko bingana kose nibike cyane ubigereraniye n’ibyo twacumuye mu maso y’Imana. Ariko Imana muri Kristo yaraturabariye. Niba tuzi akamaro cyangwa kubohoka tugira iyo tubabariwe kandi tukamenya igice gitoya cy’umwenda dufitiye Imana, ukubabarira abandi kwacu ntikwatugora.” (Carson 2002: 80-81)

B. Pawulo yagaragaje urugero rw'imbabazi: ¹⁰Ariko uwo mugira icyo mubabarira nanjye mba nkimubabariye, kuko nanjye ubwanjye iyo hari uwo ngize icyo mbabarira, nkimubabarira ku bwanyu imbere ya Kristo, ¹¹ kugira ngo satani atagira icyo adutsindisha kuko tutayobewe imigambi ye. **(2 Kor 2:10-11)**

1. Mwitegereze neza Powulo yababariye abandi kubw'impuhwe z'itorera ("kubwanyu"). Ikiruta ibindi yari azi neza ko icyo yarimo gukora igihe cyose (ni ukuvuga niba yarababariraga cyangwa ntababarire) "byakorerwaga mukubahokwa Kristo."
2. Mu menye kandi ko kutababarira biha satani "urwaho kuritwe."
3. Icyari ukuri kuri pawulo ni nako kuritwe cyane cyane bamwe muritwe (nka Pawulo) bari mu myanya y'ubuyozzi.
 - a. Twaba tubabarira cyangwa tutabarira bizagira ingaruka ku itorero, zaba nziza cyangwa mbi.
 - b. Nubwo tudashobora ku mubona cyangwa kumukoraho, icyo dukora cyose (harimo kubabarira cyangwa kutababarira ibibi twagiriwe n'abandi) bikarerwa mu bwiza bwa Kristo—kandi tuzacirwa urubanza na Kristo niba tutababarira.
 - c. Ukutababarira kwacu guha satani uburyo n'uburenganzira bwo gukorera muritwe no kuturwanya, n'ubwo gukorera mu itorero no kurirwanya. Kutababarira kwacu kuzabera abandi urugero rubi maze nabo bahinduke abantu batababarirana uzasanga rihindutse itorero ry'abantu batababarirana ricitsemu ibice ritatane, rinasharirirwe, Satani ni we uzatera imbere muri ryo. Murundi ruhanda, niba dufite umwuka wo kubabarira anyamuryango b'itorero bazifuzwa kwigana urugero rwacu. Niba tubabarira tuzashobora kubwiriza no kwigisha Bibiliya yose mu mbaraga z'Umwuka wera muri biriya ibyanditswe twabonye hejuru, ntakuba indyarya. Iki gihe Satani ntazagira amahirwe yo gukorera muri twe no mu itorero.

C. Sitefano, umuntu wa mbere watotejwe, aduha urugero rwiza (hanyuma na Kristo ubwe), mukubabarira abamishye, nubwo yarimo gupfa: ⁵⁹Bakimutera amabuye, arambaza aravuga ati "Mwami Yesu, akira umwuka wanjye." ⁶⁰ Arapfukama avuga ijwi riranga ati "Mwami, ntubabareho iki cyaha" amaze kuvuga atyo arasinzira. Nuko Sawuli nawe ashima ko yicwa **(Ibyak7:59-60)**

Gusobanukirwa no gukoresha imbabazi mu buzima bwacu

I. Icyo Imbabazi ATARI cyo⁴

A. Imbabazi SI ukwita "ikibi icyiza", kugabanya.u buremere bw'igikomere, korohera ikibi uvuga ko "iby wakoze bidakabije" cyangwa "ntacyo bitwaye", cyangwa ukabona ikibi n'umunyakibi mu buryo "butandukanye" nk'ibintu bisanzwe cyangwa uwakoze ikosa ndetse n'iryo kosa

1. Kubabarira ni ukwemera no kumenya ko icyo umuntu yadukoreye ari kibi. Ndetse icyo uwo muntu yakoze ari kibi cyane kugeza n'ubwo Kristo yemeye kukibabarizwa, no gucirwa urubanza nk'urwo yaciriwe akicwa kubera icyo cyaha gikomeye (nk'uko yishwe akanabambirwa ibyaha byacu).
2. Kuvuga ko ikibi ari ikiza cyangwa ko "kidakabije" cyangwa "ntakibazo" ni ukwirengagiza ukuri— ibyo bidutandukanya n'Imana na Kristo. Kubera yuko: Imana ari ukuri **(Kuv 34:6; Zab 25:5, 10; 33:4; 40:10-11; 43:3; 57:10; 86:15; 89:14; 117:2; 119:142, 151; 138:2; Yes 65:16);** Kristo ni ukuri **(Mat 22:16; Mariko 12:14; Yoh 1:14, 17; 3:21; 8:45-46; 14:6; 18:37; Ef 4:21)** kandi natwe twitezweho kuba abanyakuri ubwacu imbere y'Imana n'imbere y'abandi **(Zab 51:6; 86:11; 145:18; Imig 3:3; 16:6; 23:23; Yoh 4:23-24; Ef 4:25).**
3. Ukubabarira si ikintu cy'amarangamutima. Igihe ubabariye umuntu ntibisobanuye ko twirengagije ibyo yakoze, cyangwa ngo tumwerere kongera kudukomeretsa, cyangwa kwemera ko ibyabaye byongeraga kutubaho. Kubabarira bisaba ijisho rireba neza rimenya gutandukanya ikibi n'ikiza no kwita ibintu uko biri kuko ushobora kubabarira "ikibi" by'ukuri ikibi cyagukomerekeje bihagije.

B. Imbabazi SI intege nke kubabarira ntibisobanura gutakaza "ishema" ryawe cyangwa kubataba "umugabo"

1. Kubabarira umuntu wakugiriye nabi ni kimwe mubintu uzasanga bigoye mubuzima bwawe. Uko icyo

⁴Iki gice gifatiye cyane kuri Jeffress 2000: igice cya 3 nicya 7, Smedes 1984: igice cya 5, Smedes 1996: igice cya 2-3; Enright 2001: igice cya 2 na Klassen n.d.: "Ubusobanuro."

kibi kirushaho kuba gikomeye, niko kizarushaho kugukomeretsa, ni nako kukibabarira birushaho kukugora kubabarira uwakugiriye nabi.

2. Bisaba imbaraga—imbaraga z’umubiri, zo gutekereza, z’ubushake, z’uko uteye kugira ngo ubashe kubabarira uwaguhemukiye, uwo wa gukomekeje cyane. Nyamara Yesu yaduhaye umwuka wera dufite imbaraga zidushoboza kubabarira, nkuko nawe yashoboye kutubabarira (n’abandi) kubwibyaha byacu no kumwica. Iyo tugendeye mu kumvira Imana, no mukuri kw’ijambo ryayo, no mumbaraga z’umwuka wera, azaduha ubushobozi bwo kubikora kubera ko ari ibintu byiza—kubabarira bariya badukomerekeje bakanatwangiza mu buryo bukomeye (**Rom 4:19-22; 14:4; 1 Kor 10:13; Ef 3:20-21; 6:10-16; Heb 2:18; 7:25; Yuda 24**).

3. Umuntu ashobora gutekereza ko kubabarira gushyira uruhare runini, kuwahemukiwe kuruta uwahemutse. Nyamara, nkuko Jeffress abivuga: “Imana ntidukuraho igikorwa kubera ko atari byiza cyangwa kubera ko bikomeye gusa. Nk’urugero tekereza kuri aya magambo yamamaye yo mukibwirizwa cya Yesu ku musozi:

Mwumvise ko byanditswe ngo, ‘ijisho rihorerwe irindi, niryinyo rihorerwa irindi.’ Ariko jyeweho ndababwirira kutabaza umuntu mubi kubagirira nabi; ugukubise urushyi mu musaya w’iburyo, umuhindurire n’uw’ibumoso, umuntu nashaka kukuburanya ngo agutware ikanzu yawe, umuhe n’umwitero. Ugutegetse kujyana nawe mu gikingi kimwe, umujyane no mucya kabiri. [**Mat 5:38-41**]

Reba neza ahangaha muri ibi byose kimwe mugihe cyacyo Yesu yavuze aha ntashyira uruhare kuwakoze nabi ahubwo arushaho kurushyira kuwagiriye nabi. Uwagiriye nabi niwe uhindura undi musaya, niwe utimana n’ikanzu ye iyo atwawe umwitero, kandi niwe umujyana mu gikingi cya kabiri.” (Jeffress 2000:45; reba na none Sande 2004: 148-49; na Worthington 2003:68, “Ntitubabarira kubera ko byoroshye, ahubwo tubabarira kubera ko bikwiriye, ari ugukiranuka, ari ukwishyura urukundo rw’Imana n’imbabazi zayo yatugiriye”).

4. Niba wibaza ko kubabarira umuntu ari ugutakaza “ishema” kutaba “umugabo” ita kuri iki: Uko niko ufata Kristo? Mbese icyubahiro cye cyaragabanutse cyangwa yahindutse umuntu usanzwe uciye bugufi kubera ko yakubabariye?

C. Imbabazi SI ukwibagirwa

1. “Kwibagirwa ni ikintu gipfa kuva mu bwenge, mu bwonko bitewe ni igihe ikintu kimaze kibaye. Kubabarira ni ikintu umuntu atekerezaho harimo kubanza ugashyira kumunzane ukabanza ukabica hirya no hino” (Sande 2004: 206).

2. Ntushobora kubabarira ibyo wibagiye: Nyamara igihe tubabariye dushobora kwibagirwa kubera ko tuba twakize.

3. Ibyanditswe bitandukanye bivuga ko Imana “yibagirwa” ibyaha byacu (reba Zab 103:12; Yer 31:34; Mik 7:19).

a. Iyo mirongo, kimwe naho Bibiliya ivuga ku “maso” y’I“mana (**2 Ingoma 16:9**), “amatwi” yayo (**1 Pet 3:12**), “ibiganza” bayayo (**Kuv 24:14**), “n’ibirenge” byayo (**2 Sam 22:10**) “n’itizabumuntu” ni imvugo igereranya ishingiye kubyo umuntu ashobora kubona ku bantu, ni ukuvuga kugerageza gusobanura Imana itagira iherezo n’itangiriro ugisobanura ari umuntu ufite itangiriro n’iherezo akoresheje ibiboneka ku bantu. Ntibyumvikana ko dushobora kwizera ko Imana izi byose ishobora kwiha ibintu byayibagiza igihe itubabariye, hanyuma igahita yibagirwa ibyo abantu yaremeye bakoze.

b. Muby’ukuri, Bibiliya igaragaza neza ko ibikorwa byacu byose, n’ibidushishikaza, byaba byiza cyangwa bibi, bizacirwa urubanza n’Umwami wacu bigaragaza ibihembo byacu by’Iteka ryose (**Mat 16:27; Luka 8:17, 12::2-3; Rom 2:1-16; 14:10-12; 1 Kor 3:12-15; 2 Kor 5:10-15; 22:12**) iki kigaragaza ko Imana ikomeza kwibuka imirimo yacu kugirango izace urubanza rutabera.

4. Imirongo muri Bibiliya ivuga ko Imana yibagirwa ibyaha n’imirongo igerageza kwerekana ko urubanza rw’Imana rwuzuye, rukwiye, urwo kubabarirwa ibyaha byacu. Igihe twakiriye imbabazi z’Imana ntabwo tuba dukwiriye gutinya ingaruka z’iteka z’ibyaha byacu (Jeffress 2000: 129). Uku kuri tukubona nezamu ba **Rom 4:7-8** (hasubiramo **Zab 32:1-2**) ⁷*Hahirwa uwababariye ibicumuro bye kandi ibyaha bye bigatwikirwa.*⁸ *hahirwa umuntu Uwiteka atabaraho urubanza.*

Jeffress arasobanura: “Ibyaha byacu birema umwenda dufitiye Imana. Dufitiye Imana umwenda

wibicumuro byacu twakoze. Nyama urupfu rwa Kristo rwishyuye umwenda w'icyaha cyacu, ni muri iki gikorwa Pawulo asobanura mu ba Kol 2:13-14: ... kandi ubwo mwari mupfuye muzize ibicumuro byanyu no kudakebwa kw'imibiri yanyu, yabahinduranye bazima na we imaze kutubabarira ibicumuro byacu byose. Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musaraba. Igihe uhindutse umukristo, Imana ifate umwenda uyibereyemo, ikawuterera imisumari ku musaraba igatangaza ko uwishyuye wose. Ariko birashoboka kubabarira umwenda, utawibagiwe.” (Jeffress 2000: 130)

5. Tubishyize mu bundi buryo, kuvuga ko Imana Imana “yibagirwa” ibyaha byacu ni ukuvuga ko Imana idutekerezaho nkaho yibagiwe ibyaha byacu twakoze. Ariko, “igihe Imana ivuze ko itazongera kwibuka ibyaha byacu na gato (**Yes 4:25**) ntiba ivuga ko itazongera kwibuka ibyaha byacu nagato. Ahubwo, iba irimo idusezeranya ko itazongera kubitubaraho igihe yatubabariye. Ahubwo, ihitamo kutabivuga kutongera kubitubaraho. cyangwa kongera kubitekereza ukundi.” (Sande 2004: 206)

D. Imbabazi SI ugushyigikira icyaha

1. Ugushyigikira ikosa bitandukanye no kubabarira: Dushyigikira umuntu igihe twumva ko icyo yakozwe tutagakwiye kukimurenganyiriza, cyangwa utekereza ko bizabyara ibyiza bikaba byakozwe kubw'impanuka hitezwe ko ari byiza, tubabarira abantu igihe twumva bemeranwa ko icyo bakoze atari cyiza—kitari gikwiye kubabarirwa—harimo nibyo bikorwa bibi bakoze bifuza kutugirira nabi.
2. “Imbabazi zivuga ngo ‘twese tuzi neza ibyo wakoze ko ari bibi kandi wabikoze nkana. Ariko Imana yarambabariye, ndakubabariye.’ Kubera ko imbabazi zitanganywe umutima mwiza ku cyaha zizana umudendezo urenze uko kwitakambira cyangwa kwerekana inzitwazo runaka zazanywe nibyabaye.” (Sande 2004: 206-07)

E. Imbabazi SI kimwe no “kwemera abantu”

1. Twemera abantu kubera ko aribezazatubabarira kubera ko badukoye ikibi.
2. Kugira ngo habeho imbabazi bisaba kohakozwe ikibi. Ntidushobora kubabarira umuntu imiterere mibi” cyangwa “kamere” nkuko tudashobora kubabarira ubwoko, igitsina cye, cyangwa gukoresha ukuboko kw'ibumoso. Nicyo kimwe “ntitubabarira” ibitekerezo bitandukanye “tubabarira” gusa ikibi, ibikorwa bibi byadukomerereje byatubabaje.

F. Imbabazi SI “ukwiringagiza ubutabera” kandi “ntizikuraho” ibyaha abantu bakoze, kandi ntizikuraho ingaruka zose z'ibibi byibyakoze

1. Imbabazi zishingira ku mibanire y'imbere mutima no gushakira umuti w'ububabare wagize ku giti cyawe nkingaruka z'ikibi wakorewe—imbabazi iyo zikoreshejwe neza mu buryo bugaragara ni ikintu gikorera mu mitima yacu bwite mu bwenge nomubugingo no mubwenge. Bikorwa mu kumvira Kristo, kandi ikingenzi bituzanira gukura kwacu. Ubutabera muri sosiyete ninshingano za Leta, na gahunda z'abacamanza kubw'intego yo kurwanya ikibi muri sosiyete. Barenganure abarengana. Ukubabarira kwacu ntigusobarura ko baba bahindutse “abere” kandi ko ubutabera budashobora kubakurikirana, ntibikuraho ingaruka cyangwa ibihano ubucamanza cyangwa urukiko rushobora gushyiraho uwakoze icyaha, uwagize nabi, kuberako ikibi cyadukorewe kiba cyakorewe n'igihugu muri rusange, ndetse na sosiyete n'ikiremhamuntu muri rusange.
2. Ubabarira icyaha wakorewe, ntushobora kubabarira umuntu icyaha cyakoreye undi muntu runaka, cyangwa cyakorewe igihugu cyangwa ikiremhamuntu muri rusange—ibintibisubirwaho. Niba umuntu ababaje umwana wanjye, ibyo nanjye bishobora kumbabaza, kuko nkunda umwana wanjye. Nshobora kubabarira umujinya nagiriye uwo mugizi wanabi, n'ubusharirwe ndetse no gukomereka yankomerereje nkingaruka zibyo yamukoreye. Sinshobora ariko kumubabarira mu izina ry'umwana wanjye kubwikibi yakoreye umwana wanjye. Umwana wanjye ubwe niwe uzagira umurimo wo kumubabarira kubwo gukomereka yagize.
3. Gusobanukirwa ingaruka z'icyaha byagombye kudufasha gusobanukirwa impamvu turi abanyabyaha babi kurusha uko tubitekereza icyaha kimwe gishobora kugira ingaruka mbi kubantu benshi kurusha uko—tubitekereza icyaha kimwe cyagira ingaruka kubantu benshi birenze uko tubitekereza. Niyo mpamvu dukeneye Kristo ngo atubabarirekukoyikoreye ibyaha byacu byose. Igihe dusobanukiwe ububi bw'ibyaha byacu bwite, tukamenya n'urugero Kristo yatubabariyemo natwe tugomba kuba twiteguye kubabarira abatugiriyemo nabi.
4. Ubutabera bwa nyuma buzaba ku munsu wa nyuma w'urubanza, ntabwo ari inshingano zacu.

Ukubabarira kwacu uwadukoye icyaha ntigukuraho kwicira urubanza kwe imbere y’Imana, kandi ntibituma urubanza azacirwa n’Imana rugabanuka.

5. Kubabarira ntibigabanura ububi bw’igikorwa kibi.

- a.** “*Ntakubabarira nyakuri keretse iyo habanje kugaragaza ikibi cyakozwe kandi no guca urubanza rukwiriye rw’ukuri*” (Smedes 1984: 79). Umuntu wese niwe utekereza ukuntu ababara, niwe wumva uburemere bw’ububabare bwe kandi ububabare bwe ntibwiyongera kuko uwo muntu yababajwe abantu icumi, ijana, ibihumbi cyangwa amamiriyoni y’abantu uwariye wese wababajwe niwe wumva ububabare bwe nubwo haba hari abandi bantu benshi byababajwe.
- b.** *Kuvuga ko abantu bamwe ari “babi, inyamaswa” kandi badakwiriye kubabarirwa bituma bagerakubyo bifuzza, bibashyira* “*hejuru y’abandi bantu*” bagahita biyita ibihangange, bari *hejuru y’amategeko, nka Satani*. Igitangaje, ibyo bikabakuraho kumva ko babifitemo uruhare cyangwa ko bakwiye kubabarirwa, kuko batekereza ko baruta abandi bantu. Ibi bibyara mu buryo butaribwo ko abarengana bagomba kwemera iteka ryose kubana n’ububabare bwabo ndetse n’ibikomere byabo, kubera ko batashobora gukura ibikomere byabo binyuze mu mbabazi. Ukubona “inyamaswa” (abicyanyi, n’ubugome abanyepolitiki babagome mu mateka etc) nkuko basa nabatandukanye natwe dusigaye “abadusumba” biratugabanura bikaducisha bugufi kandi binyuranye n’ukuri. Ukuri ni uko “abantu basanzwe bakora ibibi bidasanzwe” (Smedes 1984: 81)
- c.** *Umwanditsi w’umurusiya Aleksandr Solzhenitsyn agira ati: “Iyo biza kuba byoroshye nk’uko tubitekereza: iyo haza kuba abantu babi gusa ahantu runaka bakora ikorwa bibi, byari kuba ari ngombwa ko twitandukanya nabo hanyuma tukabarimbura. Ariko umurongo utandukanya ikibi n’ikiza unyura mu mutima wa buri muntu wese. Ninde ufite ubushake bwo gusenya igice cy’umutima we bwite?”* (Solzhenitsyn 1985: 7)

6. Igihe ubabariye umuntu wakugiriye nabi ntuba, ugomba gukuraho ingaruka z’icyo yagukoreye.

- a.** “*Ingaruka zisanze zatunganiye neza n’Imana kugira ngo bitugeze kubo dukwiye kuba bo. Kwirengagiza isomo ryayo byakwangiza ibyo byakadufashije*” (Willard 1997: 262). Twagafatiye urugero, igihe Dawidi yasambanaga na Betisheba kandi akicisha inkota Uriya Umuheti, nubwo Imana yamubabariye icyaha yakoze, Imana yaravuze ngo: “*inkota ntizava murugo rwawe kuko wansuzuguye. . . . Nzakubyukiriza ibyago mu rugo rwawe, nzakunyaga abagore ureba, mbahe inshuti yawe iryamane nabo ureba ku manywa yihangu. Wowe wabikoreye murwihisho, ariko jyewe ho nzabikora imbere y’Abisilaheri kumanywa y’ihangu nyine. . . . [ariko] kuko wahaye abanzi b’Uhoraho urwitwazo rwo kumutuka, kubwicyo wakoze umwana wabyaye ntazabura gupfa.*” (2 Sam 12:7-14)
- b.** “*Uwakoze ikibi ntaba avuye mu mutego igihe tumubabariye, ahubwo dusanga aritwe tuvuye mukamashu igihe tubabariye*” (Klassen n.d.: n.p.). Arongera akavuga ati, “*Igihe mbabariye mba mbahoye imbohe hanyuma ngasanga nyine iyo mbohe yari jyewe*” (Ibid.).

7. Igihe ubabariye umuntu wakugiriye nabi ntuba ukuraho ingaruka zicyo kibi ku giti cyawe.

Nk’urugero, “*nshobora kubabarira umuntu, wamennye ijisho nyamara uko kumubabarira ntigutuma nongera kubona*” (Klassen n.d.:n.p.). Ariko, ningombwa kumenya ko “*nubwo kubabarira kudakuraho ububabare, . . . uko imbabazi zidushoboza kwihanganira umubabaro*” (Ibid., hari icyo yongeraho). Ikindi, Imana *ikoresha ukubabarira kwacu* (ari nako kuyumvira kwacu) kuduhindura ngoidusanishe na Kristo, kugirango itwiyegereze, kandi itwigishe, iduhe ubwenge, iduhe kugira impuhwe no guca bugufi. Biciye muri iyo nzira (kandi ishobora kuba inzira—ndende kandi by’ukuri, ikanaba inzira izarangira ari uko dupfuye), uko tuje kubona intego yayo muri ubwo bubabare, kandi tukabona uko ikorera mu bugingo bwacu binyuze mu kubabara kwacu no mukubabarira kwacu, Imana izahindura ubwo bubabare hanyuma ibukureho.

G. *Imbabazi NTI zisobanura ko ugomba kwizera uwakugiriye nabi, cyangwa mukomeze kuba inshuti cyangwa mukomeze umubano*

- 1. Imbabazi ziratangwa, ikizere kiraharanirwa.** Ubucuti busaba ukwizerana no kubahana. Kubahwa n’ikizere ni ibintu umuntu aharanira.
- 2. Bisaba umuntu umwe kubabarira, bisaba abantu babiri kwiyunga.** Imbabazi ni ikintu “*kibera mu mutima w’umuntu ugikora*” (Smedes 1996: 25). Smedes yongeraho ko, “*Tubabarira twenyine imbere mu mitima yacu no mubitekerezo byacu: ikiba ku mutima wuwo twababariye giterwa nawe*” (Ibid.:

177). Ntabwo ari kimwe no kwiyounga—imbabazi zibanziriza ubwiyunge.

a. *Imbabazi niigisubizo cy'umuntu kukarengane yakorewe;*

b. *Ubwiyunge ni abantu babiri baja hamwe bakongera bagasana imibanire n'icyizere cyasenyutse (gukuraho inzitizi kubusabane).*

3. Ni ukuri dukwiye gukunda “kunda umwanzi wawe, kandi musengere ababarenganya” (Mat 5:44); “kunda abanzi bawe, kandi ubakorere neza (Luka 6:27); kandi “kunda abanzi bawe, kandi ubakorereibyiza” (Luka 6:35). Yesu yavuze itegeko, “uzakunde mugenzi wawe nk'uko wikunda,” kandi ukundishe Uwitwika Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose “muri ayo mategeko yombi niho amategeko nibyahanuwe bisohorera” (Mat 22:37-40).⁵

a. *Murebe neza Yesu ntiyigeze avuga ko tugomba kuba nk'abanzi bacu. Yari azi ko tuzagira abantu batwanga by'ukuri, bazatureganya. Nyamara tugomba “kubakunda yongeyeho ko niba dukunda abadukunda [gusa] “ni izihe ngororano? Abakoresha b'ikoro siko babigenza?” (Mat 5:46)*

b. *Ubusobanuro ni ishingiro ry'urukundo nkuru ni iri. “Gukunda mugenzi wawe, abanzi bawe . . . ntibigomba gufatwa nkaho tugomba kubakorera ibibanezeza, guhitamo kubereka impuhwe, n'ubushake bwiza. . . . Umuntu ukwiye kumenya ukuntu hakenerwa guhinduka binyuze mubuntu bwa Kristo, no gukora buri kintu cyose gishoboka kugirango bamenye Umwami. Ibi bishobora kugaragarira mugukora utagamije inyungu, rimwe na rimwe gutozwa uburere, guhanwa, kandi izo ni imbuto z'urukundo . . . duhereye kurukundo rw'Imana [ari narwo tugomba kugira], niyo nzira Imana icira umuntu. Bisaba ko Imana ikora ibyo ibona ko ari byiza ku mutima singombwa ko biba ibyo umuntu yifuzza.” (Zodhiates 1993 : *agapāō; agápē*)*

c. *Nicyo gituma gukunda atari ukwanga uwakugiriye nabi, nubwo yagukomerekeje, ariko ibimugirira neza, ni ukumwerekana ubugwaneza ukamugirira neza, ukamwitangira, urukundo rugendana n'ukubabarira. Muri ibi Imana ishobora guhindura imyumvire ufite ku mwanzi wawe, kandi ikanakuraho igikomere wumva cyatewe n'icyaha wakorewe.*

d. *Gukunda umwanzi wawe cyangwa mugenzi wawe ntibisobanura ko uhita ubareka bagakora ibyo bishakiye cyangwa ngo wongere ubagirire icyizere kandi barerekanye ko atari abizerwa, cyangwa ugomba gukomeza gukorana nabo berekanye ko bakora nabi, batukana, cyangwa ko urebye nabi bakugirira nabi. Guhutiraho nkora gutyo byatuma bakomeza kukugirira nabi. Gukora gutyo ntiwaba urimo ugirira neza nyiricyaha, kandi gukomereza mucyaha ntibinezeza Imana. Birashoboka mwakongera mukunga imibanire yari yarononekaye bitewe n'ibibi yari yakugiriye ariko kugirango bigende neza ni byiza gushyiramo imbaraga mwembi kugirango mwiyounga mubabarirane, atari ukumubabarira icyaha gusa cyangwa ikibi yakoze.*

II. Icyoimbabazi ARI cyo

A. *Imbabazi zisobanurwa: imbabazi ni indi shusho y'ubuntu—ni uguhara umuntu umwenda*

Imbabazi ni:

1. Kumenya ko ikibi cyabaye ;

2. Ukumenya ko ikibi cyabayeho bisaba no kubiryora; kandi

3. Guhitamo ubyishakiye kubohora uwakugiriye nabi kubwarirya tegeko ukirengera igihombo (Jeffress 2000:49; reba na none Willard 1997:262, “Tubabarira umuntu waduhemukiye igihe twiyemeje ko tutazamubabaza kubwicyaha cye ukundi mu buryo ubwari bwo bwose”). Kubwibyho, kubabarira ni uburyo bwo kugira ubuntu. Ubuntu ni ikintu uhitamo ubanje kubitekerezaho *guha* umuntu runaka *ikintu kiza* kandi *atari agikwiriyeye*. Ni nk'uko Imana yahisemo *kukubabarira*. Ntukigere wibagirwa ko wababariwe ku bw'ubuntu bw'Imana *gusa* NTI wari ubikwiriyeye.

B. *Imbabazi zisobanurwa: Imbabazi ni amaranga mutima yibyo wacyemo bigize abo turibo*

1. Umuntu we agizwe n'ibintu birenze kimwe nibura agizwe n'ibintu bigera kuri bitatu muri kamere ye hakiyongeraho n'umubiri we ufatika. Ibyo bitatu bigize umuntu nibyo ibi: (A) Ubushobozi

⁵Kuvuga “ku mategeko, n'ibyo abahanuzi bavuze byose uba uvuze kuri Bibiliya yose (isezerano rya kera)—muyandi magambo ijamba ry'Imana ryahishuwe tugomba kuryubaha, rigomba kutubeshaho cyangwa dutegukwa kubana naryo. Pahuro nawe yongeyeho ko “Bibiliya ikubiye mu ijamba rimwe muri ibi byavuzwe ati : mukunde bagenzi banyu nkuko namwe mwikunda” (Gal 5 :14). Isezerano “uzakunde mugenzi wawe nkuko wikunda” ryavuzwe mu **Lewi 19:18**.

bw'ubwenge (muyandi magambo ubushobozi bwo gutekereza no kumenya ibintu, ndetse no kwibaza); (B) Ubushobozi *bw'ubushake* (ni ukuvuga ubushobozi bwo guhitamo, gukoresha ubushake); kandi (C) Ubushobozi *bw'amarangamutima* (ni ukuvuga ibigize imbamutima n'amarangamutima, uburyo bwo "kwiyumva") niba ishingiro ry'imbabazi ari uguharira umuntu umwenda, imbabazi zizabaho gusa zigaragare zirambe niba amarangamutima, n'ubwigenge, n'ubushake bwo guhitamo, ibyo bice bitugize byakoreshejwe mu ntambwe z'ukubabarira.⁶

2. Ukutababarira biba igihe: (A) Igicumuro cyabaye; (B) Tubona icyo cyaha nk'igikomere cyangwa icyaha; (C) Ubwo bubabare butuma habaho agahinda kagurumana (ako kanya) umujinya wo mumarangamutima n'ubwoba (bwo kongera gukomereka); (D) Rimwe na rimwe hakabaho igihe tubitekerezaho, tukabigumamo, tukabisubiza mu mitwe yacu dutekereza uko byagenze (muyandi magambo tukabyuza) tugatekereza kuwakoze icyaha, uko yagikoze, icyabimuteye, hamwe n'ingaruka z'icyo yadukoreye; (E) Ibi bitugeza kukubabarira kurimo "ubukonje" (kirya gihe kirekire) cyo kumva ko umufitiye urwango, umufitiye agahinda, ubusharire, agahinda kamwe kabi, ukamugirira ubwoba ntushake kumubona, ntumwiyumvemo na gato, kandi ukumva ko aguteye ibibazo, ndetse ukabura ibitotsi. Amarangamutima akarenga "ibyiyumvo"; n'ibyo bigize umubiri harimo, ubwenge, uturandaryi n'imitsi minini, imiseburo, no gutwarwa n'amarangamutima.⁷

3. Ukubabarira rero si ukwemeza mu bwenge ko wagiriwe nabi hamwe no guhitamo guharira umwenda hanyuma ukemera kwirengera ibyononekaye wenyine. Ahubwo, ukubabarira ni igikorwa gikomeye, kibona ko kubabazwa urenganijwe n'umuntu ari "ikintu umuntu acamo kigera kumarangamutima", kikatugiraho ingaruka imbere mu mitima yacu. Imbabazi ni ikintu cyo mu marangamutima umuntu anyuramo *kuko ni ugisimbuza amarangamutima*. Imbabazi zisimbura "amarangamutima agurumana" (urwango, umujinya, n'ubwoba), ukutababarira, "n'amarangamutima akonje" (umujinya, gusharirirwa, umujinya ugarukirana, ubwoba budashira. Kubura ibitotsi bitewe no gutekereza cyane ibibi byabaye), *mugusimbuza* "amarangamutima mabi" urukundo rutukururiraho, imbabazi, n'impuhwe tukabisimbuza ibikorwa bibi.⁸ Aya "marangamutima yo kubabarira" mubyukuri niyo yonyine "akiza umutima" (Worthington 2003: 44-45).

4. Igihe tubabariye, tuba turetse icyifuzo cyogushaka gushyira ku ruhande uwatugiriye nabi cyangwa gushaka kwihorera kuri uwe. Ahubwo, imbabazi zisimbura ikibi kiza. Imbabazi zisimbura ibitekerezo biguma ku kibi, n'ibitekerezo bibi byifuzwa kugirira nabi uwaduhemukiye, ukabisimbuza ibitekerezo byifuriza kugubwa nezak'uwaduhemukiye. Kubwiby imbabazi ni impano yambaye ubuntu urukundo, n'umudendezo (umudendezo wacu utandukanye nububata bw'urwango, uburakari, ubwoba, ibitekerezo bibi, kubaho mugihe cyahise, guheranwa n'ikibi n'ibikomere) tukamenya ko uwaduhemukiye adafite uburenganzira kuri izi mpano (nk'uko natwe tutari tubufite ku mbabazi z'Imana).

5. Ntushobora mu mitekereze yawe kugira imbabazi nyakuri—cyeretse warababariwe nawe kugeza igihe uhinduye—amarangamutima yawe. Nubwo wahinduye ibitekerezo, ubushake, n'ibikorwa ntuzigera *ugira* imbabazi kugeza igihe uzahindurira amarangamutima—*ariko guhindura ibitekerezo byawe, ubushake bwawe, n'ibikorwa byawe bizakuganisha ku guhindura amarangamutima yawe* "Imbabazi ntizisimbura bibikomere byo mubitekerezo; zisimbura amarangamutima mabi aba ari kuri uko kwibuka kwawe" (Ibid.: 133).

6. Imbabazi ni ikintu kitumvikana ni ikintu kimeze nk'iki "gutanga kuzana umugisha kurusha guhabwa" (Ibyak 20:35) cyangwa "ugukubise urushyi mu musaya w'iburyo umuhindurire n'undi (Mat 5:39-42; Luka 6:29-30). Hamwe n'imbabazi tumenyako: (A) icyaha cyabaye kitari ukuri kandi kidakwiye kandi buri gihe kizahora kidakwiye, kandi atari ukuri; (B) dufite uburenganzira bwo kurakara; ariko (C) duhitamo kureka ubwo burenganzira bwacu nk'igikorwa cy'impuhwe n'urukundo, impano itari ikwiye kuwadukoreye icyaha, mukubaha Kristo. Aho niho hari iyobera: kubohoka kugahinda no gushaka kwihorera, ugaha umuntu wakugiriye nabi impano y'imbabazi ukabona ukibohora.

⁶Worthington yerekana ko hariho uburyo bubiri bw'imbabazi (cyangwa se tubivuze muyandi magambo, ubwoko bubiri bw'imbabazi): (1) *kubabarira nko guhitamo* ("imbabazizishingiye kucyemezo"—"uguharira umwenda"), kandi (2) *hakabamo ukubabarira ko gusimbuza amarangamutima* ("imbabazi zo mumarangamutima") (Worthington 2003: igice cya 2).

⁷Ibi byanditswe bishingiye kuri Worthington 2003: 30-45.

⁸Smedes nawe asa n'ubivuga ukunguku, ibintu by'ingenzi byo kubabarira muntambwe eshatu: "[1] Ushurirwa ubumuntu wagukomerekeje. [2] Tureka uburenganzira bwacu. [3] Dusubiramamarangamutima yacu kubwe." (Smedes 1996: 6-12)

III. Impamvu zituma tugomba kubabarira abandi

A. Imbabazi ni itegeko kuw'ubarirwa⁹

1. “Muri Bibiriya harimo ihuriro utatandukanya hagati yutanga imbabazi n’uzihabwa” (Jeffres 2000: 57). Iyi niyo mpamvu bombi Yesu mu isengesho ry’umwami (**Mat 6:9-15**) na Pawuro (**Ef 4:32**) hadutegeka kubabarira.
2. Ndetse mu mugani wa Yesu w’abacakara w’abapagani herekana ko bamenye ko hari isano hagati yo kubabarirwa no kubabarira. Nicyo gituma “bababaye cyane” igihe uwahariwe umwenda munini cyane na shebujya atahariye uwari umufitiye umwenda mutoya, bihita bituma ibyo yakoze babibwira uwari wamuhariye, umwenda munini (**Mat 18:31**).
3. Intego yacu muri ubu buzima “ni ugusa n’umwana w’Imana” (**Rom 8:29**) “kubonera nkuko Sowo mu ijuru aboneye” (**Mat 5:48**). Kuva kubabarira aricyo kigize umutima wa Data na Kristo muri kamere ye, ndetse n’umurimo we, ukubabarira kwacu n’ikimenyetso kinini cyo kwezwa cyangwa gutunganwa kwacu. Ni ikimenyetso cya mwuka wera ukorera muri twe cyo kwemezwa kwacu kugirango dutunganywe tube abera. Niyo mpamvu Kristo ahuriza hamwe imbabazi n’urukundo (**Luka 7:36-50**) hamwe no gusenga (**Mariko 11:23-26**). Nk’uko Carson abivuga “bariya bababariwe nibo bababarira. Kimwe mukimenyetso cyo gukura mu mwuka k’umukristo, Whitney agira ati, nuko aba ari ubabarira vuba.” (Carson 2002: 80)
4. Imbabazi zirenze “itegeko” mu magambo make bigasaba kuba ufite intego mu buzima bwawe muyandi magambo, niba ubayeho ibyiringiro byawe ubishyize muri Kristo, mu Mana kandi ukaba ubayeho kugira ngo uyihimbaze, uyiheshe icyubahiro ukanahinduka ugasa nayo.

a. *Ibi ninabyo bikorwa mukubabarira no kwiyunga*: “Guhanga amaso Imana nirwo rufunguzo rwo gushakira umuti ukutumvikana muburyo bwubaka. Igihe twibutse imbabazi zayo hanyuma tugashobozwa kwegera imbaraga zayo duhita tubona ibintu neza kandi tugashakira amakimbirane umuti muburyo bwiza. Iyo dukoze dutyo tubonera igisubizo cyiza kubibazo byacu. Hamwe n’ibyo dushobora kwereka abandi ko hariho Imana kandi ko inezeweza no kudufasha gukora ibintu tutari gushobora kwishoboza no kwikorera ubwacu twenyine.” (Sande 2004: 20)

b. *Sande agerageza kwerekana ibintu twakora kugira ngo dukomeze guhanga amaso ku Mana inzira imwe yo guhanga amaso Umwami ni ugukomeza kwibaza ibi bibazo*: Nigute nakomeza kunezeza no kubaha Imana muri ibi bihe? Byumwihariko nigute nazanira Yesu guhimbazwa mukwerekana ko yankijije kandi yampinduye? Gushaka kunezeza no kubaha Imana ni Umuyobozi w’imbaraga mu buzima, cyane cyane iyo turi mungorane n’inzitizi. Na Yesu ubwe yayobowe nizi ntego [reba **Yoh 5:30; 8:29; 17:4**]. . . . Igihe twerekana ubutunzi bw’urukundo rw’Imana no kuyihimbaza bigira akamaro kanini cyane kugundira ibyisi no kwinezeza, bihita byoroha cyane gushakira umuti ingorane mu buryo bw’ubuntu, mu buryo bw’ubwenge kandi tunirinda. Ubu buryo buhesha Imana icyubahiro kandi bigashyiraho intambwe zo gushaka amahoro arambye.” (Sande 2004: 34)

B. Imbabazi ni ngombwa kubwacu ngo tugubwe neza¹⁰

1. Imbabazi akenshi niyo nzira yonyine hakurwaho umwenda. Nkuko Jeffress abivuga mu mugani Yesu yaciye “umugaragu wari ufite ideni atabasha kwishyura niyo hari kubaho imyaka igihumbi y’ubuzima bwe ariha uwo mwenda. None shebujya yari gukora iki kugirango yishyurwe uwo mwenda we?” (Jeffress 2000: 51) Kumuhana kumwica urubozo ntibyari kumwishyura nibura nikuta na rimwe kuri uyu mwenda. Mu by’ukuri “imyenda” myinshi abantu batubereyemo nta gaciro iba ifite. Uwaguhemukiye ashobora kuba yarapfuye, ashobora kuba yaratorotse, ashobora kuba atanakwitayeho na gato. Ikirenzeho kandi uwaduhemukiye akaba atashobora kuturiha mu buryo ubwaribwo bwose. Ni izihe ndishyi cyangwa igihano mu bigaragara waha umushoferi w’umusenzi wishe umwana wawe? Cyangwa ubunyamugayo bwawe bwangijwe n’umubeshyi? Cyangwa urushako rwawe rwagambaniwe n’umusambanyi? Cyangwa inzirakarengane bibye bayihohoteye? Ukuri ni uko imbabazi arizo zishobora kutubohora gusa kubw’iyo myenda idafite agaciro.

⁹Iki gice gishingiye ahanini kuri Jeffress 2000: 57-58; Smedes 1996: 65-69; na Sande 2004: 20, 34.

¹⁰Iki gice ahanini gifatiye cyane kuri Jeffress 2000: 50-57, Smedes 1984: 125-51 ; na Smedes 1996: 55-57.

2. Imbabazi zitubohora ingoyi zo kubaho mu gihe cyashize no kuwahemutse. Imbabazi ziraturubohora kugirango dukomeze kubaho.Imbabazi zitubohora kubataboneka ariko biriho, imigozi itubohora mu matekayacu amateka mabi, ibikomere, n’iminyururumibi iyo minyururuitubuzza kubaho tunezerewe, n’amahoro, ikatubuza amahoro ndetse n’ukwishyira ukizana. **Heb 12:1-2** hatubwira ko dukwiriye “kwiymbura ibituremerera byose n’icyaha bibasha kutwizingiraho vuba hanyuma dusiganirwe ibyo twashyizwe imbere twihanganye, dutumbiriye yesu wenyine.”Ukutababarira ntikudukundira gukora biriya kubera ko ukutababarira nako kuri mubitwizingiraho nako ubwako ni icyaha, kandi bituma amaso yacu tuyahanga ku kibi hamwe no kubikomere twagize aho kuyahanga kuri Yesu. Ukubabarira ibyo byashyizwe imbere tubohotse kandi dutumbire Yesu wenyine.

3. Kubabarira kutubohora ku mibabaro n’imitwano twagize tudakwiye kugenda tuzererana.

a. Ukutababariragushoborakukunyunyuzza. Gutekereza cyangwa kuza ku kibi wakorewe, ukagiraagahinda kadashira ni nko gukora mu gisebe, ukakubuza gukora. Ugukomeza kwacu gutekereza ku kibi twakorewe, no kugira ibitekerezo by’urwango, kwinezeza no kurwara inzika gutekereza ku kwanga uwatugiriye nabi tugatekereza kwihorera kuri uwo muntu, ntibibabaza gusa nyiri kudukorera ikibi kuko natwe nta kiza bituzanira keretse ko bituma tumererwa nabi¹¹ ibitekerezo nk’ibi binanura ubugingo bwacu, imitima yacu (iyo ni imvugo) kandi bituma turushaho kudasa na kristo aho kumwegera ndetse ntituzigera tugira aho tugera ukutababarira gutekereza ku gikomere, no gutekereza kwihorera, bigira ingaruka ku buzima ndetse no mu buzima bw’umwuka kubantu bifitiye ingorane z’ibyo banyuzemo bibi. Nubwo urwango rushobora kutwerekana ko ari uburyo bwo kubona imbaraga akakanya mu by’ukuri biduhindukira imbaraga zo kugirira nabi nyirukugira urwango.

b. Inzika n’urwango rwo kutababarira bijyana no kubara ingorane z’umutima, ukwiyongera k’umuvudumko w’aaraso kongera urwego rwo guhangayika, ndetse bigateza n’ibibazo mu mikorere y’ubwirinzi bw’umubiri. Kurundi ruhanda, imbabazi zijyana n’igabanuka ry’ibyo bibazo byo mu mutwe, igabanuka ry’agahinda, kandi no gukura mu marangamutima (McCullough 2000: 43-45; Witvliet, et al, 2001: 117-23; Enright 2001: 45-67).

4. Ukutababarira kandi gufite ingaruka ku mibanire tugirana n’abandi. Mukutugira abantu bashaririwe, binangira imitima birebaho, bakareba gusa ibibi byababayeho, ukutababarira kudutandukanya n’abandi.

5. Ukutababarira gufite ingaruka ku mubano wacu n’Imana. Icyaha,harimo n’icyaha cyo kutababarira kidutandukanya n’Imana (**Yes 1:10-15; 59:1-2; Mik 3:4**). Uku gutandukana n’Imana gufite ingaruka ku bugingo bwacu hano ku isi. Ikindi kandi nk’uko Carson abivugaga: “Icyo bashingiraho cyane [mubyanditswe] gishingiye ku nyungu y’iteka ryose yo kuba umukiranutsi ku Mana. Tugendeye ku mucyo w’ibyanditswe (urugero, umugani w’umugaragu utababarira twabonye haruguru).Hariho ingaruka mbi cyane ku muntu utababarira no kukaga kazaza k’iteka ryose gashingiye ku kutababarira abandi. Ntakintu na kimwe kibaho gifite agaciro nko kumenya ko wababariwe n’Imana.” (Carson2002:80)

6. Kubabarira gukwiriye abantu babanyamakosa nkatwe. Abantu benshi ntibakorera amakosa ntaruhare babigezemo, si ukuvuga baba ari abera. Ahubwo nabo bacumura ku bandi, n’abo ubwabo n’inkozi z’ibibi bagiriye nabi abandi. “Muri iy’isi muby’ukuri” ukubabarira no kubaha ni inzira y’ubuzima igihe ubabaje inshuti yabugufi uyibwiye nabi cyangwa uyikoreye ikintu kibi (kandi twese dukora ibintu nk’ibi), iyo nshuti yacu y’inkoramutima izabyemera yirengagize iryo kosa, ubuzima bukomeze. Nicyo gituma guharira umwenda hanyuma ubuzima bugakomeza ariko kubaho. Ubuzima ntibwashoboka mugihe abantu batababarira kenshi.

7. Ukutababarira ni amahitamo no kubabarira ni ayandi mahitamo. Dukunda kurobanura abo tubabarira nibyo tubabarira: tubabarira utuntu “duto” twatubabaje, kandi twakorewe n’inshuti zacu. Nyamara Yesu ntiyavuze ko dukwiye kurobanura ibyo tubabarira, cyangwa abo tubabarira, tugomba kubabarira byose kandi bese. Yavuze ko dukwiye kubabarira “karindwi ka mirongo irindwi” (iyo nayo ni imvugo igereranya ya Yesu isobanura umubare “utarangira” ni ukuvuga kubabarira ibihe byose ntabwo ari incuro 490 gusa) (**Mat 18:22**); dukwiye gukunda abanzi bacu ntidukwiriye gukunda inshuti zacu gusa (**Mat 5:38-48**). Yesu aterwa ikibazo n’abanyabyaha (nkatwe) banga kubabarira abandi banyabyaha.


¹¹Nk’uko umunyarwenya w’umunyamerika witwaga Buddy Hackett, yabivuze, ati “numvise ukubabarira kw’abantu benshi no kutumvikana kw’abantu benshi, ariko sinigeze mbagirira urwango. Muzi impamvu? Igihe uzaba wikoreye urwango bo bazaba babyinira.” (Jeffress 2000: 53).

Kubera ko twese turi abanyabyaha. Smedes arimo kuvuga kuri uyu mugani wa Yesu muri **Matayo 18** abivuga neza atya: “Ararakara [Yesu] kubera yuko abanyabyaha banga kubabarira abandi banyabyaha nkabo bibabaza Imana bigatuma Imana yibaza Impamvu umunyabyaha atababarira undi munyabyaha nkawe kandi bose ari bamwe. Imana ibyo ntibyihanganira nta buryo nabumwe mu byukuri ibyo byakwihanganirwa. Nicyo gituma avuga ati: niba ugomba kubabarirwa n’Imana nawe akantu gato yagukoshereje umwenda muto akurimo nawe uhite wibagirwa kubabarirwa n’Imana ureke kwirirwa uyigora uyisaba imbabazi twirengagize gato uko Bibiliya y’icyongereza Yesu abivuga uko muri ubu buryo bukurikira: igihe wanze kubabarira abandi nawe ushaka kubabarirwa, ushobora kujya mu muriro.” (Smedes 1984: 150)

IV. Ni gute twababarira¹²

A. *Inzira cyangwa uburyo Worthington yabonye bugeza kukubabarira*

Worthington afite intambwe eshanu zigeza kukubabarira, icyo akora nk’urwego cyangwa mpande eshatu icyemo ibice bitanu (Worthington 2003:73):



1. Kwibuka igikomere. Kugira ngo umuntu ababarire uwamugiriye nabi, agomba kubanza kuba umunyakuri muri we akamenya ikibi cyakozwe n’ukuntu cyamubabaje.

a. *Dushobora guhakana cyangwa tukoroshya igikomere kuko cyatuzahaje. Cyangwa tukarenza urugero ku kantu gatoya, “Iyo bimera bitya nari kunezerwa, nari gutera imbere nari kunezerwa mu buzima mbameze nk’abandi mu buzima” (Enright 2001:110). Dukwiye mu byukuri gusuzuma ikibi twakorewe, ukuntu cyatugizeho ingaruka. Uko byatudukozeho, tukongera tukanasuzuma uko twabyitwayemo, n’imyifato twabigizemo (rebaSande 2004:80: “Nkuko usuzuma uruhare rwawe muri uko kutumvikana cyangwa muri uko guhemukirana ni byiza kandi birafasha kureba ku bwoko bw’amakosa abiri. Ubwa mbere, ushobora kuba ufite umutima woroshye ukomwa na gato, ukababazwa n’utuntu duto cyane, cyangwa n’imyifato y’abantu. Icyo kabiri, ushobora kuba waragize uruhare mu byabaye binyuze mu myitwarire yawe y’icyaha.”).*

b. *Worthington atanga uburyo bumwe na bumwe bwadufasha kwibuka igikomere. Tuba dukwiye guhera ku isengesho, gusenga kugira ngo Imana ibane natwe nk’umurinzi wacu no guhamagara Umwuka Wera ngo udukomeze. Tugomba kw’isuzuma uko tugerageza kwibuka ububabare hamwe n’ibizungurutse icyo kibi twakorewe, tureba neza ko tutagize agahinda gakabije, ubwoba, cyangwa kurengerwa n’umujinya. Tugerageza kwibuka uko byagenze n’uko twumvise tumerewe, n’uko tumerewe kubayeye, tugerageze kureba uko byatugendekeye mu marangamutima yacu (mugerageze kubyibuka byose neza akantu ku kandi) mwirinde mudatwarwa n’agahinda gakabije mwitonde muhumure mugerageze kwishyira mu mwanya w’abandi mwibaza muti iyo yari kuba nyewe byari kungendekera gute. Ibyo ntagushidikanya bizagufasha gushakira umuti wo kubabarira utuntu duto duto mbere yuko usimbukira ku bintu*

¹²Iki gice gifatiye bwambere kuri Worthington 2003: igice 4-8; hamwe no kuri Smedes 1996: igice 15-20; na Enright 2001: guhera ku gice cya 4 kugeza ku gice cya 12.

binini kukarengane gakabije wakorewe. Ibi byose rero mvuze bishobora kubabaza ariko ni intambwe ya mbere igeza kugukira nyakuri.

c. “*Ububabare cyangwa ingorane umuntu adutera zitubaza ikibazo cyoroshye: Ni ki ugiye kubi koraho? izo ngorane ntitwazifuzza, kandi twifuzza ko zituvaho, ariko zikatwomaho, tugomba kugira izo ngorane izacu. Kandi dutangira kugira izo ngorane izacu igihe dushubije ibibazo byazo.*” (Smedes 1996: 135) Aho tuba dufite inzira ebyiri gusa: “Dushobora kugerageza kubyibagirwa, cyangwa kubyirengagiza nkaho ntabyabaye aho bihinduka nk’ifuku ikorera imirimo yayo aho tutareba. Cyangwa dushobora kubabarira tugakira ibikomere. . . . icyo duhitamo giterwa natwe. . . . Dutangira gufata inshingano ku bubababare bwacu igihe twumvise ikibazo cyabaye dutangira gukura ububabare igihe twashubije igisubizo gikwiye.” (Ibid.)

2. Kubabarana nuwagize nabi. Kubabarana n’uwakugiriye nabi ni ukumenya ko nawe ari umuntu.

Ni ukuvuga, gutekereza ingaruka z’ibyo yakoze ziri kumugiraho. Kubabarana n’uwagize nabi mu kuri ni ukureba ko, iyo aza kuba wowe nk’umuntu u neza neza. Kubabarana nawe ni ugutangira kumuboba nk’uko Imana imubona: nk’ikiremwa mumuntu (ko ameze nkawe), ntumubone nk’“ikintu.” Ibi mubyukuri ni igice gikomere cyo kubigeraho “imbabazi z’amarangamutima.” Ibyo ntidushobora kubyishoboza, gukunda abanzi bacu. Mubushobozi bwacu, twifuzza kubabaza abatugiriye nabi twifuzza kubona ibituma inabi batugiriye ibagaruka, babaye nkuko twabaye bamerewe nkuko natwe twamerewe. Hari aho twifuzza kumanura umuriro uvuye mu ijuru ngo ubatwike ubakongore, ubamare. Ariko Yesu we yatubwiye ko tugomba gusabira abatugirira nabi tukabasabira imugisha iva mu ijuru. Ntidushobora gukunda abanzi bacu mu mbaraga zacu nk’uko Yesu yabakunze, kandi nk’uko Yesu yabidusabye mumbaragazacu Imana—yonyine niyo ibidushoboza. Ndetse niyo tutashobora kubabarana nabo, dukwiye kwiga uburyo bwo kabagirira impuhwe no kuba aba nyembababazi ku batugiriye nabi—no gukukunda mu buryo buboneye. Imbabazi, nyakuri, ziramba, zihindura-ubuzima, ziterwa n’ukuntu wiyumva bitandukanye kuri wa muntu wari warakugiriye nabi.

a. *Hagati ya 1985–1995 Worthington nabagenzi be bize kubashakanye barennga cyangwa abantu kugiti cyabo bagera ku 1000 cyangwa abantu kugiti cyabo hanyuma bagereranya ubwoko bubiri bw’imbabazi: imbabazi zitewe n’inyunguze—bwitenyiri kubabarira “ni ukuvuga, kubabarira kugirango ukuremo ikintu”—kubabarira wumva umerewe neza, kubabarira kugirango ukomeze kubaho, n’ibindi. Ukubabarira gushingiye ku kubabarana n’uwakugiriye nabi (ni ukuvuga, kubabarira kugirango utange)—ukubabarira kubera ko, wowe wahemukiwe ari wowe ushobora guha uwakugiriye nabi icyo akeneye: imbabazi). Ibyo yakuyemo biba bigaragara: “Abantu bababarira kugirango bibonere inyungu bagera kukubabarira nyakuri gutewe nako kanya babikoze kurusha abo babikoreye zigahita zirangira kurusha babandi babanza kubabarana nuwo yagiriye nabi. . . . Isaha imwe cyangwa amasaha umunani—imbabazi zubifitemo inyungu ze bwite ukubabarira kugera ku kintu gito. Kuri bariya bababarira kubera—inyungu z’ababagiriye nabi, isaha imwe yageze kukubabarira gutoya. Ariko nyuma y’amasaha umunani uko kubabarira kwageze ku kintu kinini cyane inshuro—eshanu zirenze ukubabarira bagezeho mu isaha imwe n’eshatu kubabariye ngo bakuremo inyungu.*

Ikindi, igihe twasuzumaga abo bantu twakoreyeho ubu bushakashatsi nyuma y’ibyumweru bitandatu, urwego ababariye-kubw’inyungu zabo bakuramo rwari rwagabanutse ho kimwe cya kabiri tugereraniye n’imbabazi bari batanze. Muri cya gice cy’abo, kubera bababaranye-n’ababagiriye nabi, urwego rwo kubabarira rwagumye hejuru tugereraniye n’urw ‘abo bandi.” (Worthington 2001: 13-14) Worthington yahise agira ati: “Ukubabarira kudufitiye inyungu. Nyamara niba tubabarira kugirango tugire ibyo dukuramo by’inyungu cyane cyane, dukuramo inyungu nko muri ibyo twababariye. Igihe dutanze impano y’imbabazi, impuhwe, kuwa tugiriye nabi ukeneye izo mbabazi twunguka ukwishyira ukizana, kubohoka, tukunguka n’amahoro ndetse n’ubuzima bwiza, kandi tukongera gusana imibanire yari yarasenyutse. Ukubabarira kw’isuka nk’amazi gusiga kutwogereje imyanda yacu. Kuratubohora”. (Ibid: 14)

b. *Kubabarana kugerwaho mu nzego eshatu: (1) Gusobanukirwa (muyandi magambo, uvumbura icyatumye uwo muntu akora atyo); (2) Kwifatanya nawe mu marangamutima (ni ukuvuga ngo wifatanya nawe mu marangamutima, mu kwiyumva, no mugutekerereza hamwe) hamwe no kugira; (3) Impuhwe (wumva ufitiye impuhwe undi muntu, ari naho ugenda usobanukirwa kandi ukagenda wifatanya nawe mu marangamutima ukanasobanukirwa hamwe*

nawe). Kugera ku mbabazi zikwiye bimara igihe, dukwiye gushakisha ukubabarana kwinjira cyane: ukubabarana kw'impuhwe.

c. Kwita kubintu byinshi bishobora gutuma usobanukirwa uwaugiriye nabi no kubabarana nawe: (1) “Amarangamutima yoroshye” (urugero: ubwoba, guhagarika umutima cyane, no kubabara kenshi na kenshi bihisha agahinda, ubugizi bwa nabi no gushotora abandi); (2) Abantu bakora ibintu bibi bitewe n'ibihe bibi barimo, ibyo baba barimo bacamo; (3) Abantu “bagerageza” ibishoboka byose kugirango ubuzima bukomeze (kandi ibyo bituma bagira uko bifata mugihe bibajije ko imbere hari ingorane); (4) Abantu bifata muburyo runaka bitewe nibyo bacyemo mubihe byashize (bashobora gukora ikintu bafite ubwoba bitewe n'ukuntu bakuze, barezwe, cyangwa ibyo bacyemo, cyangwa ibyababayeho mu mateka yabo); (5) Abantu bagira imyifatire runaka batarinze kwibaza kubintu runaka (ibi ni ukuri cyane cyane igihe abantu bagira imyifatire runaka kubera bakomerekejwe mukuri cyangwa muburyo butari bwo); (6) Ntitugomba kwibagirwa ko turi Abakristo (kandi rero kubw'ubuntu bw'Imana no kwegerezwa mu mbaraga z'Umwuka wera, tuzagira imyifatire igihe dushotowe cyangwa dukomerekejwe n'umuntu runaka, mu gushyira kure kamere ya kera, tuba abanyakuri n'ugukunda, twambara imitekerereze ya Kristo iyo nayo akaba ariyo natwe dufite (reba **Ef 4:15, 20-32; 1 Kor 2:16**))

d. Uburyo bwinshi bushobora kudufasha kubabarana nuwaturigiriye nabi: (1) Sengera impano yo kubabarana nuwakugiriye nabi; (2) Andika ibaruwa ivuga ibyabaye mu kimbo cyuriya muntu wagize nabi, usobanura icyataye uriya muntu kukugirira nabi, utekereze n'amarangamutima ye, ufate ibintu ubirebeye mundorerwamo ye; (3) Wandika ibaruwa yo gusaba imbabazi ubirebeye mundorerwamo z'uwakugiriye nabi; (4) Vugana n'intebe itagira uyicayeho, nkaho ubwira uwakugiriye nabi icyo utekereza n'ukuntu wiyumva nkaho uwakugiriye nabi yicaye kuri iyo ntebe ntawe uyicayeho hanyuma—mugurane wicare, kuri iyi ntebe wibaze ko ari wowe wagize nabi, usobanure icyatumye ukora icyo wakoze hanyuma ugerageze usabe imbabazi, usabe imbabazi kuburyo wakoze; (5) Vugana n'inshuti cyangwa ugire uruhare mu itsinda ry'abakristo kugirango mufatanye gushakira umuti ibijyanye n'imbabazi; (6) Kora cyangwa ugire ikintu cyerekana ibiyumviro ufitiye uwakugiriye nabi; (7) Tekereza ku mbabazi za kristo agirira abantu bameze nkuriya wa kugiriye nabi; (8) Sengera uwakugiriye nabi [atari ukumusabira ngo umuriri umanuke mu ijuru umutwike, ahubwo usengere kugira ngo Imana imwegere, umusabire umugisha, usabe ngo Imana imuhindure imushushanye na Kristo, kuko ibyo umusabira ari nabyo nawe wakisabiye]; (9) Utekereze kubyaha byawe byinshi, ku ntege nke zawe, uko wahemukiye abandi, uko wabarenganije wakoshereje abandi, watutse abandi wabagiriye nabi.

3. Gutanga impano y'imbabazi kubandi. Ubushakashatsi bwerekana ko iyo abantu batababaranye, batakwigera bababarirana. Ariko, hariho n'abandi bantu n'ubwo babarana n'abandi batajya bababarira.

a. Abakristo bakeneye gutekereza ku byaha byabo bwite byababariwe n'Imana, n'amakosa bakoze bababariwe n'abandi. Iyo tumaze kumenya ko turi abantu tugaca bugufi bituma bitworohera kubabarira abandi batugiriye nabi. Mbere na mbere turibuka tukanishinje n'isoni tugira kubibi twakoze bizwi, twari dukwiye kwibuka, ukuntu twumva umudendezo no gushima biza igihe duhawe imbabazi kubibi byacu twakoze. Kwicishabugufi no gushimira ni urufunguzo ruranga abakristo rutuma dushyira abandi imbere aho kwikunda.

b. Gushyira imbere abandi ni uburyo bwo kuyobora urukundo rwacu; ni ugutanga utiteze ikizakugarukira. Kimwe mu mpano iruta izindi twabonye ni impano—kubabarirwa irabohora; ishyira hejuru; ishobora guhindura ubuzima n'ubugingo. Ni impano kristo yaduhaye kandi ni impano abandi bantu baduhaye “imbabazi n'imbaraga zikomeye” z'urukundo. Niyo mpamvu naho urwango rushobora kuduha “imbaraga z'akanya gato ko kwirengagiza no gutsinda ubugome bw'ako kanya ... urwango rubura ububasha kurema ahazaza heza kuruta ukwihorera. Ukubabarira konyine niko umuyoboro wo gukira uramba wo mugihe kizaza. Mugihe kirekire kubabarira birakomeye kuruta urwango.” (Smedes 1984: 146) Umukiristo ukomeye kurusha abandi ni umuntu ushima kurusha abandi; umuntu ushima ntakundi yakora atari ugutanga impano y'imbabazi yo kubabarira yamufashije nawe, yamugiriye nawe akamaro.

4. Kwigira inama yo kubabarira imbere y'abantu. Ubwambere urababarira, muri wowe—ubwawe mu mutima wawe, mu bwenge bwawe, no mubugingo bwawe, hanyuma ugutanga imbabazi muruhame,

nyuma yo gufata “icyemezo cyo kubabarira” nibura “ukubabarira ko mumarangamutima” ko mumutima wawe, mu bwenge bwawe.

a. *Kwiyemeza imbere y'abantu gushyira mubikorwa icyemezo wafashe wihereye bidufasha gushimangira icyo cyemezo kandi bikorwa nta gushidikanya ko “wababariye by'ukuri” uwakugiriye nabi, gushobora kuza mu mutima wawe mugihe kiri imbere, cyane cyane igihe utangiye gutekereza ibitekerezo bibi, cyangwa kuri icyo kintu kibi cyakubayeho. Kubabarira imbere y'abantu bimeze nko kubatizwa cyangwa gusangirira, kumezay'Umwami—ni “ikimenyetso kigaragara inyuma kigaragaza icyabereye imbere mumutima n'ubuntu bwa Mwuka” bwo kubabarira n'imbabazi watanze.*

b. *Harihon'uburyo bwinshi bushobora kugufasha kubabarira imbere y'abantu: (1) Toza imimiterekereze yawe umuco wo kutanenga igihe ibitekerezo bibi bije (ibwire “kubireka bigende,” “guhagarika kubona ikosa”; “uhindura ibitekerezo mumutwe” cyane cyane igihe ibitekerezo bibi bije bigutesha umutwe). Muri icyo nzira rero tekereza kubintu byiza uzi kuri uwo muntu, unabyandike ubisubiremo. (2) Gira ikimenyetso cyerekana kubabarira kwawe. Andika ibyo bibi yagukoreye mukiganza hanyuma uhite ubikaraba incuro nyinshi, uzasanga byarashize. Cyangwa fata ikibuye mukubokokwawe kurambuye (“ibuye rya mbere” nk'irya Yesu yahamagaye abagabo bo mu mujyi gutera wa mugore wafashwe asambana [**Yoh 8:7**]); ureke uko kuremererwa, nubwo bubabare nuko kuruha bitewe no kutababarira—igihe uburemere bw'icyifuzo cyo kwihorera bubaye bwinshi kugeza igihe adashobora kubugumana icyo kibuye kiremereye, hita ureka icyo kibuye kigwe hasi, ntuzongera gushaka kugifata ukundi, kirekure kigwe hasi nk'ikimenyetso cy'imbabazi zawe. Cyangwa, wandike igicumuro ku rupapuro, nurangiza urutwike unyanyagize ivu. Cyangwa, wandike igicumuro ku rupapuro, urutere umusimari ku musaraba w'igiti, cyangwa urusige muni y'umusaraba mu rusengeru rwawe. Mugukora bino bintu byose, wibuke ko nanone uri guha ukutababarira kwawe n'ububabare bwawe Yesu—ubu niwe ubyikoreye, ntugomba kubyikorera. (3) Wandike ibyo wababariye. “Wandike ibaruwa yo kubabarira” ushobora kuyigumana kugirango ijye ikwibutsa ko wababariye igihe hari ugushidikanya ko waba utarababariye wa muntu. (4) Bibwire undi muntu ko wababariye uwakugiriye nabi. Imana, byibwire, unabibwire uwo mwashakanye, ubibwire inshuti y'inkoramutima, bibwire umushumba wawe, abo bantu bose bashobora kugufasha igihe ushidikanya kuri izo mbabazi watanze kuri uwo muntu. (5) Kora cyangwa witware kuwaguhemukiye nk'uwamubabariye byuzuye. Uko imigendere yawe n'imyifatire yawe uyimenyereza, bigakomeza icyemezo cyawe cyokubabarira, bikomeze amarangamutima, y'imbabazi n'urukundo.*

5. Kwimana impano y'imbabazi. Ibiterekerezo n'amarangamutima byo kutababarira bishobora kubyuka muri twe (kimwe n'ibindi biterekerezo by'icyaha—irari, umururumba, ubwibone, urwango n'ibindnabyo bishobora kubyuka muri twe) kubona undi muntu ari mumwanya w'umwihariko, kumva ikintu runaka, itariki y'isabukuru y'amavuko, ibihe runaka cyangwa igihe tunaniwe, turi twenyine, turengeanjwe, bishobora gutera ibitekero utagambiriye, n'amarangamutima yo kutababarira muri twe. Ni mugihe nk'iki imbabazi *twari twatanze* kandi twamenyereye gutanga imbere y'abantu.

a. *Hariho uburyo bwinshi bushobora kudufasha gukomeza imbabazi mubihe nk'ibi: (1) Menya ko ububabare bwo kwibuka icyaha atari kimwe no kutababarira (ukutababarira bisaba kuza; ntukomeze utekereza k'ukwihorera); (2) Ntugume mumarangamutima mabi (ahubwo shaka uko wabyirengagiza-ririmba, senga, himbaza Imana, kora imirimo imwe n'imwe y'amaboko—aho gukomeza utekereza kukwihorera no ku bibi wakorewe); (3) Wiyibutse ko wamubabariye (wiyibutse kandi cya gihe wiyemezaga imbere y'abantu ku mubabarira); (4) Shaka igihamba kivuye kuwo mukorana cyangwa inshuti (uwo mwabivuganye ko wababariye yashobora kugufasha mu bihe unaniwe cyangwa mu bihe byo gushidikanya ko wababariye); (5) Koresha ya baruwa wanditse (soma “ya baruwa yo kubabarira,” cyangwa ikindi cyose wakoze cyemeza ko wababariye); (6) Bitekerezeho, birebe, bikore na none, hanyuma wongere utekereze kuri za ntambwe zose wanyuzemo ngo UGERE mbabazi.*

b. *Ube umuntu ukunda kubabarira.* Ibi bifata igihe cyose cy'ubuzima umuntu abaho, ariko bituma umuntu ahinduka umutima akagira wa mutima wari muri Kristo. Ikindi ni uko, icyo bisaba kugirango umuntu abe ukunda kubabarira bifasha kuba “umunyakuri” kandi ukibanda kuri uku kubabarira ku byaha runaka umuntu yagukoreye. *Hari uburyo bwinshi bushobora*

kugufasha kuba umuntu ukunda kubabarira: (1) Gutekereza impamvu ukwiye kuba umuntu ubabarira. Saba Imana isuzume umutima wawe: mbese waba ukunda kwikubira, cyangwa kubera ko ushaka kuba uwumvira ukaba n’uwirinda, cyangwa, ushingiye ku gushima, urukundo n’impuhwe? (2) Kumenya ibikomere bikomeye wagize, cyangwa ukuntu wakomeretse mu mutima mu gihe cyashize ubibabarire. Uko ushobora kubabarira ibicumuro byinshi wacumuweho mugihe cyashije kandi ukabikuramo isomo, niko bizakorohera cyane gushobora kuzabarira ibindi bikomere bizaduka byo mugihe kizaza. (3) Genda ubabarira ikosa rimwe rimwe. Gerageza kubabarira mu marangamutima, no mumitekereze yawe ikosa iryo ariryo ryose wakorewe, uko ukoresha bwa buryo cyangwa za ntambwe eshanu zavuzwe haruguru, genzura aho ugejeje ku ikosa rimwe rimwe kugirango umenye ko urimo kubabarira, kugirango ugerageze k’ubikora. (4) Kumenya intwari mu kubabarira. Ugusoma ibijyanye cyangwa ukaganira abashoboye kubabarira, bishobora kugutera imbaraga, ukumva nawe ukwiye kuba, wa babarira nubwo bitoroshye. (5) Wisuzume. Kutababarira bishobora guhinduka ingeso mbi, ni cyo gituma ukwiriye kuba umunyakuri hanyuma ukaguma “ubabarira uko uhemukiwe.” (6) Gerageza kugabanya ingeso yo kutababarira wige kubabarira ubigire akamenyero. Ukomeze kwita ku kubabarira no mubindi bintu. Ba umuntu usobanura kubijyanye ni ibyo ugiye kwirinda gukora ariko ni icyo ugiye gukora kugirango ube umuntu ufite indangagaciro nziza. Nk’urugero gerageza kureba ingeso washobora kurimbura muri wowe, kandi uzandike, kandi ugaragaze icyemezo wafashe ko wazirimbuye: urugero, “Iyo mba (*ukunda cyane*) nari (*kuzuza abantu, nkagerageza kubumva, kubatega amatwi*) cyane kenshi”. (7) Hindura ibyo wacyemo mu mateka yawe. Gerageza gukoresha impuhwe kandi utekereze Yesu ari guhumuriza uwa kugiriye nabi. Ibyo bizagufasha guhindura uburyo wahoraga ufata kandi ubona uwakugiriye nabi, hamwe n’ibyakubayeho, ibyakubayeho byakubabaje mu mateka yawe. (8) Gerageza wishyirireho ingamba zo guhinduka n’uko uzabigeraho. Gerageza wirebemo, wihe umwanya wo gusenga no gutekereza kubyakubayeho, urimbure, upange kandi uruhuke. Ubugingo bwuzuye ukwiruka n’imiruho kenshi na kenshi buragoye kwirinda no kububungabunga, kandi ukubabarira aband, imbabazi n’urukundo dukunda cyangwa dufitiye aband, biragabanuka kubwiby. (9) Witoza kubabarira n’ibibi utaragirirwa. Kwitoza kubabarira n’ibibi cyangwa amakosa utaragirirwa bishobora kugufasha igihe ubigemo rero, igihe bibaye. (10) Itoze kubabarira umunsi ku munsi, ibihe byose. Uko utegura umunsi uko uri bugende tekereza ku bantu mukorana muri bukorane kuri uwo munsi. Basengere kandi igihe habaye kutumvira, utekereze ukuntu uri buhite ubabarira ako kanya. (11) Shaka ubufasha kumuntu wizera. Inshuti wizera, umupasitoro, hamwe n’abandi bigishijwe kandi bafite inararibonye mu byanditwe, mu gikorwa cyo kubabarira bishobora kugufasha no kubona inama ntagereranwa. (12) Gerageza utangire gahunda yo gukunda abanzi bawe. Waba uri wenyine, cyangwa, itsinda ry’abanyetorero-mubana, senga, ushyireho gahunda, shyira mubikorwa ingamba zo *gukorera ibintu byiza* abanzi bawe. Gerageza gufata iya mbere mu kwerekana urukundo rwa Kristo kubantu badakunzwe.

B. Bwira uwaguhemukiye uti “Ndakubabariye”

- 1. Ubundi kubwira undi muntu uti “Ndakubabariye” bikwiye kubanza kwitonderwa; ntabwo ari burigihe biba bikwiriye cyangwa bikenewe.** Gukora gutya bishobora kuba intwari yo kukurwanya uwaguhemukiye, cyangwa bigakorwa igihe kitaragera hakiri kare bigahita bituma umugizi wa nabi agerageza kwihagararaho ndetse akaba yanongera ku gukomeretsa. Ikindi kandi umuntu agomba kwiyubaha igihe agiye kubabarira uwamugiriye nabi kuko ashobora no kugukomeretsa ku mubiri, muburyo burenze ubwambere.
- 2. Smedes avuga ko mbere y’uko ubabarira ugomba:** a. *Gutekereza* (kubanza kumenya neza ibyabaye); b. *Gusuzuma ukuntu ibintu byifashe*; c. *Kubanza kuvugana n’inshuti cyangwa umujyanama*; d. *Byiyumvemo mumarangamutima* (banza ushobore gusobanukirwa neza ibyo wiyumvamo ndetse n’impamvu yabyo) hanyuma; e. *Senga* (ukubabarira ni igikorwa kitoroshye na gato kubigeraho—dukeneye kuba abanyakuri imbere y’Imana, tukemera kuyiha ikifuzo cyo gufashwa nayo, tukazisengera igihe tuzibonye tukazikoresha). Hanyuma igihe wahisemo kubwira uwakugiriye nabi ko wamubabariye ugomba: a. *Fata umwanya wawe*; b. *Pima ingaruka*; c. *Rindira ikimenyetso*; d. *Bikore utabihubukiye* (banza uvuge kubindi bintu mbere nambere, gira akanya ko kumutega amatwi, hanyuma nabyo ubikore

nyuma nkaho ari igitekerezo kije nyuma); e. *Bikore igihe mwatangiye kuvugana ukuri kandi ubyizere, ubyiyumvemo kandi wifuriza ineza uwo urimo ubwira ko umugiriye imbabazi, umubabariye*; f. *Ntuvuge kubikoze uri umukiranutsi*; g. *Nturindire kubikorera gahunda*; h. *Bigire bigufi*; i. *Bigire ibintu byoroshye*; kandi j. *Uhe uwo muntu umwanya* (hanyuma uhindure ingingo mwariho muvugaho usanze atiteguye kubyakira no kugira icyo abivugaho; mureke nawe abanze abitekerezeho mureke nawe agendere kuntambwe ze ntumukurubane, ntumwihutishe). (Smedes1984: 138-39, 145-46)

3. Ibihe byiza cyane byo kubwira undi ko umubabariye bikunda kubaho akenshi mubihe bikurikira.¹³

a. *Igihe uwakoze nabi, yababajwe n'ikosa yasabye imbabazi.* Uwakoze nabi ahora yiteguye kumva amagambo akomeye mbere y'uko witegura kuyamubwira. Wibuka, yuko imbabazi utahatirwa kuzitanga—ni igikorwa ufitiye umudendezo. Igisubizo cyawe cy'ukuri gishobora kuba, “Ndashaka kubabarira ariko mpa umwanya, banza urindire, yego?”

b. *Uwakoze icyaha ashobora kuba atemeye icyaha kandi atanasabye imbabazi, nyamara kandi akagumya kwishinja mumutima ko yakoze nabi bigahora bigarukirana.* Ushobora kugirira imabazi uwaguhemukiye wiringiye ko azaza akagusaba imbabazi (akaba yarinangiye kubera isoni) nyuma yo kwakira imbabazi zawe; nubwo atakwihana ushobora kwigendera uzi neza ko wakoze icyo wagombaga gukora.

c. *Umubano hagati yawe n'uwagukoreye icyaha warangiritse kandi mwese murarakaye. Utabifitemo n'uruhare* runini ashobora ubusanze gutangira intambwe y'ubwiyunge, ubwambere *asaba imbabazi*, ibyo nabyo bigatuma uriya nawe agira umubabaro, ibyo bikagukingura imiryango yo gutanga imbabazi.

d. *Ikosa cyangwa icyaha cyabaye kera cyane kandi uwagikoze ntaho mugihuriye.* Ntaburyo bishobora kuboneka kugirango werekane ko utanze imbabazi kuwaguhemukiye niba uriya muntu yarapfuye, cyangwa ntabwo akiboneka kubera indi mpamvu, nyamara n'ubwo bimeze bityo, ushobora kwerekana ko umubabariye muburyo bwo gukoresha ibimenyetso (nkuko twigeze ku bivuga haruguru) ushobora kwerekana ize mbabazi k'umuntu wo mu muryango we, ubwoko bwabo, itorero uturukamo, cyangwa ukoreshe umuryango, ubwoko, cyangwa itorero cyangwa abandi bantu nk'abahuza bashobora kubafasha ko habaho kubabarirana.

e. *Uwaguhemukiye ntaziko yakubabaje.* Umuntu agomba kubyibutsa ariko ukabikora ufite umugambi nk'uko twabivuze, ugomba kureka niba kuzura akaboze bidashobora gutera ibikomere kurusha uko byari bimeze cyangwa ukareba niba biri bushyire ibintu mu buryo ku ruhanda rwawe ndetse n'uwaguhemukiye.

C. Ibindi byapa bituyobora mu rugendo rwo kubabarira

1. Ubabarira ku bushacye, cyangwa “ntubabarira” na gato. Ntushobora “gushyirwamo” kubabarira cyangwa ku bihatirwa.

2. Kubabarira ni amahitamo; kubabarira bisaba wowe wese; imbabazi ni urugendo; imbabazi zisaba igihe; (gishoborakuba igihe cy'ubuzimama bwawe) imbabazi zisaba gukora (zishobora gusaba imbaraga zikomeye z'igihe kirekire); imbabazi ni uguhinduka (uzahinduka; uzabibona mu rugendo rwawe, Kristo azabibona, kandi n'abandi bazabibona, ukuntu wahindutse ugusa na Kristo, nk'ingaruka z'intambwe z'umurimo w'imbabazi, akenshi muremure, ukomeye, ugenda gahoro). Mubyukuri, Klassen ajya kure avuga ibi: “Muburyo butunguranye, ibikomere cyangwa amakosa atababarirwa aguha uburyo budasanze mu buzima: *bwo guhinduka muburyo bw'ibanze*. Kuba warakomeretse mu mutima bishobora kuguhata nubwo utabishaka guhindura inzozo zawe n'ibyo wari wiringiye n'uko wahoraga ubona ibintu. Nihehe handi, ndetse mu bubabare bukomere umuntu ashobora guhangana n'ibibazo bidasanze. Kugirango umuntu ashobore gupima ukwizera undi ashingiyeho mu bugingo bwe ni uko abikora nk'isuzuma bumenyi. Kubikora neza ni ubumenyi ngiro. . . .

Ni murugendo rwo kubabarira umuntu mushya avumbuka. N'ubwo abantu benshi batifuza ko ibi bibabaho kandi iyaba babanje kubabazwa bagasubije bati, ‘Sinshaka kumenya byinshi nk'ibyo’ ukuri nuko twabishaka tutabishaka; ibyo biraba kandi ntibiduhitishamo, ni ubundi buryo bwo guhabwa amahirwe, muburyo budasanze, ni uguhambwa impano.” (Klassen n.d.: “Kwisana ubwawe”)

3. Ushobora guteganya kuvangirwa, ushobora guteganya kugira umujinya, ushobora guteganya kudasobanukirwa neza ibiri kuba, kandi ushobora guteganya gushyiraho urugendo rururure. Imbabazi ni

¹³ Iki gice gishingiye cyane cyane kuri Enright 2001: igice cya 11.

nk'umwana uri kwiga kugenda, umuntu atangira intambwe z'abana, agwa hasi, ntiyongere gushaka kugenda ahubwo ashaka ko nyina amuterura. Nyamara, uko igihe gikomeza guhita atera intambwe ndende. Ashira impungenge akagera aho ashobora gushingura ikirenge akirukanka kugeza ubwo agira ishema ryo kugenda. Afite *umudendezo*.

4. Ubushobozi bwacu bwo kubabarira bushobora gufashwa no gusobanukirwa ko ibikomere bitazabura kubaho. Ibikomere, ibisebe, ibyaha, ibicumuro, bimwe bikomeye, ibindi byoroheje bihora bibaho mu buzima. Abantu barikunda, bagakurura bishyira. Hariho abantu bacye bita kubandi ariko Niba wumva mubyukuri biriya, bizakorohera muburyo bworoshye kwemera amakosa y'abandi ndetse n'ibyaha byabo kimwe n'ibyawe. Nk'uko Klassen abyerekana: “[Igi komere] ni ikindi gice cy'ubuzima, nk'urukundo, gukora no guseka. Ibikomere bimwe ushobora kubitegeka ibindi bishobora kuba birenze ubushobozi bwacu ntushobora kubitegeka. Igihe umuntu yemeye ko ububabare bubaho, kandi akamenya ko ntacyo yabikoraho ngo ntibimugereho, bihita byumvikana ko kubabarira kugomba kugira umwanya mubuzima bwacu bwa buri muni kandi ko nta kintu na kimwe kidakwiriye kubabarirwa.” (Klassen n.d.: “Ihame ryo kubabarira: *Ibikomere bibaho*”)

V. Kwibabarira ubwawe¹⁴

A. *Birashoboka ko umuntu yibabarira*

1. Smedesavuga ko, “Bishoboka ko hariho abantu babiri bafite uburenganzira bwo kutwemerera kwibabarira. Uwambere muri bo n'uwo twagiriye nabi. Uwakabiri n'Imana yabajwe n'uko twagiriye nabi abana bayo.” (Smedes 1996: 96-97) Ariko yongeraho ati, “Igihe umuntu adusabye imbabazi aba asaba imbabazi zo kwibabarira nawe ubwe” (Ibid.: 97).
2. Niba umuntu wahemukiye akubabariye kuki wowe utakwibabarira? Iyo wakoze ibishoboka byose mu gusaba imbabazi no kemera ikosa, ukariha ibyo wangije, ukumva ubabajwe n'ibyo wakoze, hanyuma ugasaba imbabazi, ariko uwo wahemukiye akanga kukubabarira, ushobora kwibabarira ubwawe uko kwibabarira kwawe kuba gushingiye kukubabarira kw'Imana kuruta kwishingikiriza ku mbabazi z'icyaha wawundi yanze kukubabarira.
3. Niba Imana yarakubabariye, urinde wo kutibabarira kubw'amakosa, ibyahan'ibicumuro wakoze—hamwe n'ububabare ibikomere, no kubabaza umutima wateye abandi ndetse nawe ubwawe? Niba utibabarira uri kwishyira *hejuru y'Imana*, yakubabariye. icyo nacyo ni kimwe mu bigize icyaha ni ukwirata cyangwa kwishyira hejuru, ni ubwibone.

B. *Nubwo nyamara bigoye kurusha kubabarira abandi ukwiye kwibabarira igihe ari ngombwa ko ubikora*

1. Icyo nshaka kuvuga, ni uko uwagiriwe nabi ariwe ufite ubutware bwo kubabarira uwamugiriye nabi: “kwibabarira” bigushyira muri iyo myanya yombi igihe kimwe. Nyamara, akenshi na kenshi turabyirengagiza muburyo busa: turiseka; tukishuka; tukibaza; tukinenga; tukikomeretsa; tukimwaza ubwacu. Kuki tutakwibabarira?
2. Dushobora kwibabarira nk'uko tubabarira abandi. Dukeneye kuba abanyakuri muri twe tugasobanukirwa amakosa yacu twakoze, kwatura icya cyacu kandi tukihana (tugahinduka) tuva mu nzira zacu mbi. Muri ubwo buryo kwibabarira bitandukanye no kubabarira abandi no kubohoka ukababarira abandi batugiriye nabi nyamara bo bakanga kwihana; kwibabarira bimeze nkaho Imana itubabariye—nk'uko n'Imana itubabirira byongeye gusubizaho imibanire kugiti cy'umuntu n'ibimugize byose kugira ngo yumve ko abotse wese (“imibanire myiza dufite imbere muri twebwe nyine”). Nicyo gituma ukwihana no kuriha ibyangijwe cyangwa ibyibwe ari ngombwa mu kwibabarira.
3. Kimwe n'ubundi buryo bwo kubabarira twibabarira ibikorwa bibi twakoze, ibikorwa bibi twikoreye twisuzugura ubwacu tugasuzugura abo turibo. Dushobora gukurikiza ziriya ntambwe zavuzwe zo kugera kubabarira abandi kugirango twibabarire. Byongeye kandi ntihakwiriye kugira gushidikanya dukwiriye kwibwira tuti “Imana irambabarira nange ndibabariye.” Dushobora kongera kubisubiramo igihe dushidikanya kuri izo mbabazi twihaye ukibwira uti Imana yarambabariye nange ndibabariye” mugihe gushidikanya kugarutse muri twe. Dushobora gushyira kurutonde, rw'abo twashaka, nk' umushumba, n'inshuti zo kwizerwa zo kudufasha kwibabarira. Dushobora gukora nk'aho

¹⁴Iki gice gifatiye kuri Worthington 2003: 222-25, Smedes 1984: igice cya 8; Smedes 1996: igice cya 12; na Jeffress 2000: 183-84.

twababariwe tukareka guhora twicira urubanza, tukareka kwikubita kugahanga kukintu Imana yarangije kutubabarira, kukintu nkandi twakoze ibishoboka byose n'imbaraga zacu zose dushaka imbabazi kuwo twagiriye nabi.

4. Kwibabarira bishobora kugira inyungu zo kuduha ishusho nziza y'imiterere yacu itandukanye n'iya Kristo. Biratugora kwemerako twakoze nabi cyangwa twacumuye—icyo kikaba icyaha kibi mumibereho y'umuntu. Turibeshya tukibwira ko tutari nka “abantu babi” bashobora kubeshya, guca inyuma abo bashakanye, kwiba, guhohotera, kwica, cyangwa abakora ibindi bibi byose. Dukwiye kumenya neza (reba **Mat 5:21-32; Mariko 7:14-23**) ukuza amaso-kumaso n'ikibi kiri mu mutima wacu bidufasha kwisobanukirwa neza abo turibo, bidufasha gukuraho ubwibone, kandi bidufasha murugendo rwo kwiyoroshya. Kandi nk'uko kubabarira abandi bishobora kugira “ibimenyetso bigaragara” bikerekana ibintu by'umwuka byabereye imbere mu mutima. Kristo yakoze mu mutima wacu, kimwe rero no kubabarira, bishobora gutuma ukubabarira Kristo yaduhaye kuba “ukw'ukuri kugafatika” mu marangamutima ndetse n'umuntu kugiti cye.

VI. Imbabazi no Kwihana¹⁵

A. Kwihana buri gihe byerekeranye n'uwakoze icyaha (uwakira imbabazi) ntabwo ari uwahemukiwe (utanga imbabazi)

1. “Kwihana” si ukumva ko wakoze nabi gusa ahubwo n'“i uguhindura imitekerereze”, guhin “dukira. Muyandi magambo kwihana “n'uguhindikira” uva mucyerekezo kibi uwihana arahindikira cyangwa agakurikira inzira nshyashya, iboneye (Zodhiates 1993: *metanoéō; metánoia*).

2. Murwego rw'ubusobanuro bwimbitse, kwihana “bisobanura kwicuza ku kuri kw'ibyo wakoze, ukemera ko byari bibi rwose utitaye kungaruka bishobora kukuzanira izo arizo zose. Bisaba guhinduka ko mumutima *ibyo bigashoboka mugihe usobanukiwe ko icyaha ari ikintu umuntu akora ahemukira Imana ubwayo (2 Ingoma 6:37-39; reba Yer 39:19).* Agahinda ko muburyo bw'Imana nti gaherekezwa iteka n'amaranga mutima menshi ahubwo kagendana no guhinduka ko mu mitekerereze, bizatuma umuntu ahinduka no mu myifatire ye.” (Sande 2004: 118-19, arabishimangira)

3. Kwihana kugira intambwe kandi “tugomba kuzinyuramo mbere y'uko turangiza” (Smedes 184: igice cya 7). Izo ntambwe ni zo izi:

a. Kubibona: Mbere na mbere ugomba kubona no kumenya ibyo wakoze ukoresheje andi maso. Hanyuma rero ukamenya ko ibiyumvo bye kubyo wakoze ari ukuri.

b. Ibiyumvo: Uva ku kubona mu buryo bw'ububabare. Ukiyumvamo umubabaro wateje undi muntu runaka.

c. Kwatura:

(1) Kwatura si ukwemera ko wakoze ikintu runaka gusa, nyamara ni no kubabarirana n'umuntu wahemukiye ukishyira mu maboko ye ntakundi ushobora kubigenza. Ukabwira umutu ibyo wakoze, ko ibyo wamukoreye ari bibi, bidakwiriye kubabarirwa, kandi ko nawe byakubabaje.

(2) Aha ushobora kubikora kuriha ibyo wangije kugirango ugaragaze kwatura kwawe. Urugero rwiza ni urwa Zakayo, ubwo yamaraga kwakirwa Yesu ntawe umuhase yahise yivugira ati “kimwe cya kabiri cy'ibyo ntunze ndabiha abakene kandi abo nambuye ndabariha kane” (**Luka 19:1-10**) (reba Sande 2004: Umugereka C, “Amahame yo Kuriha”).

d. Isezerano: Niba kwihana kwawe ari ukw'ukuri, ni ngombwa kugaragaza ko utazasubira.

4. Kwihana n'ingenzi mu buryo bune:

a. Kwihana n'ikintu cy'ibanze mu kwakira imbabazi z'Imana. Twakijijwe n'ubuntu. Nyamara tukabwira. Hari itandukaniro gagati y'imbabazi z'Imana n'iz'abantu. Iri tandukaniro riboneka hagati y'umuntu n'Imana, ari nabyo bigaragarira mu budasa bw'ibisabwa hagati yo kubabarirwa n'Imana no kubabarirwa n'abantu ndetse no kubabarirana. Worthington agira ati “Abantu si Imana ishobora kumenya impamvu z'abantu umuntu we ntabwo ashobora kuzimenya. Imana ishobora kureba mu mumitima yacu ikamenya kwihana kwanyako si nshobora kureba mu

¹⁵ Iki gice gifatiye ahanini kuri Jeffress 2000: igice cya 4, Worthington 2003: 51-52, Smedes 1996: igice cya 11 na Smedes 1984: igice cya 7.

mutima w'umuntu ngo menye icyo atekereza cyangwa niba yihanye neza. (Nange ubwange sinshobora kumenya impamvu zintera gukora ibintu runaka.) Kubwiby kubabarirana hagati y'abantu, dushingiye kubyanditswe ntibisaba kwihana k'umuntu wakoze icyaha. . . . Mu byanditswe turabona itandukaniro hagati y'imbabazi z'abantu n'iz'Imana: Fred Diblasio. . . . Yagerageje gusesengura ibyanditswe byerekeye kubabarirwa n'Imana no kubabarirwa n'abantu, Ibyinshi bivuga ku mbabazi z'Imana bihuza no kwihana. . . . Isezerano rishya ryuzuye ibintu byinshi bivuga ku kubabarirana.Imbabazi nk'izo nk'uko Diblasio ashira imirongo kurutonde ishingiyeye ku guca bugufi.Umuntu ntashobora kumenya impamvu zo mu mutima w'umunyabyaha. Kubw'iby uwahemukiye agomba kuba umunyampuhwe kandi akicisha bugufi, kugira ubushake bwo gutanga imbabazi bidasabye ko uwo ababarira yihana.” (Worthington 2003: 51-52)

b. Kwihana ni ngombwa kugirango habeho ubwiyunge n'undi muntu.

(1) Kubera ko imbabazi ari ikintu k'ingenzi wowe wahemukiye ukorana n'umutima wawe, imitekerereze, n'ubugingo bwawe, undi muntu we ntabwo ari itegeko kwihana kugirango umuhe imbabazi. Niba kwihana uwaguhemukiye abisabwa kugirango umubabarire, byaba ari ikintu kidashoboka kubabarira n'ubwo waba ubishaka, niba uwaguhemukiye yarapfuye, yarigendeye, yarabaye ikimuga cyangwa mu magambo make yaranze kwihana. Mubyukuri: “Abantu bakwiriye kubabarira kandi tuzabibazwa ni tutabikora” (Mat 6:12, 14-15; Luka 6:37-38). Niba ukwihana k'uwaguhemukiye kwabanza gusabwa mbere y'uko umubabarira ntagushidikanya ko byatugora niba uwaduhemukiye ahiseho kutihana. Imana ntiyaduhora ibintu tudashobora gutegeka.” (Worthington 2003:51)

(2) Kurundi ruhande kubabarira umuntu ntibisobanura ko akomeza kugirana nawe umubano: kubabarira umuntu mwafatanyaga ubucuruzi akakwiba ntibisobanura ko ukomezanya nawe mu bucuruzi; kubabarira umuntu mubana (harimo umugabo wawe) ugukubita ntibivuga ko uzagumana nawe. Gusana imibanire n'ikintu k'ibanze mu bwiyunge. Ibi bisaba kongera kubaka icyizere kuruhande rw'uwahemutse ubwizerwa bwongera kubakwa n'uwahemutse. Uwahemutse agomba guharanira kongera kubaka imibanire myiza. Uwahemutse agomba kugira uburenganzira bwo kugaruka mu mibanire. Niyi mpamvu rero kwihana atari ikintu gisabwa kugirango ubabarire uwakugiriye nabi ariko n'intambwe y'ingenzi mu bwiyunge bwawe n'uko wakugiriye nabi nk'uko twabibonye, mbere: *bisaba gusa umuntu umwe kugirango habeho kubabarira; bigasaba abantu babiri kugirango habeho ubwiyunge.*¹⁶

¹⁶Iyi ishobora kuba indi mpamvu Imana idusaba kugirango tubabarirwe, imbabazi zayo ntizidusiga twenyine mukuba twarababariwe ariko ntitwongere kugira imibanire twari dufitanye nayo kera, ahubwo ukubabarira kwayo kudasubiza muri yamibanire twari dufitanye nayo. Aha harimo ko ariyo yadutoranyije, ikadushyira mu muryango, ikaduha umurage, ikadushyiraho ikimenyetso cya mwuka wera (Ef 1:3-14). Nkuko Smedes abigaragaza “igihe umuntu ashaka kubabarirwa n'Imana aba ashaka kongera kuba umwe nayo icyarimwe ariko Imana iba ishaka kongera kubana nawe mu bunyangamugayo. Rero kwihana ntakamaro bifite ahubwo igifite umumaro n'ubunyangamugayo ugira kubyerekeye ibyashenye umubano wacu n'Imana. Niyi mpamvu kwiyunga nayo gusa ubanza ukihana mbere na mbere.” (Smedes 1984:92-93)

Ukumva ukubabarira kw'imana kuri twe-harimo no gusana imibanire, myiza hagati yacu nayo-byashyizwe kumugaragararwo neza na Sande mukiganiro yagiranye n'uko yagiraga inama, Rick yari mubihe bikomeye cyane byo kubabarira nyakuri(n'ubwiyunge) hagati ye n'umugore we, Pam (wari warasambanye) nashoboraga kubona ukuntu ananiwe mu maso he. “Ndabizi neza mwese murarushye, muri mu mubabaro uteye ubwoba Rick. Ariko ndantekereza ko ubutane butagira icyo bubikuraho. Ahubwo muzabab mukosoje ikosa irindi mukuye umutworo kurutugu rumwe muwushyize kurundi rutugu, hari uburyo bwo kugumana urushako rwanyu kandi mukerekeza inyuma ibashize.Ariko ibyo ntushobora kubigeraho hakiriho imbabazi zo kumunwa wahaye Pam.”

“Bishatse kuvuga iki, 'imbabazi zirimo ubusa'?”

“Rick, tekereza watuye icyaha cyawe gikomeye ku Mana, noneho bwa mbere mu buzima bwawe Imana ikakubwira ukumva ijwi ryayo: 'Ndakubabariye, Rick, ariko sinzongera kugirana ubucuti nawe ukundi.' Wakumva umerewe ute?”

Nyuma yo gusubiza amaso inyuma, arasubiza ati,“Ndibaza ko nakumva ko Imana itigeze imbararira by'ukuri.”

Ndamubaza nti “ariko neza neza si ko uri kubabarira Pam?”

c. *Kwihana n'ikintu cy'ibanze kugirango usubizwe mu mwanya warimo.* Ubu nabwo ni ubundi buryo bwo kwiyunga. Nyamara icyaha umuntu yagukoreye uwagikoze agomba kubabarirwa uko biri kose ibyo ariko ntibikuraho ingaruka. Ugomba kugenda za ntambwe zo kubabarira umuntu wakwibye amafaranga cyangwa wafashe kungufu umukobwa wawe, cyangwa wakuremye uruguma cyangwa ikindi gikomere ukubabarira kwawe uyu muntu ntibimubuza gukurikiranwa n'amategeko ngo habeho ingaruka z'ibyo yakoze. Mubyukuri ashobora guhanwa by'intangarugero (guhanishwa urupfu, gufungwa, gucibwa amande, kuriha ibyo yibye, kugira ikimwaro, kwirukanwa kukazi) bitewe n'ibyo yakoze. Niyo mpamvu muri **Mat 18:15-20; 1 Kor 5:1-5; na 2 Kor 2:5-8** Yesu na Pawulo bemeza ko abanyamuryango b'itorero bacumuye bagomba gukosorwa, gushyirwa kumurongo bagomba gubwa igihano (ariko hateganywa uburyo bwo kongera kubagarura mu itorero) itorero ribaha igihe cyo kwikosora igihe icyaha cyabo cyagize ingaruka kuri ryo.

d. *Kwihana ni ikintu kibanze mu gukira kwicira urubanza n'isoni.* Byose isoni (ukwicira urubanza ko wagize nabi, umuvumo, gutandukana n'uwomwari inshuti) no kwishinja (ni ikintu kikwemeza ko uri inkozi y'ikibi, umunyabyaha) ntibizigera bitangira kuva ku muntu wahemutse kugeza igihe azamenya, akatura, akihana icyaha cye. Aho niho honyine ashobora kongera gusubirana n'abo bari baratandukanye, ikimwaro cye, kwicira urubanza, bishobora nabyo kumuvaho.

B. Ibyanditswe ntibisaba kwihana nk'ikintu kibanze ngo umuntu ababarirwe

1. Ibyanditswe byinshi (urugero, **Mariko 1:14-15; 6:12, Luka 13:3; 24:47; Ibyak 2:37-38; 1 Yoh 1:9**) bihuza ukwihana n'imbabazi. Ariko, ibyo byose bimaze kuvugwa bivuga ku mbabazi z'Imana, agakiza, no kongera guhuzwa n'Imana ku munyabyaha bakagirana imibanire myiza. Ntacyanditswe na kimwe cyemeza ko umunyabyaha asabwa kwihana cyangwa kwatura mbere yuko ashobora kubabarirwa nabagenzi be. Byongeye kandi ibi byanditswe bivuga kubantu bakeneye imbabazi ntibivuga kubangombwa kubabarira.

2. Ibyanditswe bibiri byihariye, nibyo abantu bakunda gushingiraho akenshi na kenshi bavuga ko kwihanaari ngombwa kugirango habeho imbabazi hagati y'abantu **Mat 18:15-20** (“*Niba mwene so agucumuyeho umusange umumenyeshe icyaha cye . . . niba yanze kukumva cyangwa kumva Itorero, reka ahinduke nk'umukoresha w'ikoro cyangwa umunyamahanga kuri wowe*”) na **Luka 17:3-4** (“*Niba mwene so akoze icyaha, mucyahe nyihana, umubabarire, kandi we niba agucumuyeho inshuro zirindwi ku muni akagusaba imbabazi inshuro zirindwi agira ati ndihannye, mumbabarire*”). Rimwe na rimwe umugani w'umwana w'ikirara, **Luka 15:17-21** (“*Data, nacumuye ku Yo mwijuruno mu maso yawe, nti*

Rick areba hasi ,akirana n'igisubizo.

Mwijwi rituje, narakomeje, “Tekereza ahubwo Imana ikubwiye, ‘Rick, ndakubabariye.

Ngusezeranijekontanzongera gutekereza ku cyaha cyawe, cyangwa sinzongera kukigarukaho kongera kukiguhora. Ngusezeranije ko ntazongera kukigarura ngo nkiguhore. Kandi ngusezeranyije ko ntawundi nzakibwira. Kandi ngusezeranije ko ntazemera icyo cyaha kizongera guhagarara hagati yacu cyangwa ngo kibere inzitizi imibanire yacu’.”

Nyuma y'umwanya muremure wo guceceka, marira atangira kuzura mu maso ya Rick. “Ndashaka kumenyako nababariye uburyo bwuzuye . . . Ariko ntabwo nashobora kwibeshya ku bwoko bw'imbabazi bitewe n'uburyo nafataga Pam.”

Ndamubaza nti, “uzongerakubyibeshyaho?” “Imbabazi z'imana kuri wowe n'impano y'ubuntu yaguzwe ku bwawe ikiguzi cy'urupfu rwa Yesu k' umusaraba.Ntabwo yakubabariye kuberako wabikoreye. Yarakubabariye kubera ko igukunda. Igihe usobanukiwe ukuntu ari iby'igicro k'umuntu n'ukuntu imbabazi zayo, zidashidikanywaho uzashaka kubabarira Pam uburyo bumwe n'ubwo Imana yakubabariyemo.” (Sande 2004:202)

Kubwiby, nk'uko twarangije kubyerekana hejuru, nk' uko hari itandukanirwo hagati y'umuntu n'Imana kubw'iyi mpamvu haragara itandukanirwo hagatiy'imbabazi z'Imana niz'abantu. Nyamara ihuriro hagati y'imbabazi n'ubwiyunge risa nk'irigaragara. Ugusobanukirwakwa Rick kumiterere y'imbabazi z'Imana byatumye asaba Pam imbabazi kubera ubusharirirwe n'ubukonje yamugaragarizaga n'ubwo nawe yamusabaga “kumubabarira” (Gukoresha amagambo ya Wrongthon, Rick yari yavuze amagambo yo guhitamo kubabarira “imbabazi zivuye mucyemezo” ariko igihe yahitagamo gusaba Pam imbabazi z'agahinda n'umujinya udasanze yamugiriye, yarageze “k'ukubabarira ko mu marangamutima”.) Ibi, na byo byatumye na Pam acukumbura, umubabaro we ,wo kwishinja, isoni, n'ubwoba, ibyo na byo byaganishije mu kubaka urushako (Ibid.: 203).

binkwiriye kwitwa umwana wawe”), ukunda kuvugwa kimwe. Ariko nta nahamwe, nyamara, hasaba ko uwahemutse yihana mbere y’uko umubababarira:

- a. *Umuntu agomba kwitondera kureba ibyabayeho nk’itegeko cyangwa ibyabayeho bitwereka uko igikorwa cyagenze. Luka 15 na 17* herekana aho uwagize nabi yihana. Ntabwo havuga ko uwagiriwe nabi ababarira “niba, ariko” uwahemuhemutse yihannye.
- b. *Muri Luka 15, reba neza nubwo uwo mwana yari ikirara “yisubiyeho” yerekana ko yihannye, bigaragara neza ko se yamubabariye atarumva igitekerezo” cye na kimwe kuko yamubabariye ataravuga n’ijambo na rimwe ryo kwihana kuri se (Luka 15:20).*¹⁷ Mwongere murebe na none kandi se yamugiriye “imbabazi zivuye mucyemezo yafashe n’imbabazi zo mu marangamutima icyarimwe” (Worthington 2003: 53-54).
- c. *Ibyo dusoma muri Mat 18 byerekana ko byifashishwa nko gushyira Itorero ku murongo, cyangwa guhana abarigize bateshutse, icyaha bakoze cyagize ingaruka ku Itorero, cyangwa se ku mibanire y’abarigize kugira ngo hongere kubaho gusana iyo mibanire, cyangwa gushyira mu myanya abayikuwemo n’amakosa.* Ellingworth avuga ko Yesu yasubiyemo ibyavuzwe muri **Yoh 20:23** “ntagushidikanya ko ari ugutoza uburere no guhana abagize itorero, mu itsinda ry’abizera, si uguhakana kugirira imbabazi umuntu wakoze icyaha kugiti cye,” na **Mat 16:19** hamwe na **Mat 18:18** “naho haravugaga kimwe ariko havugaga mu buryo rusange ibishobora kwemerwa n’ibidashobora kwemerwa mu itorero aho kuvugaga ku kubabarira gusa” (Ellingworth 1992: 242). Kwihana nk’uku gufite agaciro, ni ngomwa, kandi ni igicecy’ingirakamaro muntambwe zo kwiyunga. Itandukaniro hagati y’imbabazi hagati y’umuntu kugiti cye na mugenzi we riboneka ku rupapuro rukurikira muri **Mat 18:21**, aho Petero yabajije ati” databujya mwene data nangirira nabi nzamubabarire kangaha? Ngeze karindwi? Kristo ntabwo asaba ko umunyabyaha yihana kugirango ababarirwe “ugeze karindwi ka mirongo irindwi” (**Mat 18:22**).
- d. *Hanyuma, tugomba kugumana mu bitekerezo byacu itandukaniro riri hagati yo kwakira imbabazi no gutanga imbabazi.* “Igikorwa cyo kwihana ni ikibanze mu kwakira imbabazi, ariko ntaho bihuriye no gutanga imbabazi.” (Jeffress 2000: 73). **Luka 15 na 17** havugaga ku muntu kugiti cye ushaka kubabarirwa; bagaragajye ukwihana kwabo nk’igice cyo kwakira imbabazi kwabo.

C. Kubabarirwa ntigushobora “kuzanwa” no kwihana, ariko ukubabarira nta gisabwe, kugaragaza kwemera ibintu, imbaraga, umudendezo, kubahwa n’urukundo

1. Abantu batekereza ko “niba uwahemutse atihannye atanakwiriye kubabarirwa”. Smedes atanga ibisubizo kuri iyi ngingo: “Nibyo, *ntakwiriye* kubabarirwa. Nta numwe ubikwiriye. Nubwo warira amarira angana n’inyanya ya Neputune ntibyatuma uba ukwiriye kubabarirwa. Kubabarira utitaye ku kintu icyaricyo cyose ni uko umuntu aba adakwiriye kubabarirwa. Byashoboka bite? Ntakintu mumuntu afitiye uburenanzira nk’uburenanzira bwo kubabarirwa. Ukubabarira guturuka kucyo abahanga mu bumenyi mu by’Imana bita ubuntu utabiharaniye, utanabikwiriye. Ubuntu waharaniye si ubuntu rwose. Muburyo butaribwo niba dukwiriye kubabarirwa, ntitwaba twarababariwe.” (Smedes 1984: 90-91)
2. Hariho buri gihe igihombo hagati yuwo wakomerekeje nicyo ashobora kuriha. Urugero rw’umwana w’ikirara (**Luka 15**) nubwo uwo mwana yagize ati, “Data, naracumuye,” ntabwo yongeye kuriha amafaranga yari yarajyanye cyangwa imyaka yari yarateje yakababaro ko mu mutima; mukuri, yangijye umugabane we mu mu mug. Nubwo kwihana kuvuye k’umutima kwabaho k’umuntu wafashe ku ngufu ntikusasana inzirakarengane; ukwihana kuvuye ku mutima k’umwicanyi nti kuzasana ubuzima bwangiritse; kiwihana kuvuye kumutima kuwa kunogayemo ijisho ntikwakongera kurisubizamo. Ukwihana ntigusiba “inkovu”; ni ukwibeshya kubitekereza gutyo. Ni ikintu kidafite aho gihuriye n’ukuri gusaba umuntu kwihana kugirango umubabarire.
3. Ntushobora kwihanisha umuntu uko wiboneye. Uwaguhemukiye ashobora kuba yarapfuye, cyangwa yaragiye, adashobora kwihana atitaye ko yaguhemukiye, cyangwa ntakintu yitaho. Imbabazi zidafite icyo zishingiyeho nizo zituma umwitaho. Gushingira kuri ibi byose ntibigusaba kubabarira bishingiye

¹⁷Kugeza kurwego se muri uriya mugani ahagarariye Data wa twese uri mu ijuru, kwihana ningombwa, nkuko twabibonye mbere, ariko ugenzure neza urasanga se ariwe wafashe icyemezo cyo kwirukanka asanga umwana we nubwo umwana “yari akiri kure” nikimwe na Data wo mu ijuru afata icyemezo mu kudukiza. Reba, urugero, **Yoh 1:12-13; 6:37, 44; Ef 2:8-9.**

ku kwihana kwe, kwihana kurenze ubushobozi bwawe.

4. Imbabazi zidafite icyozishingiyeho ni umwitozo w'imbaraga. Bigushyira mu mwanya wo kwiyeme gutanga imbabazi cyangwa kuzimana. Gusaba ko uwaguhemukiye abanza kwihana bikubohera kuri we ninkaho uba umwikoreye. Bituma ugumya kuremererwa n'uwaguhemukiye. Gusaba umuntu waguhemukiye kubanza kwihana mbere yuko umubabarira bimuha imbaraga zo gutegeka umutima wawe, ibitekerezo, n'ubushake.

5. Imbabazi zidafite icyo zishingiyeho zikubohora kuwaguhemukiye. Bikubohora ubucakara bw'amateka, kukibi, kugikomere no gukora ikibi. Bikubohora kuba mububata. Bigushoboza gukira ibikomere no gukomeza ubuzima bwawe bugenda neza.

6. Imbabazi zidafite icyo zishingiyeho zerekana uko wubaha abandi. Kubabarira umuntu ntakubanza kumusaba kwihana bigaragaza ko umufata nk'umuntu *ushobora* guhinduka. Bishobora no kumutera ubushake bwo guhinduka.

7. Imbabazi zidafite icyo zishingiyeho ni ukwerekana urukundo rwinshi. Nkuko twabibonye rumwe mu mfunguzo "amarangamutima agurumana" atera kutababarira ni ubwoba. Bibiliya kandi ivuga ko, "ntabwoba buba mu rukundo ariko urukundo rutunganijwe ruhashya ubwoba" (**1 Yoh 1:18**). Nk'uko Jeffres arabivuga: "niba kwihana bisabwa kugira ngo hatangwe imbabazi rero ibyo byaba bisobanuye ko buri wese watugiriye nabi tugoma guhangana nawe mbere yuko tumubabarira by'ukuri. . . . Ariko twaba dushaka kumara ubuzima bwacu bwose dusaba abantu batuzengurutse kwihana? Twaba twibeshye ko abantu bose ntibabajya baduhunga bakurira imisozi igihe batubonye, tuje kubabaza ibijyanye n'ibibazo byabo bwite, tuje kubategeka kwihana? Byongeye kandi, ubuzima bumeze butyo bwo guhangana bunyuranye n'ubuzima bwa gikristo kuko ishingiro ryabwo ari urukundo, urukundo rutabara ikibi ku bandi (**1 Abakorinto 13:5**)." (Jeffress 2000:80)

8. Imbabazi zidafite icyo zishingiyeho zikurikiza urugero rwa Kristo. Yesu yaratubabarire ndetse mbere yuko tunatura cyangwa twihana ibyaha byacu (reba **Mariko 2:3-12; Luka 7:36-48; Yoh 8:1-11**). Rero dukwiriye kugira ubushake bwo kubabarira abandi na mbere yuko batura cyangwa basaba imbabazi.

VII. Kwakira imbabazi kubyaha wacumuye ku Mana no kubantu

A. Akira kandi wiyumvemo imbabazi z'Imana mu buzima bwawe¹⁸

1. Nkuko dukwiriye kubabarira abandi kubera ko twababariwe, ni ikintu cy'ingenzi mbere na mbere, mu mutima wacu, mu bitekerezo mu buringo, no mu kubaho kwacu. Jeffress aravuga ati "ntushobora gutanga icyo udafite" (Jeffress 2000: 143). Kubirebana niki ningombwa "kwiyumvamo" cyangwa "kumva" muri twe imbabazi z'Imana. Smedes yongeraho ati, "Ihuriro hagati yo kwiyumvamo kubabarirwa nimbaraga zo kubabarira ni urufunguzo bw'ibintu byose" (Smedes 1984:120). Dukeneye kumenya ubukene bwinshi bwacu bw'imbabazi. Dukeneye gusobanukirwa neza Imana—natwe ubwacu tukisobanukirwa Imana irahambaye, iraboneye, irera yuzuye ubwiza umuntu wese yuzuye ibyaha mu mutima ninabyo byangije buri gice cy'ubuzima bwacu (urugero, **Itang 5:1-3; Zab 51:5; Yer 17:9; Yoh 8:31-34; Rom 3:9-18; 6:6, 20-21; 7:14-25; Ef 2:1-3; Tito 3:3; 2 Pet 2:18-19**).

2. Dukwiriye gutekereza cyane ukuntu twababariwe—iki gitekerezo gikwiriye kuguma kuba igice cy'abo turibo kikaba nindorerwamo yacu y'uko twimenya ubwacu. Uku kwimenya, no kumenya ubukene bwacu no kumenya byimbitse, imbabazi zacu byoroshya cyane kubabarira abandi (kandi bashobora kuduhindura indyarya zo mu rwego rwo hejuru iyo tutababariye abandi). Nk'uko Kristo ya byerekanye, umuntu wababariwe byinshi akunda cyane, n'umuntu wababariwe gake akunda gake nawe (**Luka 7:47**).

3. Dukeneye gusobanukirwa urugero rw'imbabazi ndetse na kamere y'Imana. Imana yatubabariye byose igihe cyose—tutababariye, nta nakimwe isigaje, kandi nta nakimwe mubyo twacumuye iretse kutubabarira ngo kube umwihariko.

a. *Bibiliya ikoresha imvugo nyinshi zishushanya ukuntu muburyo bwuzuye, nta kubika cyangw kurobanura, cyangwa kugira ikindi kihishe inyuma gisabwa kuri izo mbabazi z'Imana kubicumuro byacu mu byukuri ni:*

(1) **Zab 103:12:** "Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengerwa, uko niko yajyanye

¹⁸Iki gice gishingiye cyane cyane kuri Jeffress 2000: 143-55; Smedes 1996: igice cya 8, na 14; na Worthington 2003: igice cya 3.

kure ibicumuro byacu.”

(2) **Yes 38:17:** “*Kuko ibyaha byanjye wabishyize inyuma.”*

(3) **Yes 43:25:** “*Ubwanjye nijye uhanagura ibicumuro byawe nka kubabarira kubwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi.”*

(4) **Mika 7:19:** “*Izaduhindukirira kutugirira ibambe izaribatiraIbicumuro byacu munsu y’ibirenge byayo kandi izarekera umuhengeri ibyaha byabo byose.”*

b. *Igitambo cya Kristo yitambye kubw’ibyaha byacu cyazanye imbabazi z’iteka ryose:*

¹² *ariko wawundi amaze gutamba igitambo cyimwe cy’iteka cy’ibyabaha yicara iburyo bw’Imana . . .* ¹⁴ *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose . . .*

¹⁷ *ibyaha byabo n’ubugome bwabo sinzabyibuka ukundi. (Heb 10:12-14, 17)*

c. *Niba mu by’ukuri dusobanukiwe urugero rw’ibyaha byacu cyangwa ukuntu turi*

abanyabyaha, tugahishurirwa ubwaguke bw’ubuntu bw’Imana n’ubwaguke bw’imbabazi twagiriwe twaridukwiriye gushimira, kugira urukundo, guca bugufi, no kubabarira abandi.

“Kubera ko Imana mbere na mbere yakoreye mu rukundo, impuhwe n’ubutabera, imyitwarire y’abakristo nayo ikwiriye gukurikiza ibyo byose byatangajwe n’Imana harimo no gushimira mubyerekeye ubukristo, Imana ubwayo niyo yabitangaje niyo yafashe iya mbere abantu bamwe bavuga ko gushima ari amarangamutima ya gikristo (**Zab 50:14, 23; 1 Tes 5:18**).”

(Worthington 2003:63)

d. *Imbabazi z’Imana kubyaha byacu n’amafuti yacu ni urugero tugomba kugenderaho*

*tubabarira abandi: muburyo bwuzuye, nta nakimwe gisigaye, nta nakimwe kigendeweho.*¹⁹

B. Shaka imbabazi z’abandi²⁰

1. Niba mu byukuri tureba kandi tugasobanukirwa ugukenera imbabazi no kuba abanyabyaha, n’urugero rw’imbabazi z’Imana kuritwe no gukomeza gukenera imbabazi zayo kubw’ibyaha byacu dukwiye gushishikazwa no gushaka imbabazi z’abandi bantu twagiriye nabi tukabakomeretsa. Muby’ukuri, ugushaka imbabazi kwacu *kubandi* ntagushidikanya ni bumwe muburyo bwadushishikariza kwagukira *mu* kubabarira abandi. Hanyuma ya byose, nigute twakwima abandi imbabazi igihe tutajya ku mana gusa, *ariko tujya no kuri bagenzi bacu* kudasaba imbabazi?

2. Gushaka imbabazi ni intambwe ya mbere iganisha kubwiyunge (gusana imibanire yari yarashyamba icyaha). Gushaka imbabazi bikwiriye kubaho ako kanya ukimara guhemukira umuntumuri icyo gihe ntamwanya aba afite wo “kwinangira umutima” cyangwa se ngo yinangire umubiri wose haba mu marangamutima ye cyangwa ngo yange ku kubabarira.

3. Gushaka kubabarirwa kugizwe n’intambwe zitari nke:

a. *Kugaragazako ukeneye imbabazi.*

(1) Nkuko “tubabarira” ibikorwa bibi (harimo imvugo mbi) by’uwo muntu wadukoreye ikibi, kubwiyo mpamvu natwe tugomba gusaba imbabazi ku magambo mabi twavuze cyangwa imyitwarire yacu itari myiza. Gupfa *gutekereza* ikibi, *kurarikira*, cyangwa ibindi bitekerezo bibi ku muntu ntibyatumye tujya kumusaba imbabazi ngo atubabarire. Sande agira ati, “Nubwo icyaha gikwiye katurwa cyaturirwa mubantu cyangwa ku Mana biterwa nuko cyari ‘icyaha cyahorewe mu mutima’ cyangwa cyakorewe ‘mu ruhamu’ icyaha cyo mu mutima gikororwa gusa mubitekerezo kandi ntangaruka zako kanya zigera ku bandi. Rero gikeneye kwaturirwa Imana.” (Sande 2004: 127)

(2) Mu gusobanura niba dukeneye gusaba imbabazi ntudukwiriye guhakana ugutsindwa kwacu cyangwa ngo twiyumvise ko icyo twakoze atari kibi. Dukwiye kwita kubintu nkibi: (A) *Dutewe isoni nibyo twakoze?* (B) *Tubabajwe nibyo twakoze?* (C) *Ibyo twakoze tukagera kure tukabyangira mu bitekerezo byacu* (byashoboka ko dushaka

¹⁹Uburyo bumwe bwadufasha gutekereza kukubabarira abandi nuburyo Gatigisimu y’Abangirikani mu *Gitabo cy’Amasengesho Rusange* cyerekana amasakaramentu: “Amasakaramentu ni ibimenyetso by’inyuma bigaragara byerekana imbere n’ubuntu, bwa Mwuka Wera bwatanze na Kristo nk’uburyo bwizewe twakiramo ubwo buntu” (*Igitabo cy’Amasengesho Rusange* 1979: 857). Icyo gitekerezo cyo kubabarira abandi kiremwa muritwe na Kristo aho ahagaragara hagati y’imbabazi z’Imana nizabantu muri **Mat 6:9-15; 18:21-35; Mariko 11:25-26; na Luka 7:36-50**.

²⁰ Iki gice gishingiye ahanini kuri Jeffress 2000: 155-64; Enright 2001: igice cya 14; na Chapman na Thomas 2006: *passim*.

Impamvu zibishyigikira)? (D) *Twigereranya n’umuntu twakomerekeje* (byashoboka kuvuga ko nawe “ari mubi nkatwe cyangwa se na mubi—cyane kuturusha!”)? (E) *Mbega twarabeshye kugirango duhishe ibyo twakoze kubera isoni?* (F) *Ni gute ubuzima bwacu bwahinduwe nibyo twakoze* (naba mubintu nkibi “by’ubwenge” bituma duhinduka “abanyabwenge”)? (G) *Mbese twifuza kubohoka ku isoni no kwishinje kubyaha twakoze?* (H) *Mbese twatuye ibyaha byacu ku Mana twakira imbabazi zayo* (ni muri ubwo buryo, dukwiriye gushaka kubabarirwa nuwo twahemukiye)?

(3) Igihe twahemukiye umuntu utazi ibyo twamukoreye (nk’umusambanyi wasambanye n’umuntu nyamara uwo mwashakanye atabizi) bishobora kubamo ukwishuka cyane.

Jeffress atanga nibura ibibazo umuntu yakwibaza mubihe nkibi: (A) gutanga indishyi ningombwa? Niba uwabikorewe hari igihombo byamuteje, ariko ntamenye neza uwabiteye, byukuri ninshingano yawe atari ugusaba imbabazi gusa, ahubwo no kuriha ibyangijwe; mu byukuri, kuriha ibyangijwe ni imwe munzira yo kugaragaza ko usabye imbabazi zukuri kandi ko uzishaka. (B) *Ni ayahe mahirwe azatuma ibyaha byawe bihishurwa?* Mu myaka mirongo itatu ishize ntibyigeze bimenyekana murushako rwawe ko wasambanye ariko mumezi atandatu ashize warasambanye bigera kuwo mwashakanye yumva amakuru ayumvanye abandi bishobora kumukomeretsa kuruta ko wowe wabimwibwirira. (C) *Ukwatura kwawe hari uwo kuzafasha cyangwa se lkuzakomeretsa abandi?* Akomeza yongeraho ati, “Iki ni ikibazocy’ingutu rimwe na rimwe kwifuza ‘kwatura’ kwacu ushobora gusanga ari ugukurura twishyira cyangwa kwinezeza mugihe dushobora kumva twituye umutwaro turangije kwaturira uwo twashakanye bishobora we kumuvuna cyane no kumwonona cyane. Rimwe na rimwe urukundo rwitanga bitewe n’ubushake bwo kwikorera imitwaro yacu aho kuyigereka kubandi.” (Jeffress 2000: 158-59)

b. Gusaba imbabazi.

(1) Wibuke ko “gusaba imbabazi ari ugusaba umuntu wahemukiye kugira icyo akora ku kukubohora kubyo ugomba gukora” (Jeffress 2000: 161). Gusaba guhura mu nama nuwo wahemukiye ni uburyo bwiza bwo kuganirakuvuganana umuntu amaso ku maso bimushoboza kumva uko ijwi ryawe urikoresha urizamura cyangwa urimanura, akareba mu maso hawe uko ureba n’ibimenyetso ukoresha mukuvugana nawe, kandi akakubaza ibibazo byo-kugukurikirana, byose (cyangwa byinshi) atakubarije kuri telephone cyangwa ibaruwa.²¹ Ikindi kubonana amaso kuyandi bigufasha kwerekana ko ibintu wabihaye agaciro, bikagaragaza by’ukuri ko wifuza kugirirwa imbabazi. Ibi biba ukuri by’umwihariko iyo wakoze urugendo rurerure cyangwa ibindi bihe wirengagije bizagusaba ikiguzi kugirango uhure nuwo muntu. Nk’uko Jeffress abigaragaza, “Igihe n’ubwitange bisaba gushyiramo imbaraga bigaragara nk’ibyagaciro ariko ntiwabigereranya n’umunezero ugira igihe ntakikurega mu mutima” (Ibid).

(2) Gusaba imbabazi bisaba ibirenze kuvuga ku munwa ngo “Mbabarira.” Harimo kwemera ubushake bwo kwemera ububabare bwo gucishwa bugufi buba iyo twemeye ko twakoresheje, ibi bishobora kuba byiza by’umwihariko iyo umwe mubo mufitanye isano ry’ubuyobozi, ufite ububasha umukuru (urugero, umugabo wawe, umubyeyi wawe cyangwa umukoresha wawe) aho ugomba kwicisha bugufi no gusaba kubabarirwa n’umuntu muto uruta (urugero, umugore, umwana, cyangwa umukozi wawe). Nyamara, “Niba dushaka kubohoka tugomba kwemera umubabaro uvanze no guca bugufi” (Enright 2001: 254)²²

²¹Hashobora kubaho ubundi buryo dusanga mu mico y’ibihugu kugirango barebe ukobashakira ikibazo umuti bashobora gukoresha abantu bagize umuryango wa hafi abagabo bo mumudugudu, abakuru b’Umuryango, abayobozi bo mubwoko runaka, abayobozi b’itorero cyangwa abandi bashobora kubabera abahuzwa mubiganiro. Itorero rifite uruhare rushobora kuzana mu guteza imbere mu byerekeye imbabazi.

²²Dukwiriye kwibuka (kandi ibi bigutera umunezero, tuba twubashye Kriso, kandi Kristo yahuye ni gukorwa n’isoni mu ruhamu no gusuzugurwa no gusekwa gukubitwa, no kubambwa yambaye ubusa kubera ibyaha abandi bantu bari barakoze, igihe dusaba umuntu imbabazi, duhura no gukorwa n’isoni mu rwisho cyangwa gucishwa bugufi (uretse iyo twakoreye icyaha muruhame, ukwatura kwacu niho gukwiriye kubera muruhame) kubera twebwe icyaha twakoze. Mukuri umugaragu ntaruta shebuja” (Yoh 13:6, reba na none Mat 10:24 Luka 6:24, Yoh 15:20).

(3) Jeffress agaragaza intambwe enye zingenzi zo gusaba umuntu kukubabarira: (A) *Kureka gushyira amakosa kubandi*. Naho yaba ari undi muntu ,cyangwa ndetse umuntu uri gusaba imbabazi, naho byaba ariwe byaturutseho wowe ukwiriye guhonga amaso yawe kucyaha cyawe. (B) *Reba icyaha wakoze icyaricyo*. Ntugerageze kugipfobya cyangwa ngo ukivugeho muri rusange. Abandi bantu bazi neza ibyo wakoze baba bakeneye kumenya ko nawe ubizi. (C) *Kumenya igikomere wateje*. Undi muntu aba akeneye ko umenya umubabaro wamuteje kubw'ibikorwa wamukoreye. Kumenya ibyo (cyangwa ukanavuga yuko “udashobora gutekereza urugero rw'ingorane wamuteje, ukuntu wamubabaje [cyangwa agahinda, cyangwa ikimwaro] ibi bizatuma”) undi muntu agira ubushake bwo kukubabarira. (D) *Saba uwo muntu kukubabarira*. Ntukwiriye kwatura icyaha cyane wakoze gusa, ahubwo soza usaba ibiganiro byanyu usaba ko yakubohora umwenda umubereyemo watewe n'icyaha wamukoreye ku bushake. Ntushobora gusaba imbabazi ngo wizere ko undi muntu akubabarira ku bw'inyungu ze. Ahubwo ; Jeffress atekereza ko ugusaba imbabazi wavuga ibintu nk'ibi: “Ndabizi ko naguhemukiye nkora ibintu nk'ibi _____. Nzakora ibishoboka byose nkwereke ko ntazongera, nyamara ndabizi ko ntakintu nakora ngo nkureho umubabaro ukomeye naguteye. Ibyo nakoze byari bibi, kandi ntawundi nabishyiraho uretse jyewe. Nje ngusanga ngusaba imbabazi zivuye ku mutima wowe kubwibyo nagukoreye byose.” (Jeffress 2000: 163)

(4) Chapman na Thomas nabo nyine bavuga ku ntambwe eshanu umuntu ashobora gutera mu gusaba imbabazi no kwicuza: (A) *Kwerekana ko wicujije wigoye* (urugero, “Nsabye imbabazi”); (B) *Byishyireho* (urugero, “Narakosheje”); (C) *Riha ibyo wangije* (urugero, “Niki nakora ngo mbikore neza?”); (D) *Ihane neza* (urugero, “Sinzongera gukora ibintu nkibi ukundi”); hanyuma (E) *Usabe imbabazi* (urugero, “Uzambabarira?”) (Chapman na Thomas 2006: *passim*).

(5) Sande afite uburyo “burindwi bwo kwaturamo”: (A) *Vugana nuwariwe wese bireba*. Atura icyaha cyawe kuri buri muntu icyaha cyawe cyagizeho ingaruka; (B) *Irinde amagambo nkaya Niba, Ariko, na Byashoboka*. Ijambo “niba” (urugero, “Mbabarira niba ibyo nakoze byarakubabaje”) byangiza ukwatura kwawe kubera ko byerekana ko utazi ikosa wakoze. Nikimwe no kuvuga amagambo nka”birashobokanarakosheje,” “nari kuba naragerageje kurushaho,” “nshobora kuba warananiwe kwikomeza nyamara narinaniwe,” “byashoboka ko nari mumakosa, ariko nari kugerageza kurushaho,” kandi “nsabye imbabazi ko nakubabaje, ariko kandi nawe wari wambabaje byukuri,” ibyo bihindura imfabusa kwatura kwawe no kwihana kwawe nyakuri; (C) *Emera neza udaciye kuruhande ibyo wakoze*. Uko uvuga akantu kukandi udaciye kuruhande niko uwo waturira yiyumvisha ko akwiriye ku kugirira imbabazi; (D) *Menyaigikomere*—ukeneye kwerekana ko usobanukiwe ukuntu wa mukomerekeje; cyangwa ingaruka zibyo wamukoreye; (E) *Emera ingaruka*. Mukwemera muburyo busobanutse izo ngarukaz'ibikorwa byawe, harimo no kugerageza kuriha indishyi,werekana ukwihana nyakuri; (F) *Hindura imyitwarire*. Bwira uwo wahemukiye uburyo ngiye kwitwara mu minsi iri mbere umubwire uko ubitegura guhinduka; (G) *Saba imbabazi (bihe umwanya uhagije)*. Kuba urangije gutera ziriya ntambwe zavuzwe haruguru bikwereka gusaba imbabazi muburyo bwa nyabwo. Ugusaba imbabazi bituma wikuraho umutwaro ukawawushyira kuwo uzisaba nyamara ariko, ntugomba kubimuhata ngo afate icyemezo cyo kukubabarira vuba. Uwahemukiwe aba acyeneye umwanya wo gutekereza, gusenga, no “gushungura” icyaha cyawe no kwatura kwawe. (Sande 2004: 126-34)

(6) Byashoboka ko umuntu dukeneye imbabazi yapfuye, ntakiboneka cyangwa,yanze kuvugana Inatwe. Cyangwa, uwo dusaba imbabazi igisubizo cye kirimo urujijo si kiza, cyangwa akazana inzitizi ibyo ni amahirwe make, niba twakoze neza ibyo twagombaga gukora, kwicuza no kwemera uruhare rwibyo twakoze, twarishye ibyo twangije twarihanye (guhindura ingendo) tugitegereje ko tubabarirwa dushobora kugira umutima ukeye “ukamenya ko yaba Imana cyangwa undi muntu batadushinja ibyo twakoze mugihe twarangij guhindura ibintu” (Jeffress 2000: 164).

c. *Gukura muri Kristo no kuba umuntu mwiza wahindutse nkingaruka zibywo twacyiyemo.*

(1) Enright avuga ko nkingaruka yicyaha twakoze no gushaka imbabazi kwacu dukwiriye: (A) *Kureba isomo dukura mugutsindwa kwacu n'amakosa* (ugutsinda kwacu kutwigisha gake kurusha uko twigishwa no gutsinwa kwacu); (B) *Menya ko dukomeye kubera ibyo twacyiyemo* (kubera umwete bisaba kugirango umuntu yemere icyaha no kugera imbere yuwo yahemukiye tuzakomera kandi duhangane no gutsindwa ko mugihe kizaza ntabwoba dufite); (C) *Menya neza ko tutari twenyine* (urugero, dukeneye gushyigikirwa muri izo nzira yizi ntambwe,²³ tukamenya ko turi—nkabandi bantu bigatuma tudakwiriye gukomeza kuba abuzuye ubwirasi cyangwa gusuzugura abandi); (D) *Fata icyemezo*, kandi fata intambwe zikwiriye kugirango *atazongera gukora icyo cyaha*; hamwe no (E) *Kumva ubohotse ntugumye kwicira urubanza, ikimwaro, cyangwa kugira agahindakwatura* no kwemera imbabazi uhawe. Ibi byose bikwiye kutwegereza Kristo kandi bigatuma tuba nkawe mugihe kizaza.

(2) Ibyo bintu bitanu nyine Enright avuga ko tuvumbura iyo tumaze kwakira imbabazi biba bihari kuritwe, bitanyuze mu ikosa ryacu nta muntu waduha imbabazi. Niba twujuje inshingano *zacu* umudendeze no gukura kuzanwa no gusaba imbabazi, kuriha ibyangijwe ndetse no kwihana ntidushobora kubyangirwa kubera *umuntu runaka* udashaka kutubabarira.

(3) Sande avuga ko tudashobora gukura umudendeze mu cyaha kubwo [gukorana] n'Imana kugirango [duhindure] imyifatire ndetse n'imyitwarire mugihe kiri imbere (Sande 2004:134). Yongeraho ko Imana ifite ubushake bwo kudufasha gukura no guhinduka kandi ko nta cyaha cyangwa ingeso biri mubuzima bwacu bitoneshwa n'ubuntu bwayo. Inshingano zacu ni izi: (A) Gusenga; (B) Kunezererwa mu Mwami; (C) Kwiga, no (D) gushyira mubikorwa ibyo twize (Ibid.: 134-35).

UBWIYUNGE

Ibyanditswe by'ingenzi twareberaho

I. Imana yiyunze natwe kandi yaduhaye n'umurimo wo kuyunga n'abandi (2Kor 5:16-21): ¹⁶Nicyo gituma uherye none tutazagira uwo dutekereza dukurikije amasekuruzi, nubwo ari kotwatekereza Kristo, ariko noneho ntitukimutekereza dutyo. ¹⁷Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. ¹⁸Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi, ¹⁹Kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiyeye n'abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije ijamba ry'umwuzuro. ²⁰Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa naho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendagenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye n'Imana, ²¹Kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.²⁴

II. Imana yakuyeho inzitizi zose zatandukanyaga abantu ndetse n'abafite ibibatandukanya bikomeye (Ef 2:11-22): ¹¹Nuko mwibuke yuko kera mwebwe abanyamahanga ku mubiri, abo bakebwe n'intoki ku mubiri bita abatakebwe, ¹²mwibuke ko icyo gihe mwari mudafite Kristo mutandukanijwe n'ubwisirayeli, muri abashyitsi ku masezerano y'ibyasezeranijwe, ari ntabyiringiro mufite byibizaba, ahubwo mwari mu isi mudafite Imana Rurema. ¹³Ariko none kuko muri Kristo Yesu, mwebwe abari kera, mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo. ¹⁴Uwo niwe mahoro yacu, kuko yahinduye twebwe ababiri kuba umwe akuyeho ubwanzi, aribwo rusika rwari hagati yacu rutugabanya, ¹⁵ amaze gukuzaho amategeko y'iby'imihango umubiri we, kugira ngo ba babiri

²³Kubera ko imbabazi arizo rufatiro rw'ubukristo, itorero rikwiye kureba igice cy'uruhare rwaryo mukorohereza intambwe z'imbabazi n'ubwiye. Mubyukuri, ubushakashatsi bwerekana ko "abantu babona ubufasha ku nshuti zo mu itorero bashobora kubabarira kurusha abantu bo mu itorero batagira itsinda na rimwe babarizwamo" (Worthington 2003: 70).

²⁴Izina ryasemwemo "nakatallagē, iryo zina rikaba rifatiye "kuguhinduka cyangwa kwiye ukareka imibereho yo kwangana hagati y'abantu bagahinduka bakinjira mubushuti" (Zodhiates 1993: *katallagē*; reba na none Danker 2000: *katallagē*, "kongera kubaka umubano wari warasenyutse ubwiye"). Inshingano basemuramo "kwiye"bihwanye n'inshingano katallasso naryo rigafatira "kuguhindura inzitizi z'ubucuti n'imibanire ubwiye" (Ibid.: *katallasso*).

abarememo umuntu umwe mushya muri we ngo azane amahoro atyo.¹⁶ kandi ngo bombi abagire umubiri umwe, abungishe n’Imana umusaraba awicishije bwa bwanzu.¹⁷ Yaraje ababwira ubutumwa bwiza bw’amahoro mwebwe abari kure, kandi abari bugufi nabo ababwira iby’amahoro,¹⁸ kuko ari we uduhesha uko turi amaharakubiri, kwegera Data wa twese turi mu mwuka umwe.¹⁹ Nuko ntimukiri abashyitsi n’abasuhuke, ahubwo muri ubwoko bumwe n’abera ndetse muri abo mu nzu y’Imana,²⁰ kuko mwubatswe ku rufatiro rw’intumwa n’abahanuzi, ariko Kristo Yesu ni we buye rikomeza imfuruka,²¹ muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura ngo ibe urusengeru rwera mu Mwami Yesu.²² Muri we namwe murubakanwa, kugira ngo mube inzu yo kubabwamo n’Imana mu Mwuka. (Reba na none **Rom 10:12; 1 Kor 12:13; Gal 3:28; Kol 3:11**)

A. Ukwirema ibice hagati y’abantu batandukanye mu isezerano rya kera, mubusobanuro bw’iby’Imana byari ibice hagati y’Abisiraheri n’abanyamahanga muri Kristo ibyo bice ntibikiriho rero, ubwoko bwose bw’abantu burangana imbere y’Imana

Kubera ko urusika rwadutandukanya rwakuweho muri Kristo n’udusika duto natwo twakuweho kubwiyo mpamvumuri kristo, ntarusika rukirimo hagati y’ubwiyunge bw’amoko y’abantu batandukanye.

B. Intego ya Kristo ni uko twese tuba “umuntu mushya” kandi tukaba mu mahoro, nicyo gituma, ukuba umwe kwacu no kubana amahoro kwacu ni “ikimenyetso cy’inyuma kigaragara” yuko turi, muri Kristo byukuri

C. icyo Imana yadukoreye (cyagaragajwe mu byanditswe biri hejuru, dukwiriye kwiyunga ubwacu n’abandi bantu bafite aho bahuriye n’imibereho yacu (nkuko Pawuro abivuga mu ibaruwa y’Abefeso)

Sande agaragaza ukuntu imyitwarire yacu nk’abunga abandi n’abahanira amahoro igomba kugaragara biturutse ku k’untu twiyunze n’Imana binyuze muri Kristo Yesu: “Ibaruwa Pawuro yandikiye Abefeso ishingiyeho ahanini kuguharanira amahoro. Ibice bitatu bya mbere bisobanura umugambi utangaje w’agakiza k’Imana mugice cya kane Pahuro atangira avuga uburyo dukwiriye kwemera ibyo Kristo yadukoreye tukabyakira. Reba neza, Pahuro aha agaciro kurusha ibindi kuvuga ubutumwa bwiza: ‘Nk’imbata y’Umwami wacu nicyo gituma mbinginga ngo mugende uko bikwiriye umuhamagaro wanyu mwahamagawe mwiyooroheje rwose, mufite ubugwaneza mwihangane. Mubabarirana, muri murukundo, mugire umwete wo gukomerasha ubumwe bw’umwuka w’umurunga w’amahoro’ (**Ef 4:1-3**). Ijambo ry’ikigiriki ryahinduwe ‘mushishikaye’ muri iki gice risobanura kugerageza uburyo bwose bushoboka, harimo ubushake, twiyemeza, kandi dushishikaye. Ni ijamba umutoza w’abarwana n’inyamaswa ashobora kuba yarakoreshaga igihe yoherezaga abantu kurwana kugeza ku kugupfa muri kariseyumu ‘mushyiremo imbaraga zose kugirango mudapfa uyu munsu!’ Kubwiyo mpamvu natwe abakristo dukwiriye guharanira amahoro n’ubwiyunge ndetse tukaba twanabipfira. Ntagushidikanya ko kugerageza guhuza abantu utabishyizemo umwete wose ufite imitima ibiri binyuranye n’igitekerezo cya Pawulo yari afite mu mutwe.” (Sande 2004: 52)

III. Ukuba twariyunze n’abagenzi bacu bifite akamaro ko muburyo bw’umwuka kandi bigirana isano no kuramya Imana kwacu (Mat 5:21-26):²¹ “Mwumvise ko abakera babwiwe ngo ‘ntukice, uwica akwiriye guhanwa n’abacamanza.’²² Ariko jywewe ndababwira yuko umuntu wese urakarira mwene se akwiriye guhanwa n’abacamanza, uzatuka mwene se ati ‘wa mupfu we’ akwiriye guhanirwa mu rukiko, uzabwira mwene se ati ‘wa gicucu we’ akwiriye gushyirwa mu muriro w’i Gehinomu.²³ Nuko nujyana ituro ryawe ku gicaniro, ukahibukira mwene so ko ufite icyo mupfa,²⁴ usige ituro ryawe imbere y’igicaniro ubanze ugende wikiranure na mwene so, uhere ko ugaruke uture ituro ryawe.²⁵ Wikiranure vuba n’ukurega mukiri mu nzira, ukurega ye kugushyikiriza umucamanza, umucamanza ataguha umusirikare akagushyira mu nzu y’imbohe.²⁶ Ndakubwira ukuri yuko utazavamo rwose, keretse wishyuye umwenda wose hadasigaye ikuta na rimwe.”²⁵

A. Muri iki cyanditswe Yesu arasobanura neza ihuriro hagati yo kwiyunga n’abandi no kuba twiyunze n’Imana

B. Iki cyanditswe cyerekana akamaro Imana ishira mubwiyunge hagati y’abantu—no kugira ishusho “y’umutima w’Ubwami”

Dallas Willard yerekana ukuntu ubumenyi bwinshi bw’ihame ryo muri **Mat 5:23-24** ari: “Urikumwe

²⁵Ijambo ryasemurwe “mwiyo” muri **5:24** ni *diallassomai*. Rifite ubusobanuro bumwe nakatallassō mu yandi magambo “kwiyunga mubinarire cyangwa ubwumvikane n’umuntu mugahindukaabiyoze” (Danker 2000: *diallassomai*).

n'abatambyi imbere y'igicaniro mugutamba igitambo cyawe ku Mana ni igihe gikomeye kera cy'umuhango w'abizera ubusanzwe nta kintu na kimwe cyawucagamo kereka undi muhango ukomeyekurutauwowashoboraga gusabwa gukorwa.

Ako kanya nta kabuza, kuko byihutirwa uwo mwanya umuntu wabaga ari mu muhango agejeje hagati ukibuka mwene seba fite icyo bapfa yagiriye nabi, ukimara kumenya ukuntu bifite umumaro mu bugingo bwe kubohoka ndetse nuwo yakomerekeje yashoboraga uhagarika uwo muhango ukiruka akamusanga bakikiranura. Ibi byerekana imbaraga z'ubwiza bw'umutima w'Ubwami.

Kugirango tubone neza umusaruro wiki gikorwa muburyo bwuzuye bwuru rugero tugomba gutekereza ubwacu washyingiwe cyangwa twabatijwe cyangwa twahawe inshingano zidasanzwe, nk'ubushumba. Mwo hagati muri icyo gikorwa turirutse tugiye gushaka ubwiyunge k'umuntu nibura utari nahongaho. Ibi birerekana ishusho y'urukundo rw'Ubwami no gukiranuka." (Willard 1997: 156)

IV. Abakristo bategekwa na Kristo n'intumwa gukora uko bashoboye ngo babe mubuzima bw'amahoro n'ubwiyunge hagati yabo ndetse n'abandi bantu muri rusange

A. Kristo adutegeka kubana amahoro (Mariko 9:50): *Umunyu nimwiza, ariko iyo umunyu ukayutse, uzongera kuryoshwa niki? Mugire umunyu murimwe kandi mubane amahoro.*

B. "Buri rwandiko rwose mu isezerano rishya rurimo itegeko ryo kubana amahoro n'abandi" (Sande 2004: 51)

1. Rom 12:18: *Niba bishoboka, murwanyu ruhande mubane n'abandi amahoro.* (Reba na none **2 Kor 13:11; Tes 5:13**)

2. Rom 15:5-7: ⁵*Nuko rero Imana nyirukwihangana no guhumurizwa ibahe kwihangana no guhuza imitima yanyu nkuko Kristo Yesu ashaka,* ⁶*kugira ngo muhimbaze Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ariyo na se n'umutima umwe nakanwa kamwe* ⁷*nuko mwemerane nk'uko Kristo nawe yabemeye kugirango Imana ihimbazwe*

3. 1 Kor 1:10: *Ariko bene data, ndabinginga mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi hekugira ibice biremwa murimwe ahubwo muhurize hamwe muhuje imitima n'inama.*

4. Kol 3:15: *Mureke amahoro ya Kristo atwarire mu mitima yanyu ayomwahamagariwe kuba umubiri umwe kandi mugire imitima ishima.*

V. Yaba Kristo yaba n'intumwa ze bose bagaragaje ubwiyunge mu buzima bwabo bwite

A. Kristo yagaragaje ubwiyunge mubuzima bwe bwo ku isi (Rom 5:8-11): ⁸*Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.* ⁹*Nkanswe none ubwo tumaze gutsindishirizwa n'amaraso ye, ntituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we?* ¹⁰*Ubwo twunzwe n'Imana ku bw'urupfu rw'umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi bayo, none ubwo tumaze kungwa nayo, ntituzarushaho gukizwa ku bw'ubugingo bwe?* ¹¹*Ariko si ibyo byonyine, ahubwo twishimira Imana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo ukiduhesha kuzura nayo na bugingo n'ubu.*

B. Kristo akomeza kugaragaza ubwiyunge mu murimo we nk'umutambyi mukuru (Heb 7:23-25): ²³*Kandiba bandi babaye abatambyi ni benshi kuko urupfu rubabuza guhoraho,* ²⁴*naho uwo kuko ahoraho iteka ryose afite ubutambyi budakuka.* ²⁵*Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana nawe, kuko ahoraho iteka ngo abasabire.* (Reba na none **Rom 8:34; 1 Yoh 2:1**)

C. Intumwa zagaragaje ubwiyunge mu buzima bwazo: gereranya **Mat 20:20-24 n'Ibyak 1:13-14; Ibyak 15:36-40 na 2 Tim 4:11; reba na none Filem 10:18.**

VI. “Igihe tudashoboye gukemura amakimbirane twe ubwacu, Imana itegeka itorerero dusengeramo gutera intambwe mugushakira umuti icyo kibazo rikazana ubwenge bwaryo, ubutunzi n’ubutware mugushaka umuti w’ikibazo (Mat 18:16-17; Ef 4:23; 1 Kor 6:1-8)” (Sande 2004: 14).²⁶

A. Kubera ko itorerero ari umubiri umwe, ugizwe n’ingingo nyinshi zifite impano zitandukanye nibyingenzi gutoranya no gutaza abagabo n’abagore bubashwe, bubwenge, bakuze, bubaha Imana muri iryo bakora nk’abajyanama abahuza, abakemurampaka babasha gufasha abantu mubwiyunge mu bagize itorerero (ndetse nabatari ab’itorero)

B. “Abunzi bashobora kugira imimaro itandukanye mumakimbirane” (Sande 2004: 191)

Sande agaragaza ko iyi mirimo ari iyi ikurikira: 1. gufasha abantu gufata ibyemezo bikenewe kubaka amahoro; 2. ngutuma ibiganiro bigenda neza mu mpande zombi zishyamiyanye gutegana amatwi ku mpande zombie; 3. kubasha gusobanukirwa ukuri mugutega amatwi neza ubwabo, habazwa ibibazo bikwiriye no gufasha abo bantu bafitanye amakimbirane ngo bongere basobanukirwe ibyabaye; 4. gutanga kuburyo bahangana nicyo kibazo (nk’uko biteganwa na **Mat 18:17 n’1 Kor 6:1-8**); 5. gushishikariza kwihana no kwatura kuruhande rumwe cyangwa zose werekana buri myitwarire itandukanye nicyo bibiriya yigisha; 6. gufasha gushakisha umuti ku bintu bifatika mukuyobora ibice bifite amakimbirane ku mahame aboneye ya bibiliya ningero zo mubyanditswe; 7. bahereye kubumenyi bafite nibyo bacyemo mugutekereza igisubizo gifatika kukibazo kizwi neza (Ibid.).

Gusobanukirwa no gushyira mubikorwa ubwiyunge mu buzima²⁷

I. Itandukaniro hagati y’ubwiyunge n’imbabazi

A. Imbabazi zivamu myitwarire y’umuntu uhitamo kubabarira uwamugiriye nabi, ubwiyunge ni abantu babiri bashyira hamwe bagasana umubano wari uriho mbere ukaza kwangirika (muyandi magambo ni ugukuraho inzitizi ziri mu mibanire n’ubusabane)

“Bisaba umuntu umwe kubabarira. Bisaba abantu babiri kwiyunga.

Imbabazi zibera mu mutima w’umuntu ufite igikomere. Ubwiyunge buba mumibanire hagati y’abantu.

Dushobora kubabarira umuntu atarigeze usaba n’imbabazi ntidushobora kwiyunga n’umuntu atigeze asaba imbabazi abikuye ku mutima ngo ababazwe n’ibyo yakoze kandi yemere ko atazongera.

Dushobora kubabarira umuntu nubwo tutizewe ko atazongera kuduhemukira. Ubwiyunge bushobora kubaho gusa niba dushobora kwizera ko uwaduhemukiye atazasubira kuduhemukira ukundi.

Imbabazi ntacyo zishingiraho, ubwiyunge bwo bugira ibintu byinshi bushingiraho.” (Smedes 1996: 27)

B. Igereranya hagati y’itandukaniro y’imbabazi n’ubwiyunge²⁸

| | <u>Imbabazi</u> | <u>Ubwiyunge</u> |
|----------------------|--|-------------------------------|
| <i>Nde?</i> | Umuntu umwe | Abantu babiri cyangwa barenga |
| <i>Iki?</i> | Impano itangwa | Kubihararira ntabwo butangwa |
| <i>Gute?</i> | Kuzisimbuza amarangamutima | Kubusimbuza, imyitwarire |
| <i>Hehe?</i> | Mu mubiri wawe | Mumibanire yawe |
| <i>Byakowa gute?</i> | Urugero rwa Piramide rwo KUGERA kumbabaziku | Ikiraro kigarisha bwiyunge |

²⁶Umugereka F kubwa Sande kubijyanye nuharanira amahoro “biba umuco w’amahoro mu itorerero ryawe.” Gahunda ye umurimo wo guharanira amahoro, harimo amakuru ajyanye n’amahugurwa kubwiyunge kwigisha ibijyanye nuwo murimo hamwe nimirimo yo kwiga abandi. Kurikira amakuru kubijyanye n’umurimo wo guharanira amahoro aha hakurikira agasanduku k’Iposita 81130, Billings, MT 59108 ; U.S.A; Telefoni (406) 256-1583; email—mail@HisPeace.org; website—HisPeace.org.

²⁷Iki gice gishingiye ubwa mbere kuri Worthington 2003: igice 9-12; Jeffress 2000: igice 5; na Smedes1996: igice cya 3 hagakurikira kuba gishingiye kuri Enright 2001: igice cya 15.

²⁸Imbonerahamwe igereranya twayikuye muri Worthington 2003: 171, taburo 9.1.

II. Kubera iki ubwiyunge ari igikorwa cy'ingirakamaro

A. *Ubwiyunge niuguhama imbaraga z'Imana no kwerekana kubaha kwacu twubaha itegeko rikomeye Kristo yaduhaye muri rya joro mbere yuko abambwa*

1. Mu ijoro rye rya nyuma hano ku isi mbere yuko abambwa, Yesu yavuze ibi: Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze,mube ariko namwemukundana. Ibyo nibyo bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana. (Yoh 13:34-35)
2. Ntabwiyunge dutsindwa kwereka isi igihama gito kingirakamaro cyerekana abo turibo nkabigishwa ba Kristo.

B. *Ubwiyunge buduha imbaraga zo kunesha ibitero by'umwanzi*

1. Muburyo bubu, ugutsindwa kwabizera kubacamo ibice no kuba mubwigunge bigatuma umwanzi abatera mu buryo bworoshye kubera ko ntawitaye kuwundi.
2. Muburyo bwiza, abizera babana mu mahoro no mubwumvikane baba bafite ubumwe n'ingabo ikomeye ishobora gutsinda muntambara y'umwanzi twiyemeje kurwana (Ef 6:12), kugirango amarembo y'ikuzimu adashobora kugira ubutware ku itorero (Mat 16:18).

C. *Ukubana n'abandi mubwumvikane, kwacu no guhesha abandi umugisha, bizazana umusaruro kuritwe w'umugisha uturuka ku Mana (1 Pet 3:8-9):⁸Ibisigaye mwese muhuze imitima mubabarane kandi mukundane nkabavandimwe mugirirane imbabazi mwicisha bugufi mu mitima⁹ Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye cyangwa igitutsi yabatutse ahubwo mumwiture kumusabira umugisha kuko aribyo mwahamagariwe kugirango namwe muragwe umugisha.²⁹*

III. Twakwiyunga dute

A. *Ubwiyunge si ikintu kibaho ako kanya ahubwo busaba igihe n'umubare w'intambwe ugomba gutera*

1. Jeffress asobanura intambwe enye ziganisha kubwiyunge (Jeffress 2000: 115-23):³⁰
 - a. Kwihana. Nubwo umuntu ashobora kubabarira umuntu utamusabye imbabazi utarigeze yemera ikosa, akenshi na kenshi ubwiyunge mu mibanire buzasaba ubushake bwo kwemera icyaha no kumenya umubabaro wateje mugenzi wawe, kugira ngo habeho gukura n'imibanire yongere ibeho kandi imibanire yongere igire urufatiro rukomeye.
 - b. Gusana ibyangiritse. Kugerageza kuriha ibyangiritse cyangwa ibyibwe mumibanire ni ukwerekana ukwihana nyakuri kandi ko ashishikariye gusana imibanire yari yarangiritse. Kuriha bifasha "guharura ikibuga cyo gukiniraho" kugirango bese bashobore gutangira gushyira ha mwene kwiyunga ngo bakomeze imibanire yari yarangiritse bahereye ahantu hangana (reba Sande 2004: Umugereka C, "Amahame yo Kuriha").
 - c. Gusubiza ibintu mu buryo. Kugirango twongere kubaka imibanire ku muntu waduhemukiye, n'ingenzi kugira ikizere ko yahindutse by'ukuri kugirango tutazongera kurenganwa ukundi iyi niyo mpamvu kwihana nyakuri bihamya n'imyitwarire ihindutse.
 - d. Kongerera kubaka ikizere. Akenshi abantu benshi bashobora gukenera gufasha gusana imibanire (reba Gal 6:1). Guhindura imyifato bizaza impinduka mu mivugire no mubikorwa babikorera abandi; hanyuma, abandi bazabona ko turi abanyakuri. Bishobora kumara igihe kirekire kongera kubaka ikizere cyasenutse ni ukongerera kubaka nkuko mbere byari bimeze mbere kubw'ubuntu bw'Imana uko biri kose gufatanya icyo gikorwa nk'impande zombi bishobora kubaho.
2. Birashoboka urugero rw'uburyo bwiza twakoresha kugirango dushyire mubikorwa ubwiyunge ni uburyo kwa Wrorthington. Nubwo akoresha amagambo atandukanye naya Jeffress na Sande "kwihana,


²⁹ "Umigisha" twakira ivuye ku Mana neza neza ufiteye isano n'imyitwarire yo gukiranuka Petero adutegeka [abizera] kugaragaza mu mirongo 8:9a" (Grudem 1988: 147). Nubwo abasobanuzi ba Bibiriya bamwe bemeza ko "umigisha" ari wa mugisha wa nyuma wo mugakiza ikintu kindi gikomeye dushobora kuvugana ni uko Petero asobanura ko kubaho mu buzima bw'ubwumvikane no guhesha abandi umugisha twitura ikibi ikiza bizazana umugisha uturutse ku Mana muri ubu buzima bwa none (gereranya na Michaels 1988: 178-79, na Gruden 1988: 148-49).

³⁰Sande nawe atanga ibyo biti bine bigize ikiraro cy'iganisha kubwiyunge:(1) kwihana; (2) kwisuzuma; (3) kwatura; na (4) guhinduka umuntu kugiti cye (Sande 2004: 118-35).

kuriha ibyangijwe, gusubiza ibintu mu buryo, no kongera kubaka ikizere” bivugwa na Sande Jeffress bavuga ku “kwihana kwisuzuma, kwatura no guhinduka umuntu ku giti cye mu mutima”, nabyo nyine biboneka muburyo bwihisha murugero rwa Worthington.

B. Urugero rwiza rw’ikiraro cya Worthington kiganisha ku bwiyunge

Worthington afite urugero rw’intambwe enye, agereranya n’ikiraro, gifite intambwe enye cyangwa ibikorwa: icyemezo, ikiganiro, gukuramo uburozi, no kwitanga (Worthington 2003: 12) :



1. **Kwiyemeza:** Mbere na mbere haza icyemezo cyo kutiyunga cyangwa kwiyingu. Kwiyungu bisaba igihe, imbaraga, guca bugufi, no kwemera kongera gukomereka cyangwa kongera amahirwe undi muntu.

a. *Umuntu ntakwiriye gushaka kwiyingu niba:* (1) akunze kuba ukwe kandi areba nta mpamvu yo kongera gukingura umuryango w’imibanire; (2) ni ikintu kitamugwa neza mubuzima kitamuha umutekano gukora gutyo (harimo ingorane zo kugira ibibazo byo mu mutwe cyangwa ukundi gukomereka gutandukanye); (3) umwe murimwe yongeye kwangiza ikizere kandi yerekanye cyangwa ntiyigeze yerekana agahinda kibyo yakozwe; (4) igikomere n’umubabaro kugeza ubu biracyahari kandi ntibyigeze bihanga nibinini cyane; (5) undi muntu yarapfuye, ntakiboneka (kubwizindi mpamvu kwiyingu nawe ntibyashoboka).

b. *Abantu biyemeza kwiyingu kubera izi mpamvu:* (1) ntibashaka ko umubano wabo wangirika; (2) umwe aha undi agacira bakanagaha n’umubano wabo; (3) bafifanya igihango hari icyo bashoye mu mubano wabo banga guhomba; (4) ntibashaka ko uko ibintu bimeze ubu babisubiramo ariko barifuzaga umubano ukomeye kandi mwiza kurushaho; (5) barizera ko inzira y’ubwiyingu izazana inyungu kuruta kubireka.

c. *Tugomba kwiyemeza uburyo twiyingu, ubwiyingu bubaho munzira ebyiri:*

(1) Ubwiyingu kenshi na kenshi burizana impande zombi zitigeze ziganira kubwiyingu. Ubwiyingu butaganiriweho bugizwe nibi bikurikira; guhagarika ibyatandukanyaga guhurira hamwe; kujya hamwe kw’impande zombi (kubera akazi kamwe bakora); guhurizwa hamwe kw’impande zombi (kuba hamwe bahujwe) n’undi muntu kubera imirimo itandukanye kuba mwiza cyangwa kuzuzanya; kumenya ubumwe bwacu muri Kristo, aribyo bishobora kudufasha gusenya ibikutaibituruka mu mitekerereze yacu no mu marangamutima byo “kwirema ibice” (Ef 2:14-16).

(2) Ubwiyingu bubanje kumvikanwaho buba mugihe abafite icyo bapfa bagiye hamwe babashaka kugirango bashakire umuti ibibazo bafitanye kandi basane imibanire yasenyutse.

(A) *Ariko abantu bamwe batekereza ko Mat 18:15-20 ari rimwe mu mategeko ridusaba kuvugana n’umuntu mu mwiherero n’umuntu wadukoreye icyaha mbere yuko twaba dushobora kubaza undi muntu kudufasha muri icyo kibazo ntabwo ariko bimeze. Yakobo (Itang 32:33) Abigayire (1 Sam 25:18-35) (2 Sam 14:1-23) na Barinaba (Ibyak 9:26-27) bese aba babikoze kubw’abandi cyangwa bakoresheje abandi kugirango babeho ubwiyingu no kongera gushyiraho imibanire mbere yuko abafitanye amakimbirane babonana amaso*

kuyandi.

(B) *Muhitamo uburyo bwo kwihana muburyo bwo kwiyunga*: “Kuganirana ibiganirohagati yanyu nibyiza kuruta ubundi buryo bwo ariko mubihe bimwe na bimwe mwifashishije abandi nabyo biba byiza.Hariho ibihe byinshi ibi bishobora kuba ukuri muri iki gihe:

Mugihe uri kuganira ufite umuco cyangwa mubantu bagiye gushakira ikibazo umuti bifashisha abahuza nk’abakuru b’imiryango cyangwa abayobozi bizewe;

Mugihe ugiye kuganira n’umuntu iyo ari kumwe nuwo yahemukiye bombi yubika umutwe ntashobore kuvuga;

Mugihe cyangwa impande zombi zishobora kumva zitewe ubwoba n’undi yenda bitewe nitandukaniro riri hagati yabo m’ubuhanga mukuvuga cyangwa itandukaniro ry’ubuyobozi uwo muntu afite cyangwa amufiteho ubushobozi;

Mugihe uwagize nabi afite ubushobozi bwo kuba yabeshya uwo yahemukiye cyangwa akaba yamucekesha mubiganiro mugihe ari bonyine;

Mugihe hari ikindi gice cya gatatu gifitanye isano ya bugufi kurusha uwafatiwe mucyaha kandi icyo gice cya gatatu gishaka gukomeza ibintu kuri uwo wakoze icyaha.” (Sande 2004: 146-47)

d. *Tugomba gufata icyemezo cy’igihe cyo kwiyunga*. Gufata icyemezo no gukoresha amarangamutima utanga imbabazi rimwena rimwe bishobora kubaho vuba; Ubwiyunge hafi ya buri gihe busaba igihe kirekire.Abakristo bakwiriye kureba ibintu byatuma bagenda muri uru rugendo rw’ubwiyunge.Mbere yo gutangiza ubwiyunge muburyo bweruye dukeneye kubanza tukisuzuma ubwacu tukareba impamvu zibiduteye n’amarangamutima imitekerereze tukamenya uko duhagaze (turarushye cyane? dufite umujinya?—nibyiza rimwe na rimwe gusenga ugacungana nibi bintu mbere na mbere). Dukeneye no gusuzuma mugenzi wacu n’ibihe arimo dusenga dusaba kuyoborwa n’Imana. Nyamara dukwiriye buri gihe gukora nkuko Yesu yakoze dukomeza (koroshya) ibiganiro byubwiyunge.

2. Guhana ibiterezo. Mugihe hafashwe icyemezo cyo gushaka ubwiyunge, impande zombi zikeneye kujya hamwe bakaganira kumibanire yabo, ku gutandukana kuri hagati yabo, n’ukuntu bakongera gusana imibanire yasenutse hakongera kubaho imibanire myiza.

a. *Uburyo bwiza bwo guhura no kuvugana n’undi muntu ni uguhindura uko wifashe—uteza imbere “imyifatire yoroheje.”* Imyifatire yoroheje igufasha kuvuga utuje iri niryo shingiro ryo kwiyunga nuwo wahemukiye.Imyitwarire yo kwiyoroshya irangwa no kwita kubandi no kwicisha bugufi.

b. *Ubushakashatsi bugaragaza ko mubihe byinshi, tutabanje kureba ibyo umuntu agomba “kugeraho byukuri muri abo bantu babiri “muburyo bwo kutirebaho” bishobora kuba ukuri,ku mpande zombi bose bakibona nkabarenganye kurundi ruhande nkabanyirabayazana muri ibyo byabaye impande zombi zishobora kuza ziteguye kubabarirana, ariko bashobora kuza batiteguye kubabarirana* (Worthington 2003: 191). Mugihe nk’iki, ibice byombi akenshi biba bifite amakosa. Akenshi umuntu ufite amakosa make (ariko ukeneye gusana imibanire) ashobora gufata icyemezo agatera intambwe ziganisha kubwiyunge agasanga mugenzi we akatura ibyaha bye byangije imibanire yabo (umuntu afite amakosa menshi we ashobora kugira isoni zo gutera izi ntambwe z’ubwiyunge) tutitaye kuwabanje gutera intambwe za mbere z’ubwiyunge avuga ku ruhare rwe mubibazo hakorwa ibintu bibiri: (1) gukurikira inyigisho ya Yesu muri **Mat 7:3-5** gukura umugogo uri mujisho ryawe “mbere yuko utokora agatotsi kari mujisho rya mugenzi wawe”; (2) “ukwatura kwawe rimwe na rimwe kuzashishikariza mugenzi wawe kwemera icyaha” (Sande 2004: 158). Sande icyi nicyo yita “ingaruka nziza cyane” isa nayayindi ivuga ngo (ibyho dushaka ko abandi batugirira abe ari nabyo natwe tubagirira): “Itegeko ryukuri rivuga ko akebo tugereramo abandi ariko natwe bazatugereramo bazadufata uko tubafata natwe. Niba tunegura abantu ku bw’ingorane bafite natwe bazatunegura. Niba twavugaga tuti, ‘narakosheje igisubizo kizaba gitangaje kuko kizaba iki nanjye ni amakosa yanjye’” (Ibid.: 78)

c. *Niba kwatura kwawe gutumye undi yemera na “gatoya”ugomba guhita ufatira ahangaha ukamubwira cyangwa ukamubaza ibindi bibazo kugirango atobore avuge uko ibintu byose*

byagenze. Mugusubiza uwo muntu avuze ati “Ndibaza ko nanjye byangoye narababaye bituma nkora nabi, cyangwa nti yari amakosa yanjye,” Sande avuga ko ibisubizo nk’ibi: “Ndashima ko wemeye ko wababaye unanirwa kwifataBob. Wanyemerera ko gusobanurira ukuntu niyumvise?”; “Ndagushimiye ko uvuze gutyo utekereza ko ari iki wakoze nabi?”; cyangwa “Kubera iki nabangamiwe?” (Ibid.: 158).

d. *Muguhana ibitekerezo n’undi muntu, ujye wirinda kurakara.* Gerageza gutekereza na gato ko uwo muntu yaba ari kuvuga ukuri. Vuga muri make ibyo mwese mwavuze kugirango mwese mubyumve kimwe. Utuze kubijyane nibyo witeze (wibuke: ubwiyunge bushobora gusaba igihe kirekire n’imbaraga nyinshi) emeranya nibyiza ubona kuri uwo muntu kandi umubwire ko icyatumye wumva akubabaje ari uko mubisanzwe atariko yahoraga abigenza gerageza kwirinda kugwa mu mutego wo guhakana ko nta kintu kibi na kimwe wakoze cyangwa kugerageza kwerekana ko wera de nta nagasembwa ugira hanyuma byose ukabirunda kuri uwo muntu ibyo biganisha ku mpaka ndende gutega ugutwi ubwisobanuro bwa mugenzi wawe, umubaza Impamvu yatumye akora ibyo yakozze, gerageza kwirinda kumukozza isoni umurundaho amakosa (ahubwo, sobanura ko wari ufite umujinya, cyangwa igikomere n’ibindi, nta kongeraho ko umujinya wawe wari ufite ishingiro kubera ko mugenzi wawe ariwe wabiteye kandi “byaje abireba”).

e. *Hanyuma uzarangiza bikunda utera intambwe yo kubabarira kandi mugahana, imbabazi.* Nyuma yaho uzita ku guhinduka ku myitwarire yawe, ntabwo ari iya mugenzi wawe. Uzasoza wemeranwa n’umugambi wo gusana imibanire yari yarasenyutse.

3. Kuvanamo uburozi. Igihe imibanire isenyutse kubera ko habayeho ubugambanyi cyangwa ikindi gikomere ni nkuburozi bwinjiye mu mubiri.

a. *Dukeneye gukuramo ubwo burozi mu mibanire yacu.* Nicyo gituma dukwiriye kwikuramo ubusharirirwe mubugingo bwacu nkuko tubyatura niba Imana yaratubabariye, igafata ibyaha byacu n’ubusharire ikabyishyiraho ntabwo dukeneye kongera kwikorera umutwaro wabyo kandi ntabwo bikwiriye kongera kubyikorera.

b. *Kimwe n’uko dukwiriye gukura uburozi mu mibanire yacu.* Ubushakashatsi bwerekana ko urushako(nindi mibanire) bikunda kononwa mu ntambwe enye ziza mu muntu: (1) Kuneng: ubwa mbere mu mitekerereze, hanyuma mu magambo; (2) Kwirwanira: mbere na mbere mu mitekerereze hanyuma mu magambo (ibi ni birangwa, no kureba kubyabaye ku muntu kunegurana bikazana impaka no kwisobanura); (3) Agasuzuguro: mu gihe kunegurana no kwirwanirira bigaragara nk’ibintu byiza ku muntu, agasuzuguro bijya kuri uwo muntu; (4) Igikuta cy’amabuyecyangwaintambara: kwirinda gukomereka umuntu ahungishiriza umutima we mu “gihome cy’amabuye” cyangwa se intambara igatangira yo kubabaza uriya muntu (mubwenge, mu marangamutima, mu mitekerereze. (Worthington 2003: 227)³¹

c. *Ubushakashatsi bwerekana kandi ko hariho isano rya bugufi hagati y’imbaraga n’umunezero murushako n’uburemere bw’imibanire myiza cyangwa mibi.* Iyo abashakanye bagejeje ku 10, cyangwa 7, cyangwa se na 5 by’imibanire myiza baba banezerewe. Iyo ari 5:1 hahita habaho guhinduka mukanya nkako guhumbya: hejuru yurwego 5:1 abantu babona imibanire muburyo bwiza muri rusange, muni yur’urwego abantu abantu babona imibanire muburyo bubi. Na none, abashakanye niba abashakanye bafite igipimo cyiri muni 5:1 usanga akenshi na kenshi atari 4:1 ahubwo usanga byaramanutse bikagera kuri 1:1 cyangwa na none 1:2. (Worthington 2003: 227-28).

d. *Igiterekerezo cyo gukuramo uburozi ni uguhindura ibyo bintu, cyangwa iyo myitwarire, amagambo, n’ibitekerezo, bigatuma wikura muri cya gihome cy’amabuye, cyangwa intambara ukareka ibituntu byava kugasuzuguro bikajya ku kukwirwanirira hanyuma bakazana kongera*

³¹ Uru ruhererekane rumeze nk’uko Sande avuga ko umuzi w’ikibazo “ari ibyifuzo bitagezweho mu mitima yacu; “ibyo nabyo bikurikiza intambwe z’urugendo: (1) Ndifuzo—gutangiza amakimbirane n’umuntu (ibyo, bishobora kuba bifite ishingiro cyangwa ntaryo). Ikifuzo kitagezweho; (2) Ndasaba—icyo kifuzo kitagezweho hanyuma kigahinduka ikintu asaba “kigomba kubonerwa igisubizo byanze bikunze kugirango nyirikugisaba yumve anyuzwe, kandi ibyo bigashobora kuzana gusharirirwa, umujinya, no kwivumbura igihe cyose uko gusaba kutabonye igisubizo kifujwe; (3) Nciye urubanza—igihe mugenzi wacu adahagije ibyifuzo byacu ntibigere kubyo twateganyaga, turabanenga tukanabaciraho iteka mu mutima iyo tutanabivuze mu magambo; (4) Ndahana—imyifatire yo guca urubanza. Iganisha ku gushaka izindi nzira zaba nziza cyangwa mbi zo kubabaza uriya muntu cyangwa zo kumuhana kugirango atinde aduhe ibyo twifuza. (Sande 2004: 102-9)

kunyurana. Mu gukora ibi dushobora kureba ibimenyetso bitwerekana niba turi kongeramo uburozi kuruta kuburamo, duhumanya imibanire: (1) tugarura ibikomere bya kera kuruta guhangana n'ibikomere byavuba byo muri icyo gihe; (2) turushaho kurakarira uwatugiriye nabi; (3) dushotora uwo dufitanye ikibazo, aho guhangana nicyo kibazo; (4) twumva ubusharire; (5) ntabwo tureka ibyabaye ngo bigende.

4. Kwitanga. Hanyuma tugera ku ntambwe y'ubwiyunge, bisaba kwita kuri mugenzi wawe ndetse n'imibanire.

a. Tugera kuri iki gihe duhagaritse kuguma mubibi byabaye; ahubwo, dushakira umuti ububabare bwacu dukura isomo mubyo twacyiyemo, mu bikomere twacyiyemo. Tubona uburyo byaduhinduye kandi mubyukuri, byaduhinduye abantu beza. Tugera kurwego rwo kwitanga igihe twubaka urukundo. Dusobanukirwa ukuntu umuntu abona byombi ari ukwitabwaho no guhabwa agaciro gake, kudakundwa no gukundwa. Hanyuma dukora biriya byose kugirango tudatesha agaciro mugenzi wacu, ahubwo ngo tumuhe agaciro akwiriye kandi tumwereke n'urukundo. Kubwibyo, tugabanya ibibi tukongerera ibyiza mu mikoranire yacu uwo muntu akabibona.

b. Kuzamura urugero rw'ibyiza kurugero rw'ibibi bisaba kumenya undi muntu neza, kandi bigasaba no ku mukunda ukamwitaho. Binasaba kumenya uko abandi bantu bumva urukundo cyangwa babona ko bakunzwe. Uburyo bwo kwerekana urukundo hashobora kubamo: (1) nk'amagambo y'urukundo no kwemera; (2) gukoranaho no kwerekana kwiyumvanamo; (3) kumarana umwanya n'uwo muntu; (4) ibikorwa byerekana urukundo mukorera hamwe; (5) impano z'urukundo (Chapman 1995: *passim*). Dukoreshe ibi bintu byerekana urukundo ibyo mugenzi wawe ashobora guha agaciro muburyo bufatika. Muri make mu rugendo rwubwiyunge nibwo dusobanukirwa uwo muntu, no kubaho ubuzima nk'ubw'abakristo, dufite imitekereze y'Umwuka wa Kristo, ubusanzwe dukwiriye gusobanukirwa abantu kandi tukabana, ibihe byose no mu mibanire yacu yose.

IBITABO BYIFASHISHIJE

Aland, Barbara, Kurt Aland, Johannes Karavidopoulos, Carlo Martini, and Bruce Metzger, eds. 2001. *The Greek New Testament*, 4th rev. ed. Stuttgart: Deutsche Bibelgesellschaft.

Alcorn, Randy. 2009. *If God Is Good*. Colorado Springs, CO: Multnomah.

The Book of Common Prayer. New York: Seabury, 1979.

Carson, D. A. 2002. *Love in Hard Places*. Wheaton, IL: Crossway.

Chapman, Gary. 1995. *The Five Love Languages*. Chicago: Northfield.

Chapman, Gary, and Jennifer Thomas. 2006. *The Five Languages of Apology*. Detroit: Thorndike.

Danker, Frederick W., ed. 2000. *A Greek-English Lexicon of the New Testament and Other Early Christian Literature*, 3d ed. Chicago: University of Chicago Press.

Ellingworth, Paul. 1992. "Forgiveness of Sins." In *Dictionary of Jesus and the Gospels*, ed. Joel Green, Scot McKnight, and

Enright, Robert. 2001. *Forgiveness Is A Choice*. Washington, DC: American Psychological Association.

Grudem, Wayne. 1988. *The First Epistle of Peter (TNTC)*. Grand Rapids, MI: Eerdmans.

Jeffress, Robert. 2000. *When Forgiveness Doesn't Make Sense*. Colorado Springs, CO: Waterbrook.

Klassen, Daniel. n.d. *The Forgiveness Workbook*. Thunder Bay, Ontario, Canada: Lakehead University.

McCullough, Michael. 2000. "Forgiveness as Human Strength: Theory, Measurement, and Links to Well-Being." *Journal of Social and Clinical Psychology* 19, no. 1: 43-55.

Michaels, J. Ramsey. 1988. *1 Peter (WBC)*. Nashville, TN: Thomas Nelson.

- Sande, Ken. 2004. *The Peacemaker*, 3rd ed. Grand Rapids, MI: BakerBooks.
- Smedes, Lewis. 1984. *Forgive and Forget: Healing the Hurts We Don't Deserve*. San Francisco: Harper & Row.
- _____. 1996. *The Art of Forgiving*. Nashville, TN: Moorings.
- Solzhenitsyn, Aleksandr. 1985. *The Gulag Archipelago 1918-1956*. Translated by Thomas Whitney and Harry Willetts. Abridged by Edward Ericson, Jr. New York: Harper & Row.
- Willard, Dallas. 1997. *The Divine Conspiracy*. New York: HarperSanFrancisco.
- Witvliet, Charlotte vanOyen, Thomas E. Ludwig, and Kelly L. Vander Laan. 2001. "Granting Forgiveness or Harboring Grudges: Implications for Emotion, Psychology, and Health." *Psychological Science* 12, no. 2: 117-23.
- Worthington, Everett. 2001. *Five Steps to Forgiveness*. New York: Crown.
- _____. 2003. *Forgiving and Reconciling*. Downers Grove, IL: InterVarsity.
- Zodhiates, Spiros, ed. 1993. *The Complete Word Study Dictionary: New Testament*, rev. ed. Chattanooga, TN: AMG.

UMUGEREKA

Urugero rw'icyemezo gishingiye ku mbabazi mu gusana urushako rwangiritse mu murungu³²

Ingero zikurikira zateguriwe abashakanye ba bakristo. Ariko, zishobora gukoreshwa nabandi bakristo bahuye n'ibibazo muyindi mibanire. Bishobora kandi no gufasha abatari-abakristo, ariko ntibyabafasha cyane kuva bishingiye kumisobanurire ya Bibiliya abatari-abakristo batashobora kwemera.

Ikiciro cy'imbabazi gikoresha umujyanama n'abashakanye ni kirekire (nibura gitwara nk'amasaha atatu) kandi harimo intambwe 13. Intambwe zitondotse mubyiciro bitatu: (1) gusobanura no gutegura (intambwe 1-3) muri izi ntambwe harimo guhana ibitekerezo hagati y'umujyanama nabo bashakanye; (2) gusaba no gutanga imbabazi (intambwe ya 4-12)—nyuma yumwe mubashakanye yuzuza intambwe zose hagati 4-12 undi muri abo bashakanye agakora gutyo; naho (3) ikiciro cyo kwanzura bakora umuhango w'igikorwa kigaragara (intambwe ya 13). Abashakanye bazakenera rimwe na rimwe ko bazakenera ubundi bujyanama mukindi kiciro nyuma y'ikiciro cy'imbabazi, ariko iyo ikiciro cy'imbabazi cyagenze neza, gishobora kugabanyika ikiciro kizakurikiraho.

Intambwe ya 1: *Igisobanuro cy'imbabazi kiganirwaho.* Umujyanama ahabwa uburenganzira bwo kuvuga kubijyanye n'imbabazi igihe bagize kwizera urufatiro rwabo. Bose bavugaga icyo imbabazi zisobanura. Umujyanama avugaga ibijyanye nicyo Bibiliya ivugaga ku bagomba kwemera ko kubabarira kutagizwe no kumvisha ubwenge bwawe kureka kurakara no kudatekerezwa kwihorera gusa ahubwo ko zigizwe n'ibikorwa byo kwiyanga byo kubabarira n'urukundo nk'uko Kristo yabikoze. Gushyira abashakanye mu byanditswe ni ingenzi, kubera ko abakristo benshi bashakaga ko amagambo yabo, n'ibitekerezo, ndetse n'ibikorwa bishingira mu murungu w'Ibyanditswe.

Intambwe ya 2: *Kwita kuri buri wese ngo agire amahirwe yo gusaba imbabazi zibikorwa bye bibi yakoze bigomba gushyirwaho.* Abashakanye babona uburyo bwo kwaturirana ibibi bakoze, imbere y'umujyanama. Intego yabo si ugushyigikira ibikorwa byabo cyangwa gushinjanyanya kubiyaha byakozwe ahubwo umuntu yita ku kwishinja kwe, akihana amakosa ye. Umujyanama ashobora kuvugaga amagambo nkaya:

³² Uru rugero rushyigikira ku nyandiko zashyizwe ahabona na: Frederick A. DiBlasio, "Ibyanditswe n'Imbabazi: Inyunganizi mu Bashakanye Babakristo," *Urushako n'Umuryango: Ikinyamakuru cya Gikristo* 2 (1999): 247-58, na Frederick A. DiBlasio na Robert Cheog, "Urukundo nk'urwa Kristo no kubabarira mu kugira inama abashakanye libitekerezo hamwe n'ibikorwa" (byashyizwe ku mugaragaro n'umwanditsi wa *Urushako n'Umuryango: Ikinyamakuru cya Gikristo*, press).

Ikindi kandi, ECLEA ibifite ku rubuga rwayo (www.elea.net) ibitabo byombi by'umuyoboz ibifasha, kituyobora, hamwe n'igitabo cy'abahujwe cyanditswe na Everett L. Worthington kirimo ibyigisha bifasha kubabarira, *Kubona imbabazi: icyiciro cyo guhinduka umukristo ubabarira cyane*. Dr. Worthington yatanze uburenganzira bwo gukoresha ibikoresho byo kwigisha kubikura kurubuga, kubisohora, no kubikoresha ku buntu.

“Dukwiye gushyiraho urutonde rw’ibintu bituyobora mubyo tugiye kuvuga abashakanye akenshi bazazana ibintu byinshi bibareba mubujyanama bijyanye n’imyifatire y’ibikomere batewe n’undi muntu, ariko gake cyane bashobora ako kanya kwita ku makosa yabo. Niba wafashe icyemezo muri icyo cyiciro cy’ubujyanama, urashaka kureba ku ruhare rwawe mu kibazo niba ariwowe ugezweho ngo unyure murizo ntambwe twavuze kandi ntushingire kucyo wifuza ko uwo mwashakanye yatura? Niba uwo mwashakanye atavuga ku bintu ubona cyangwa wumva ko ari ingirakamaro mu byo mupfa, dushobora kuzabigarukaho mu kiciro gitaha.”

Intambwe ya 3: *Guterura wita kubyerekeye imbabazi n’icyemezo gishobora kubanza cyangwa ntikibanze.* Nibyiza cyane akenshi muri abo bashakanye guhera kuwakoze icyaha gikomeye. Buri wese muri abo bashakanye akwiriye kwiyemeza ibintu runaka asabira imbabazi. Umujyanama ashobora kureba niba ibyo bapfa bidafite aho bihuriye. Umujyanama ashobora kuvuga ati. “Imiterere y’icyiciro cy’imbabazi nkiki nticyahuza abantu nkamwe mubujyanama. Niba mubyemera [Uwubatsa A] azanyura muntambwe 4-12 muburyo bukurikirana, hanyuma duhe [Uwubatsa B] nawe bigende bityo (umujyanama ashobora kuba afite urupapuro rutari mu mashini rwiza muri make abibabwire mu mpine). Nzagira uruhare rufatika muri uyu mubano nwashyire mu nzira mfate n’imyanzuro mbifashijwemo namwe nkuko dutegereje ibitekerezo biganisha ku musaruro mugukurikira uru rugendo ruganisha ku mbabazi kandi hakazashobora gucungurwa kwimibanire yanyu mugihe kizaza.”

Intambwe ya 4: *Kuvuga icyaha.* Umwe mububatsa urugo akwiriye kuvuga neza imyitwarire ye yateje igikomere. Biba bikomeye kuvugwa muburyo bwerekana ko uzi neza ko ibyo wakoze ari bibi, byakomeye, kandi ko rwose utakiranutse ntakindi urenzaho. Ibihe byinshi uwubatsa urugo ashobora gushyiramo n’amakosa ya mugenzi we mugihe yarimo no kuvuga kuye bwite (urugero, umugabo agasaba imbabazi kugirango anenge muburyo bw’amagambo umugore we muruhame kubera imyitwarire ye n’imiterere ye yo guhindagurika). Bitewe nuko abibona ibikorwa by’umugore we bikuraho kwicira urubanza kwe hanyuma akazamura ingingo z’imurengera k’uruhande rw’umugore we umujyanama rero agomba gufasha uwo muntu umwe mububatsa urugo kuvuga ashyiramo gusa uruhare rwe mukibazo. Birafasha cyane kubaza umwe mububatsa uti, “Iki si icyaha?” Niba ashidikaniye, umujyanama akwiriye gutunga urutoki kuri kiriya cyaha umuntu azemera ko ari icyaha, cyangwa azi neza. Mubihe byinshi, kuvuga ku cyaha bizana ibindi bibazo byo gukemura.

Intambwe ya 5: *Uwakoze icyaha atanga ubusobanuro.* Umujyanama atangira iyi ntambwe mu guhabwa uburenganzira ku muntu wahemukiye akagerageza kugera ku mpamvu z’icyaha cy’umwe mubashakanye (mu kubona uruhushya aha afasha uwahemukiye mu bashakankanye nk’umuntu ugira icyo akora mu gusobanukirwa imyitwarire ikomeretsa). Umujyanama asobanura ko ibyaha byinshi mu rushako bitangirwa ubusobanuro, ariko ubwo busobanuro bwarabuze rimwe na rimwe kubera igikomere n’umubabaro impande zose zagize. Umujyanama akwiye kubamenyesha ko ubusobanuro butanzwe ku cyaha umuntu yakoze butafatwa “nk’impamvu yo gukora icyaha” ariko ari ukugera ku gice cy’amakuru kizabemerera kubona inzira yo gusuzuma icyaha. Bashaka kureba impamvu yihishe imyuma y’icyo cyaha binashobora kuganisha ku kwita kumyitwarire y’abashakanye ya mbere y’itariki y’urushako. Ibi kubigira bishobora gutera abashakanye kugira imyumvire myiza, impuhwe, umwe akazigirira undi.

Intambwe ya 6: *Ibibazo n’ibisubizo ku byerekeye icyaha.* Abashakanye bagomba guharanira kugirango umwe asobanukirwe undi. Nyamara, ibibazo byinshi babaza akenshi bikoreshwa “mu gushaka ingingo” kurusha gushaka gusobanukirwa undi no kubona amakuru. Umujyanama ashobora kuvuga: “Nk’uko ibi bishobora kumvikana nk’ibintu bidasanzwe, abashakanye bashobora kubona ibisubizo birasa ku ntego ku bibazo byabo, kubera umwuka wo kwirengera ubazengurutse. Ibibazo bikunda kubaho bibazwa mu buryo bubi cyangwa bikabazwa mu buryo bwo gutungana urutoki gusa. Iki rero kikaba ari igihe cyo kubona amakuru mu mwuka w’urukundo reka twese dukorere hamwe mu myumvire nyayo kuri iki kibazo mu kubaza ibibazo. [Uwubatsa B]. Hari ikibazo waba ufite, ku [umugore/Umugabo Wawe]?” Ugutanga ibisubizo mu kuri bihanaguraho icyaha k’uwagikoze bikoroha no kubabarira.

Intambwe ya 7: *Umuntu wakoze icyaha yerekana uko abyumva mumarangamutima.* Umubano mwiza ushobora kuza gusa igihe abashakanye bashobora guhurira ku rwego rw’amarangamutima. Uwahemukiye akeneye ko uwahemukiye asobanukirwa kandi akumva igikomere n’ibiyumvo ariko bishobora kutoroha mu buryo bwuzuye kubona amagambo asobanura ibiyumvo bye. Na none umujyanama agira uruhare rwo

kubashishikariza kudakoresha imvugo yo kwirwanaho. Umujyanama ashobora kuvuga ati: “nyamara byashoboka ko ari ngombwa [Uwubatsa B] kuvuga ko yakomeretse kubera ko afite ubwoka bwo kugutera igikomere ngo agutoneke, uramwemerera kumuha uruhushya [Uwubatsa A] rwo kuvuga ku bijyanye n’igikomere?” (Igihe umwe mu bashakanye ahaye undi uburenganzira bwo kuvuga ku gikomere cyane, bimuka mu gika cyo kwirwanaho bakajya mucyo kwakira.) Uwahemutse muri abo bashakanye ashobora kuvuga uko mu gihe runaka yiyumvaga nuko yiyumva muri iki gihe cy’ubjyanama.

Intambwe ya 8: *Uwahemutse yerekana impuhwe n’agahinda kubera igikomere yateje mugenzi we.*

Uwahemutse agira mu bitekerezo akibwira ku gikomere agahinda bitanga kumenya umubabaro w’uwo bashakanye akabyumva akamushimira. Inyungu yabyo ni ukugeza ku kugirirana impuhwe no gufasha guturutse ku maranga mutima. Abashakanye benshi bashobora kwikunda cyane bikabakomerera kwiyumvamo impuhwe no kuzigaragariza mugenzi wabo. Umujyanama ashobora kugera kuri icyi akoresheje kubaza ibibazo nk’ibi, “Igihe umugore wawe agukomerekeje cyane ugakanguka mu gicuku ari kurira wumva yiyumva gute?” Umujyanama ashobora gusaba buri wese kuvuga mu magambo make agahinda n’impuhwe akabibwira mugenzi we.

Intambwe ya 9: *Uwakoze icyaha ashira imbere umugambi wo guhagarika imyitwarire ye mibi.*

Kugirango uwo muntu mubyukuri ashake imbabazi bisobanuye ko uwakoze icyaha afata umugambi wo guhagarika imyitwarire y’ubushotoranyi no kubibuzza kuzongera kubaho mu gihe kizaza. Imbabazi zoroza gutangwa igihe hafashwe umugambi wo gukosora ibintu hagashyirwaho na gahunda yo gusobanura ibintu. Umugambi ugomba kuba usobanutse cyane cyane ugafatwa n’uwakoze icyaha abifashijwemo n’umujyanama n’uwo bashakanye. Umujyanama ashobora gusenga kugirango Mwuka Wera azane ibitekerezo byo kugirango ashobore kuvuga ati: “Kuki utangirana no kwiyemeza ibyo ushaka gukora, birashoboka uko uzagenda ubafasha gutekereza hazabaho nk’uburyo bwiza bwizeza ko uko kwiyemeza kuzagerwaho?” Umujyanama yandika raporo buri mugambi wa buri ruhande, akita kubintu by’ingenzi byabo bashakanye, bikandikwa ahantu bishobora kubonwa kandi hatekanye.

Intambwe ya 10: *Uwahemukiye mubashakanye agira impuhwe z’igikomere cy’uwamuhemukiye.*

Ibibazo by’abashakanye akenshi habamo ibikomere biteye ukwabyo haba kuwakoze icyaha no kuwa gikorewe muri abo bashakanye. Imyitwarire yuri ku ruhande rw’uwakoze icyaha isobanurwa n’ibikomere mu mibanire yabo bagize mu gihe cyashize. Mu rwego rwo hejuru uwakoze icyaha ahangana n’isoni no kwicuza kubwo kuba yarazanye umubabaro ku mugore/cyangwa ku mugabo we. Umujyanama ashobora kubwira umuntu wahemukiye: “Ndabizi ko icyaha cy’umugore wawe cyakuzaniye igikomere gikomere ariko turabona ko ubungubu nawe afite igikomere. Ushobora gushyira mu magambo ibyiyumvo ufite?” Nk’uko biri mu ntambwe ya 8 umujyanama ashobora gufasha abashakanye kugirirana impuhwe.

Intambwe ya 11: *Kwita ku mahitamo no kwiyemeza kureka ibyabaye.*

Umujyanama yibutsa abashakanye ikiganiro cyo muntabwe ya mbere n’icyemezo cyo gushyikirana habaho kubabarira. Niba uwahemukiye mubashakanye ahisemo kubabarira yiyemeza kureka ibyabaye. Icyaha ntakigire intwariyo yo gukoresha mu gihe kizaza. Ibyo si ngombwa ko bibuzza kuvuga ku cyaha; mu by’ukuri mu bujyanama kuvuga ku kucyaha bishobora gukenerwa; ibiganiro bikwiriye rero kwita ku bijyanye no kudakomeza kuza ku cyahano kuburyo bwo guhangana n’uburakari, n’ibitekerezo by’uburakari bishobora kuza hanyuma (reba ikiganiro cyerekeye kubabarira mu ruhande no kwimana imbabazi mu gice cya V. “Imbabazi n’Ubwiyunje” nk’uko twabibonye hejuru).

Intambwe ya 12: *Uburyo bwo gusaba imbabazi.*

Kugirango igikorwa cyo gusaba imbabazi kigende neza abashakanye bashyira mu magambo gusaba imbabazi kwabo no kuzitanga. Umujyanama ashobora kuvuga ati: “Iki nicyo gihe niba [Uwubatsa A] afite ubushake bwo gusaba imbabazi mu buryo bweruye imbere yanjye nk’umuhamya. [Uwubatsa B] ashobora gusubiza azitanga cyangwa yanga kugira ubushake bwo kubabarira.” Imbabazi zeruye imbere y’umuhamya bishimangira ko umwanzuro ugaragara wo gutanga imbabazi. Abenshi ubu bashakanye bashobora kurira, gufatana ibiganza, gufukama batsindagira kwihana kwabo, n’agahinda k’icyaha cyabo. Nyuma yo gutangwa kw’imbabazi umujyanama yandika itariki n’igihe ahantu hakomeye kandi agasaba abashakanye nabo kubandikira ahantu hakomeye. Umujyanama ashobora kuvuga ati: “Imbabazi zatekerejweho zitanzwe saa tanu za mu gitondo kuri iyi tariki nyamuneka mwite ku kubika iyi tariki n’isaha

kubera ko ari ibyera mu maso y’Imana. Niba hari ikibazo cyangwa ikibazo mutabajije ku mbabazi zitanzwe murebe kugihe n’itariki mubohoke mumpamagare nk’umuhamyana.”

Intambwe ya 13: Igikorwa cy’umuhango. Igikorwa cy’umuhango hagati yabashakanye gishimangira imbabazi bahanye kandi bigafasha gushyira ahagaragara umwanzuro bafashe, mu bwenge, mu marangamutima no buryo bw’umwuka. Numwanzuro wabo ukaramba. Umujyanama ashobora kubaza ati: “Ni gute mukora umuhango w’imbabazi zitangiwehano ikintu kikimenyetso gihagarariye imbabaziikintucy’umuhango?” Abashakanye bashobora kwandika ibyaha byabo ku rupapuro barangiza bakarutwika, bashobora no gutera igiti kidasanze, kwandika akabaruwa kurukundo cyangwa utubaruwa bakaduhana bashobora kandi no guhana impano, cyangwa bakagira ikindi cyintu gifite ubusobanuro kuri bo kandi cyaba ikimenyetso cy’imbabazi n’itangirary’ubuzima bushyabagiye gusangira. icyiciro cyose gishobora kuba icyo kubohoka guhindura ubuzima kugira icyo bihindura ku muntu ku giti cye, bikagira imbaraga ku mibanire yo mu rushako no kubahuriza hamwe bikongera urukundo bagirana na Kristo.

UMWANDITSI



Jonathan Menn aba i Appleton, Wisconsin, muri Leta Zunze Ubumwe za America. Yabonye impamyamba bumenyi ihanitse yo muri Kaminuza y’i Wisconsin-Madison mu nyigisho za politike arizo nyigisho zubutegets. Yarangiye afite amanota menshi mu mwaka wa 1974, ahita ashirwa mu’ishyirahamwe rikomeye ry’abanyabwenge ryitwa Phi Beta Kappa honor. Ni ho ya kuye impamyamba bushobozi ihanitse yitwa JD yo muri Kaminuza yigisha iby’amategeko y’i Cornell Law School, arangiza afite icyo bita magna cum laude, mu mwaka wa 1977, hanyuma yinjizwa mu gice bita umutwe w’Urwego Rukuru rw’Aba ba buranira abandi (Order of the Coif legal honor society). Ya amaze imyaka 28 yakuirikiye akora ibijyanye n’amategeko, nk’umushinjacyaha, muri Chicago hanyuma yifatanyaga n’ishyirahamwe ry’amategeko ryitiriwe Menn muri Appleton (Ishyirahamwe ry’Amategeko ryo muri Appleton), Yakiriye Umwami Yesu Kristo, avuka ubwa kabiri aba n’umwigishwa wa Yesu mu mwaka wa 1982. Inyota idasanze yo kwiga ijamba ry’Imana hamwe no gukorera Imana biramucanira bituma ajya kwiga amashuri ku rwego rwa kaminuza yo hejuru aho yakuye Maitrise mu’Ishuri rya kuri Trinity Evangelical Divinity School muri Deerfield, Illinois. Abona impamyamba bumenyi ihanitse isumba iyo yari amaze kubona yitwa M.Div. yo muri TEDS, summa cum laude, muri kamena umwaka wa 2007. Hagati yumwakawa 2007-2013 ni wewari umuyobozi mukuru w’Ishyirahamwe ryo Gufasha abapasitori mw’isi yose (EPI). Ubu na bwo uyu Jonathan ni we muyobozi w’umurimo wogufasha abapasitori b’amatorero muri Afirika y’Uburasira zuba (www.eclea.net). Ibitabo byinshi yanditse ku bintu bimwe nabimwe bijyanye n’inyigisho za Bibiliya bishobora kuboneka ku rubuga nkoranya mbaga www.eclea.net. Jonathan ashobora kubonekera cyangwa kwandikirwa biciye kuri murandasi kuri aderesi ikurikira: jonathanmenn@yahoo.com.